
# IBYIGISHO BYA BIBILIYA




Scanned with CamSc

# IBYIGISHO BYA BIBILIYA

Cyavuguruwe mu mwaka wa 2013

SEVENTH DAY ADVENTIST CHURCH
ASA[redacted]-NYARUGENGE
EAST CENTRAL RWANDA CONFERENCE

Scanned with CamSc

# INTERURO Y'IBYIGISHO

## BY'IGIHEMBWE CYA MBERE

Abashaka kuba Abakristo mu itorero ikintu cy'ingirakamaro rwose kibakwiriye ni ukubanza kwiga Bibiliya, bagasobanukirwa n'ibyo yigisha. Ibi byigisho 52 ni cyo byagenewe.

Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi bamenyekanye ko ari abasomyi ba Bibiliya. Umuntu wese witegura Ubukristo bwo mu Itorero akwiriye gukunda Ijambo ry'Imana akamasha gukurikira ibyo ryigisha. Kandi rero, kwiga Bibiliya bizana imigisha, nk'iyi ikurikiyeho:
"Nta kintu cyiza gitera ubwenge imbaraga kuruta kwiga Ijambo ry'Imana." **(GW. p.249).**

Iyaba abantu bigaga Ijambo ry'Imana uko bikwiriye baba bafite ubwenge bushyitse bwimbitse n'ingeso nziza, bakanamba no gushikama, batajegajega. Nubwo abameze batyo ari ingume muri iki gihe. **(Kugana Yesu p.63).**

"Iyaba bibuganyizagamo Ijambo ryayo, baba bararisanzemo umwuka n'ubugingo. Ijambo ry'Imana ryica ingeso za kamere y'iyi si, kandi rihesha ubugingo bushya muri Kristo Yesu." **(DA.p.391).**

Nk'uko ubugingo bwacu bwa kamere butungwa n'ibyokurya, ni ko n'ubugingo bw'umwuka butungwa n'ijambo ry'Imana, maze umuntu wese akabona ubugingo buvuye mu ijambo ry'Imana ubwayo. **(DA.p.390.)**

"Kuko nta wizera wo mu itorero yaba umugabo, yaba umugore cyangwa se umusore uzagira Ubukristo bushyitse adatunzwe no kwiga ijambo ry'Imana" **(CSSW.p.17)**. Kubera iyo mpamvu, haringanijwe ibi byigisho ngo bibafashe.



Scanned with CamSc

Kugira ngo ubone inyungu nyinshi muri ibi byigisho ukwiriye kugira Bibiliya. Nuko rero, uwiga igitabo cy'Imana aba akwiriye kucyiga iteka. Ubwo uzajya mu ishuri ryo ku Isabato buri cyumweru, uzajya ufatanya n'abandi bigishwa kwigira hamwe no kuganira icyigisho.

Ijambo ry'Imana ritwigisha ko ibintu by'Umwuka w'Imana na byo biba biboneka mu mwuka **(1 Korinto 2:14).** Abana bifuza gufashwa n'Umwuka ngo basobanukirwe na Bibiliya. Ni byiza kugira akamenyero ko kubanza kubika umutwe bagasaba kuyoborwa n'Imana, bataratangira kuryiga. Wige icyo kwibukwa cyo mu ntangiriro ya buri cyigisho, kibamo ingingo y'ingirakamaro. Ujye uhora ubyiyibutsa ngo utabyibagirwa. Itondere umugambi wa buri cyigisho, kandi unyure mu bibazo by'icyigisho ubikuye ruhande.

Ibyigisho by'iki gihembwe ni urufatiro. Biratugaragariza itangira ry'ibintu byose. "Mbere na mbere Imana yaremye ijuru ni isi. (Itang 1:1). Nusobanukirwa n'ibi byigisho byiza, uzagira urufatiro mu bindi byigisho byose biva mu ijambo ry'Imana.



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 1

## IMANA NYAKURI

**Icyo kwibukwa:** "Ariko Uwiteka ni we Mana nyamana; ni Imana ihoraho ni Umwami w'ibihe byose" Yeremiya 10:10.

**Umugambi w'Icyigisho:** Kugaragaza ko hariho Imana imwe nyakuri kandi ko itagira isano n'ibishushanyo byaremwe n'umuntu.

**Interuro**

Umuntu wese afite muri we ubwenge bumubwiriza gusenga. Umuntu afite umutima uhana umumenyesha ubushobozi bukomeye. Uhereye kera mu bihe byose amahanga menshi yayobye Imana nyakuri ni cyo gituma basenga mu bujiji ibigirwamana byaremwe n'abantu. Nyamara kandi ntibigira icyo bibamarira. Ariko kandi **Imana Rurema** ni yo nyakuri, ni inyambaraga kandi ni Imana ihoraho.

**Ku wa Mbere: Imana nyakuri ni iyihe?**

**1. Mbese Imana nyakuri ni umuntu uhimbazwa? Kubara 23:19; Hosea 11:9.**

**Icyitonderwa:** Imana yatubwiye ko atari umuntu. Amahanga menshi yaremye ibigirwamana by'abantu bapfuye ari intwari n'abakomeye. Nuko batangira kubisenga. Nyamara nta muntu wabaye Imana amaze gupfa.

**2. Mbese Imana nyakuri iba hehe? Yesaya 66:1; 1 Timoteyo 6:16, (ahabanza.)**

**Icyitonderwa:** Aho Imana iba ni kure cyane hirya y'ibicu, ni kure cyane aho tutabasha kugeza ibitekerezo. Aho iba hitwa "Ijuru."



Scanned with CamSc

## Ku wa kabiri

**3. Kamere y'Imana nyakuri ni iyihe? Yohana 4:24;Yesaya 40:28.**

**Icyitonderwa:** Imana ni Umwuka. Ubwo ni bwo buryo itandukanye n'umuntu. Imana nyakuri ihoraho iteka ryose. Ntigira itangiriro kandi ntishobora kugira iherezo.

**4. Mbese dushobora kureba Imana nyakuri? Yohana 5:37; 1 Timoteyo 6:16.**

**Icyitonderwa:** Icyubahiro cyayo kirakomeye cyane nta muntu w'umunyabyaha wabasha kureba mu maso hayo ngo abeho. Ariko nubwo bimeze bityo itwiyereka mu bundi buryo.

"Guhishura kw'Imana yihishuye yakugaragarije mu Ijambo ryayo kugira ngo turyige. Ibi dukwiriye kubishakashaka tukabisobanukirwa. Ariko turamutse tutagenje dutyo ntitwabigeraho. Ubwenge bukomeye busumbye ubundi, bubasha kuruha bukarinda buhenebera bugikeka ibyerekeye kamere y'Imana; ariko uwo muhati wose ntuzagira icyo umara. Ikibazo gikomeye ntitwagiherewe kugira ngo tugisobanure. Nta bwenge bw'umuntu bubasha gusobanukirwa n'Imana. Nimucyo he kujya habaho uwirushya agerageza gusobanura uko Imana imeze. He kujya habaho uwishyira mu byo kugenzura kamere y'Imana. Kwicecekera ni yo mvugo nziza. Nyir'ubumenyi bwose ihebuje ibyo abantu baganira byose. **(8T.p.279.)**

Uko tuzagumya kwiga byinshi byerekeye uko Imana imeze, natwe kandi uko tumeze imbere yayo, tuzatinya duhindira umushyitsi imbere yayo." **(8T.p.283.)**



Scanned with CamSc

**Ku wa gatatu: Twahamya imbaraga z'Imana dute?**

**5. Twamenya dute Imana itaboneka? Abaroma 1:20**

**Icyitonderwa:** Imana nyakuri imenyekana mu buryo bwo kwiga ibyo yaremye. Ibituzengurutse byose bigaragaza ko imbaraga yabiremye iruta iy'umuntu.

**6. Imana yerekanye imbaraga yayo ite? Yeremiya 32:17; Zaburi 1:9**

**Ku wa kane**

**7. Aho tubwirwa kureba imbaraga z'Imana ni he? Yesaya 40:26**

**Icyitonderwa:** Izuba, ukwezi n'inyenyeri byerekana imbaraga zayo. Byose bifashwe n'ukuboko kutagaragara. Izuba rimeze nk'umupira munini rihora ryaka umuriro ntiripfa ni ko rihora ibihe byose kandi riruta ubunini iyi si yacu. Inyenyeri ntizibarika. Ariko Imana nyakuri izi amazina yazo zose. Abagenzura iby'inyenyeri bahora bavumbura izindi nyenyeri nshya. Inyenyeri ziba kure yacu cyane bigatuma tumenya uko icyeragati cyazo kireshya.

**Imana nyakuri ivuga iki ku ibigirwamana?**

**8. Mbese Imana yemera ko umuntu wese yiremera ikigirwamana ngo akibangikanye na yo? Kuva 20: 4, 5.**

**Ku wa gatanu**

**9. Ubupfapfa bw'abarema ibishushanyo bibajwe ni ubuhe? Yesaya 44:9-47; Yes 46:5-7; Zaburi 115:2-8.**

**Icyitonderwa:** Umubaji w'ibishushanyo ntabura gutekereza ko afite imbaraga ku giti kuko agica akibazamo ikigirwamana. Kandi ntabwo amenya ko adashobora guha ingiga y'igiti ubugingo. Gusenga igishushanyo icyo ari cyo cyose ni ikintu Imana yanga urunuka.

**10. Imana z'ibinyoma zizamera zite? Yeremiya 10:11. Kuwa**

**Gatandatu : Kwibutsa Rusange.**



Scanned with CamSc

# ICYIGISHO CYA 2

## IGITABO GIHISHURA IMANA

**Icyo kwibuka:** Ubwatsi buraraba, uburabyo bugahunguka, ariko Ijambo ry'Imana yacu rizahoraho iteka ryose. **Yesaya 40:8.**

**Umugambi w'Icyigisho:** Kugaragaza ko Ijambo ry'Imana ryanditswe, ari ryo rihishurira umuntu Imana ubwayo.

### Interuro

Hariho Imana imwe nyakuri, ni yo Mana ihoraho. Yimenyesheje umuntu mu byo yaremye. Ariko kandi hariho ubundi buryo tubasha kuyimenyamo, tugiye kubwiga muri iki cyigisho.

**Ku wa mbere: Ni nde watanze Bibiliya ?**

**1. Izina Bibiliya yiswe ni irihe? Matayo 21:42; Luka 8:21.**

**Icyitonderwa:** Yiswe ibyanditswe, mu yandi magambo ni "Ijambo ry'Imana."

**2. Ibyanditswe byera byatanzwe n'Imana? Yabitanze ite? 2Timoteyo 3:16.**

### Ku wa Kabiri

**3. Ni bande bayoboye umurimo wo kwandika ubu butumwa bwavuye ku Mana? 2 Pet. 1:21.**

**Icyitonderwa:** "Abantu bera b'Imana bavugwa aha bari ubwoko bw'Abaheburayo, ubwoko Imana yatoranyije kuba ibisonga byayo ku isi. Nta muntu uriho ku isi muri iki gihe wagize ibyo yandika muri Bibiliya.



Scanned with CamSc

Ahubwo bafashije kuyisobanura mu gitabo cyera bayisobanura mu rurimi cyanditswemo mbere hose, kandi bafashijwe n'abanyamahanga b'amoko menshi atari amwe.

**Bibiliya Yageze ku bantu ite?**

**4. Abantu bafashijwe bate muri uyu murimo wo guhishura? Abaheburayo 1:1; Ibyah 1:1.**

**Icyitonderwa:** Bari ibikoresho byo kujyana ubutumwa bw'Imana ku bantu.

**5. Ubutumwa bwavugwaga nk'uko byanditswe? Ibyak 1:16; 2 Samweli 23:2.**

**6. Abantu banditse Bibiliya ni bangahe ?**

**Icyitonderwa:** Abantu mirongo ine ni bo banditse iki gitabo. Babayeho mu gihe cyo hambere mu myaka 1500 isaga. Imyandikire y'iki gitabo iratangaje. Amagambo amwe yacyo yanditswe n'abami, abami b'abami, ibikomangoma, abasizi, impuguke, abacurabwenge n'abantu bari barigiye ubwenge mu Misiri, yandikwa n'abigiye i Babuloni, yandikwa n'abigiye ku birenge by'abigisha (rabbis) b'i Yerusalemu. Cyanditswe n'abantu birukanywe iwabo, bacyandikira aho baciriwe, mu rwuri, mu butayu, aho bari mu mahema iruhande rw'amazi adasuma.

Muri abo bayanditse dusangamo abakoresha b'ikoro n'abashumba n'abasaruzi b'imikuyu, dusangamo n'abakene, n'abatunzi, n'abategetsi, n'ababwirizabutumwa, abaciwe, abakapiteni, abanditsi b'amategeko, abacamanza, abanyacyubahiro bose, abantu b'uburyo bwose banditse muri iki gitabo gitangaje....



Scanned with CamSc

"Harimo inyandiko z'uburyo bwinshi. Mbega ukuntu byajyaga kuba urudubi iyo ibitabo mirongo itandatu na bitandatu bya Bibiliya byandikwa bityo bikandikwa n'abantu batayobowe n'Umwuka w'Imana!" **"W.Hastings; Will the old Book Stand.." p.19.**

**Ku wa kane: Akamaro ko kwiga Ijambo ry'Imana ni akahe?**

**7. Umuntu usoma Ibyanditswe Byera bimumarira iki? 2Timoteyo 3:15.**

**8. Ijambo ry'Imana rizamarira iki imitima yacu? Abah. 4:12**

**Icyitonderwa:** "Bibiliya kuko ari yo yigisha ubwenge ni yo ihebuje byose. Mu Ijambo ry'Imana ni mo umutima ukura icyigisho cy'igitekerezo cy'ingenzi cyifuzwa cyane. Bibiliya ni igitekerezo gihebuje mu byo abantu bagira byose. Yaje ari nshyashya iva mu isoko y'ukuri kw'iteka, kandi ukuboko kw'Imana kwarinze kwera kwayo kugumaho mu bihe byose bya kera. Iramurika umucyo wayo ukagera kure aho umuntu atabasha kugera. Mu Ijambo ry'Imana tubonamo imbaraga yashyizeho urufatiro rw'isi kandi ibamba ijuru. Aha ni ho tubona igitekerezo cya bene wacu batandujwe n'urwangano rw'abantu cyangwa ubwibone. Yanditswemo n'intambara n'abakomeye bagiye banesha iyi si itigeze kumenya. Harimo ibiruhije bikomeye by'imirimo n'imibereho yagaragajwe... Mu ijambo ryayo harimo ukuri, ubwenge bw'umwigishwa buraza bugahura n'ubw'Imana. Uko kwiga kumeze gutyo ntikuzatunganya ingeso gusa, ahubwo ntikuzabura no kwagura no gukomeza imbaraga z'ubwenge. **"(PP.p.596.)**

**Ku wa gatanu**

**9. Ni mu buryo ki Bibiliya ishobora kutubera ibyokurya bya buri munsi? Zaburi 119:105; Luka 4:4.**

**10. Ijambo ry'Imana rizagumaho kugeza ryari? Yesaya 40:8.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** "Icyo mvuga ni iki, urebye mu gitabo cy'Imana wasanga ko Imana yahaye abantu impano nziza." Aburahamu Lincoln. "Twabonye ijambo ry'Imana ririmo ububasha bukomeye."

**Ku wa Gatandatu: Kwibutsa rusange**



Scanned with CamSc

# ICYIGISHO CYA 3

# UBUMANA BWA KRISTO

**Icyo kwibukwa:** "Mbere na mbere hariho Jambo. Jambo uwo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana... Jambo uwo yahindutse umuntu." Yohana 1:1,14

**Umugambi w'icyigisho: Kugaragaza ko Yesu Kristo ari Imana.**

## Interuro

Ibyanditswe byera byigisha uko Imana yihishuriye umuntu, si mu buyobozi bwayo bw'iminsi yose gusa, ahubwo no kumenywa n'Imana. Twiboneye amahirwe yo kumenya ubumana no kumenya uko Imana ubwayo yigize umuntu.

**Ku wa Mbere: Kristo yabayeho uhereye ryari?**

**1. Twiga ibiki bya Kristo mu Byanditswe? Yohana 1:1-3,14.**

**Icyitonderwa:** Yahozeho mbere na mbere. Yahoranye n'Imana, yari Imana. Nawe yararemye. Yaje muri iyi si kumenyekanisha ko Imana ari Se. Yamenyekanye ko ari Imana Mwana.

**Mbese Imana Data wa twese n'Imana Mwana baratandukanye? Abah 1:1-3; Abakol 1:14-17.**

**Icyitonderwa:** Kristo yatugaragarije: Kurabagirana k'ubwiza bwa Se: Ishusho ye y'umuntu. Ishusho y'Imana itarebwa n'amaso (y'abantu) Umuremyi ushyigikiye ibintu byose.



Scanned with CamSc

## Ku wa Kabiri:

**3. Mbese hariho ubumana bwafatanyije mu irema?**
**Itangiririo 1:26**

**Icyitonderwa:** Dukoresheje insimburazina **"twebwe"** byerekanako hariho abafatanyije kurema benshi barenze umwe. Abakristo bizera ko hariho ubumana butatu, kuko **Itangiririo 1:2** havuga ko n'Umwuka w'Imana yari ahari.

SEVENTH DAY ADVENTIST CHURCH * EAST CENTRAL RWANDA CONFERENCE * ASA UR-NYARUGENGE

**Yaje muri iyi Si ryari ?**

**4. Mbese Bibiliya yigisha ko Kristo yahozeho? Mika 5:2.**

## Kuwa gatatu

**5. Mbese igihe yazaga muri iyi si ubumana bwe bwaravuzwe?**
**Luka 1:35; Matayo 3:17.**

**Icyitonderwa:** "Kristo ntiyaretse kuba Imana igihe yahindukaga umuntu. Nubwo yicishije bugufi akagira akamaro k'umuntu, ubumana bwagumye kubaho. Kristo gusa ni we wagaragarije abantu Se **(DA.p.663.)**

**6. Mbese Kristo ni umwe na se? Yohana 50:30; Yohana 14:9-11**

**Ku wa kane: Uwo Kristo yakundaga cyane ni nde?**

**7. Ingeso y'indatwa y'Imana ni iyihe? 1 Yohana 4:8.**

**8. Urwo rukundo rwagaragajwe rute? Abaroma 5:8: Yohana 3:16.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** "Umwana w'Imana ni we wajyaga gusohoza uko gucungurwa kwacu, kuko ari wenyine wari mu gituza cya Se. Ni we ugomba kumumenyekanisha. Uwari uzi uburebure bw'igihagararo n'uburebure bw'ikijyepfo by'urukundo rw'Imana,ni we wabashaga kurugaragaza. Nta kintu na gito kiruta igitambo cy'iteka Kristo yatanze mu cyimbo cy'umuntu waguye." **(SC.p.14)**

**9. Kuki yaje muri iyi si? Matayo 1:21,23.**

**Icyitonderwa:** "Igihe Kristo yakiriwe nk'umuntu ari Umukiza, agakiza kaje ku muntu." **(DA.p.556.)**

**10. Mbese Kristo yagumanye imbaraga y'ubumana bwe nyuma yo kubambwa? Abah 4:14,15; 1:8.**

**Icyitonderwa:** "Ubumana bwa Kristo butera umuntu ibyiringiro by'ubugingo bw'iteka." **(DA.p.530.)**

**Ku wa Gatandatu kwibutsa rusange.**



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 4

# UMURIMO W'UMWUKA WERA

**Icyo kwibukwa:** "Ariko umufasha, ni we Mwuka Wera uwo Data azatuma mu izina ryanjye, ni we uzabigisha byose." Yohana 14:26

**Umugambi w'icyigisho:** Kugaragaza umugambi w'umurimo w'ubumana bwa gatatu mu Bumana bwera.

### Interuro

Ibyanditswe kimwe n'ubuhamya bwe, bigaragaza ko Kristo ari Imana. Kuba umuntu kwe kwarushijeho guhuza umuntu n'ijuru. Asubiye mu ijuru yagambiriye ko Imana Data izagumya kwerekanwa ku isi, kandi ni ko yabiteguye ngo abe ari ko bizagenda.

### Ku wa Mbere

**Aho dusanga Umwuka Wera yahamijwe bwa mbere mu Byanditswe Byera ni hehe? Yobu 26:13; Itangiriro 1:2.**

**2. Ni irihe sezerano Kristo yasezeraniye abigishwa be ryerekeye Umwuka Wera? Yohana 14: 16,17.**

**Icyitonderwa:** "Umwuka Wera wari impano iruta izindi zose. Kristo yasabye Se, kugira ngo aheshe ubwoko bwe icyubahiro. Umwuka wajyaga kubahesha kuvuka ubwa kabiri, kandi bitabaye bityo igitambo cya Kristo cyajyaga kuba ubusa. Icyaha cyabasha kurwanywa kandi kikaneshwa gusa n'uwa gatatu mu Bumana butatu, wajyaga kuza afite imbaraga zikomeye, zifite kuzura k'Ubumana. Umwuka ni we ukora ibyakozwe n'Umucunguzi w'isi. Umwuka ni wo weza umutima ukawutunganya.



Scanned with CamSc

Umwuka ni we utera uwizera gusangira kamere n'Imana. Kristo yatangiye Umwuka we kuba imbaraga yo kunesha ibibi byose, n'abifuza kubikora, kugira ngo bagire ingeso nk'ize mu itorero rye." (DA.p.671.)

**Ku wa kabiri**

**3. Twabwirwa n'iki ko Umwuka Wera na we yagize icyo akora mu gihe cy'Isezerano rya kera? Itangiriro 6:3.**

**4. Ni nde wajyaga kohereza Umwuka Wera Kristo yasezeranye? Yohana 14:26.**

**Ku wa gatatu: Umurimo w'Umwuka.**

**5. Imirimo imwe y'Umwuka w'Imana ni iyihe? Yohana 14:26;Yohana 16:8; 13, 14.**

**Icyitonderwa:** Ngaho tekereza imigisha izazanwa n'Umwuka, kubigisha ibintu byose. Kubibutsa ibyo Kristo yigishije. Gucyaha icyaha mu bugingo. Kubayobora mu by'ukuri byose. Kwerekana ibizaza (Impano y'ubuhanuzi). Muri ibi byanditswe bigaragaza ko Umwuka Wera ari we uhamya Kristo ku isi. Iyo Itorero rigerageje gushyiraho umuntu akaba intumwa ya Kristo mu cyimbo cy'uwa gatatu mu Bumana, ibyo ni ukugerageza gushyira umuntu mu cyimbo cy'Imana.

**6. Mbese Umwuka Wera yakoze iki igihe Ibyanditswe Byera byandikwaga? 2 Petero 1:21.**

**Ku wa kane: Imbuto z'Umwuka**

**7. Ni ibiki byerekana ko Umwuka Wera aba mu mutima w'uwizera? Abagalatiya 5:22, 23.**



Scanned with CamSc

**8. Abasha ate kutuyobora? Abagalatiya 5:16.**

**Icyitonderwa:** "Kristo yasezeraniye itorero rye impano y'Umwuka Wera kandi iryo sezerano natwe ni iryacu nk'uko ryasezeraniwe intumwa za mbere. Ariko ni nk'ayandi masezerano. Hariho benshi bizera ko asohozwa ibyangombwa bigezweho. Kandi bavuga bakishingikiriza ku masezerano y'Uwiteka, bakavuga ibyerekeye Kristo n'ibyerekeye Umwuka Wera ni we udukoresha. Ariko benshi ntibajya babyitaho.

Bashaka kwigira ibyigenge ni yo mpamvu badahabwa impano yo mu ijuru. Abanamba ku Mana bicishije bugufi bakaba maso bakayoborwa n'ubuntu bwayo ni bo gusa bahabwa Umwuka. Imbaraga y'Imana itegereza ko bayisaba bakanayakira. Iryo sezerano rizana umugisha, riheshwa no kwizera, riba inkuruzi y'indi migisha yose aho iyo iva ikagera. Ritangwa rikurikije ubutunzi bw'ubuntu bwa Kristo yiteguye guha buri mutima ihwanye n'ibyo ushobora kwakira." **(DA.p.672.)**

**Ku wa Gatanu**

**9. Twabasha kubabaza Umwuka Wera? Abefeso 4:30**

**Icyitonderwa:** "Twasanze kurebera ku muntu byonyine bitagize icyo bimaze. Imbaraga y'Imana izabana natwe idukomeze mu ntege nke zacu, turi mu mahoro cyangwa mu makuba, mu bwenge bwacu igihe turindagira mu mwijima, atuyobora iyo dufite agahinda akanaduhamiriza, akaturinda, atuyobora mu gukiranuka igihe icyaha cyasagambye. Ni we udutsindira ibishuko, ni we muvandimwe utumara irungu.... Iyi mbaraga nziza, y'Imana yatangiwe kugira ngo yinjire mu mutima wose." **Dr.Alexandre Maclaren.**

**10. Umukristo wuzuye Umwuka mu bugingo bwe agira imibereho imeze ite? Ibyak 1: 8; Matayo 28:8; Matayo 28:19, 20.**

**Ku wa Gatandatu: Kwibutsa rusange.**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 5

# SATANI UMWANZI W'IMANA

**Icyo kwibukwa:** "Ukora ibyaha ni uwa Satani, kuko uhereye mbere na mbere Satani akora ibyaha." 1 Yohana 3:8.

**Umugambi w'icyigisho:** Gusobanura ikibazo gikomeye cy'icyatumye Imana yemerera icyaha kwinjira mu biremwa byayo.

### Interuro

"Inkomoko y'icyaha n'impamvu cyabayeho ni byo bitera abantu benshi umubabaro ukomeye. Babona ingaruka y'ibiteye ubwoba by'amahano y'ibyorezo, maze bakabaza uko ibyo byose bishobora kubaho binyuranyije n'Ifite urukundo. Ibyo ni ibihishwe, bitabona uko bisobanurwa." (GC.p.492.) Ariko ijambo ry'Imana ryahishuye ibyo byahishwe.

**Ku wa Mbere: Inkomoko y'ibibi bidukikije ni iyihe?**

**Icyaha cyavuzwe ko ari iki? 1 Yohana 3:4.**

**Icyitonderwa:** "Ntibishoboka gusobanura inkomoka y'icyaha no kuvuga impamvu cyabayeho. Ariko birahagije gusobanukirwa n'itangiriro ry'icyaha, kugira ngo tugaragaze gukiranuka n'ubuntu bw'Imana mu byerekeye ibyo yagiriye ibi rwose. Ntacyo Bibiliya itubwira ku mugaragaro kiruta ko Imana itari ifite inshingano yo kuza kw'icyaha, mu butware bw'Imana nta ntege zibamo zatanze intandaro y'ubugome. Icyaha ni kidobya, kiza nta mpamvu ibiteye. Ni ibyahishwe, nta wabasha kumenya inkomoko yacyo; kugira urwitwazo rwacyo ni ukugishyingira. Urwitwazo rucyerekeye rukunda kuboneka cyangwa impamvu itumye kibaho ikunda kugaragazwa, ikaba ari yo cyaha.



Scanned with CamSc

Ubusobanuro bwacu bwatanzwe gusa bwerekeye icyaha ni ubuvugwa mu ijambo ry'Imana: **kwica amategeko**. Ni inkomyi y'amateka y'Imana; kirwanya itegeko rikomeye ry'urukundo ari rwo rufatiro rw'ubutware bw'Imana." **(GC.P.492, 493.)**

**Ni nde uvugwa ko ari we munyacyaha wa mbere ?**
**1 Yohana 3: 8; Yohana 8:44.**

**Ku wa kabiri**

**Mbese hariho abacumuranye na Satani? 2 Petero 2:4.**
**Ni irihe zina rindi Satani yiswe? Ibyah 12:9.**

**Ku wa gatatu: Ni nde wahoze ari Umukerubi utwikira?**

**Icyubahiro Satani yari afite mu ijuru cyari kimeze gite?**
**Ezekieli 28:12-15.**

**Icyitonderwa:** Biragaragara ko aya magambo yo muri Ezekiyeli 28 avuga ibyo umuntu wahoze mu murima wa Edeni. Habaga abantu batatu gusa ni bo aba: Adamu na Eva n'inzoka. Twamaze kubona ko izina rimwe mu mazina ya Satani ari inzoka ya kera. Imana ntiyaremye Satani ari mubi ahubwo yamuremye ari Umumarayika mwiza,wuzuye ubwenge n'ubwiza. Izina rye ryari Lusiferi, ari ryo risobanura ngo "Umutwaramucyo." Bisobanurwa ko imirimo yakoraga yari umuririmbyi kandi yari umuyobozi w'abaririmbyi wasigiwe gutwikira. Yari afite ubwiza n'icyubahiro. Imana yaremye Lusiferi nk'uko yaremye ibindi biremwa. Imana yamuhaye imbaraga yo guhitamo. Yashoboraga guhitamo gukorera Imana cyangwa se kubyanga.



Scanned with CamSc

**Icyo Lusiferi yifuje kugira ni iki? Yesaya 14: 12-14; Ezek 28:17**

**Icyitonderwa:** "Buhoro buhoro Lusiferi yagumye kwinezeza ashaka kwishyira hejuru ubwe....Ubwiza n'icyubahiro yari afite byari byaraturutse ku Mana. Uyu mumarayika w'Ububasha yararoye yibonamo ko ari umukire. Ntiyitaye ku mwanya yari afite w'icyubahiro, nubwo yahimba-zwaga n'ingabo zo mu ijuru, yahangaye kwifuza kuba umuremyi ubwe. Mu cyimbo cyo gukuza Imana mu rukundo kandi kugira ngo ibyaremwe byose biganduke, ni we byajyaga guturukaho abaye azanye amahoro no kuga-nduka yumviye ubwe. No kwifuza ubwiza bwa Data wa twese uhoraho afatanyije n'Umwana we, abo bamaraika b'ibyegera bifuzaga gutwaza igitugu ubutegetsi bwari ubwa Kristo wenyine." **(PP.p.35.)**

"Ubuhenzi bwa Satani bwo gushidikanisha abantu no kubatera gushakashaka icyo Imana itashatse ko tumenya, ni cyo cyari ikintu cy'ikubitiro. Ni nacyo cyatumye Lusiferi abura ahantu he ho mu ijuru. Habaye umubabaro kuko ibanga ry'Imana n'imigambi yayo yose yari yayibwiwe, ubwo ntiyarushya yita ku byo ahishuriwe byerekeye umurimo we bwite yari yarahawe w'agaciro ko hejuru. Ku bwo kutanezerwa no kwivovota mu bandi bamarayika ku bwo itegeko rye, bimuzanira kugwa. Na none arashaka kwinjiza mu bwenge bwabo umwuka umeze utyo ngo abayobore ku kutita ku mategeko y'Imana." GC.p.523.

**Ku wa kane: Ni iki cyatumye Satani agwa?**

**Mu ijuru habaye iki bitewe n'ingaruka y'ubugome bwa Lusiferi? Ibyah. 12: 7-9: Luka 10: 18.**

**Satani n'abamarayika be bagiye he? 2 Petero 2:4: Ibyah 12:12.**
**Tuburirwa ko dukwiriye kwirinda Satani dute? 1Petoro 5: 8.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** "Imbaraga n'ububi bwa Satani n'ingabo ze haba ubwo bidutera ubwoba tutabonye ubuhungiro n'agakiza mu mbaraga ikomye y'Umucunguzi wacu. Turinde amazu yacu tuyakingishije ibyuma bikomeye n'ingufuri turinde ibyacu n'ubugingo bwacu kugira ngo abantu b'abagizi ba nabi batabijyana: ariko dutekerezeho gato iby'abamarayika babi bahora bashaka kutwegera, bagakomeza gutwaza badusatira ntitwabasha kwihagararaho bitewe n'imbaraga yacu bwite. Ariko abayoboke ba Kristo iyo bihishe munsi y'amababa ye baba amahoro.

Abamarayika beza boherezwa bavuye mu ijuru bazanywe no kubakomeza no kubarinda. Wa mubi ntashobora kumena ngo ace icyuho mu nkike Imana yubakiye ubwoko bwayo." **(GC.p.517)**

**Ni iki cyatumye Imana itarimbura Satani? 2Petero 3:9.**

**Icyitonderwa:** "Nubwo Satani yacibwaga mu ijuru, Nyir'ubwenge butarondoreka ntarakamurimbura. Kuko urukundo rwonyine ari rwo Imana, ibyo yaremye bikwiriye guhamirizwa gukiranuka kwayo n'ubuntu bwayo. Abatuye mu ijuru no mu yandi masi, ntibajyaga gusobanukirwa na kamere cyangwa amaherezo y'icyaha, iyo Satani arimburwa ntibyajyaga kubagaragariza gukiranuka kw'Imana.

Iyo arimburwa agakurwaho uwo mwanya bamwe bajyaga kujya bakorera Imana bafite ubwoba mu cyimbo cyo kuyikorera bayifitiye urukundo. Imigenzereze y'uwo mushukanyi ntiyajyaga kuba itsembweho, cyangwa ngo umutima w'ubugome ube ukuweho. Yari akwiriye kwishyira akizana kugira ngo ibyo yashebeje ubutware bw'Imana bigaragarire abo mu bihe byose n'ibiremwa byose, kugira ngo gukiranuka n'imbabazi by'Imana n'amategeko yayo adahinduka bye kugira amakemwa iteka ryose." **(PP. p.42.)**

**Ku wa Gatandatu: Kwibutsa rusange.**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 6

# KUREMA, ITANGIRIRO RY'ISI

**Icyo kwibukwa:** "Mwami wacu Mana yacu, ukwiriye guhabwa icyubahiro no guhimbazwa n'ubutware koko, kuko ari wowe waremye byose. Igituma biriho, kandi icyatumye biremwa ni uko wabishatse. "Ibyah 4:11.

**Umugambi w'icyigisho:** Gusobanura ibyo Imana yakoze irema iyi si tukamenya ko uwo murimo wayo ukomeye uzajya wibukwa.

### Interuro

Ubugome bwa Lusiferi bwarwanyije ubutware bw'Imana mu ijuru. Nubwo Umukerubi watwikiraga yacanywe n'abandi bamarayika benshi. Imana ntiragahindura inama yayo yo kurema iyi si no kuyishyiramo ibifite ubugingo.

**Ku wa mbere: Mbese iyi si yaremwe ite?**

**Ni nde Ibyanditswe Byera byita Umuremyi? Itangiriro 1:1**

**Ni nde warameshejwe ibintu byose? Kol 1:16; Abefeso 3:9; Abah 1: 2.Yohana 1:3.**

**Icyitonderwa:** Umurimo wa Kristo mu gihe cy'irema ni uwo ukuri: muri we ni mo byose byaremewe. Nta kintu na kimwe kitaremwe nawe. Ni we Imana yaremesheje isi. Ibintu byose byaremeshejwe Yesu Kristo.



Scanned with CamSc

### Ku wa kabiri

**Ibyaremwe byose byaremwe bite? Zaburi 33:6, 9.**

**Hagiye haremwa iki buri munsi mu cyumweru cy'irema?**

**Icyabanjirije ibindi kuremwa ni iki? Itangiriro 1: 3-5.**

**Icyitonderwa:** « Hatariho umucyo nta kintu cyagira ubugingo. Umuremyi yatangiye umurimo wa gahunda yo kuzana ibigaragara abikuye mu bitagaragara no kumeza ibimera by'uburyo butari bumwe n'inyamaswa zifite ubugingo ku isi. Byari ngombwa rero kugira ngo habeho umucyo. Umucyo ugaragara ko ari wo utuma ibintu byose bikorwa... Na mbere umucyo wajyaga uba ikimenyetso kigaragaza ko Imana ihari. Umucyo ugaragara ni wo ugirira umumaro ubuzima bw'abantu, ni cyo gituma umucyo ari ikintu gikwiriye... mu bugingo bw'iby'umwuka. Imana ni Umucyo. » 1Yohana 1:5(**1BC.p.209,210.)**

"Bamwe bizera yuko isi yamaze imyaka miliyoni nyinshi ikura buhoro buhoro iva mu kantu gatoya cyane kangana urwara. Kugira ngo babihwanye na Bibiliya bavuga yuko iminsi y'iremwa ry'isi (itareshyaga n'iminsi y'ubu) yari miremire yamaze imyaka ibihumbi cyangwa ndetse za miliyoni. Ibyo bibwira byose ntabwo ari byo. Ibyanditswe byo muri Bibiliya byerekeye ibyaremwe n'andi magambo byose birahuza, byigisha kimwe. Ibivuga iby'irema ry'umunsi wa mbere, biravuga ngo: Buragoroba, buracya, uwo ni umunsi wa mbere. **Itangiriro 1: 5.** Ni ko byagiye biba mu minsi 6 y'icyumweru cyo kurema. Igihe cyose cyo muri ibi bihe by'Imana kivuga ko umunsi wari ufite umugoroba n'igitondo, nk'uko buri munsi umera uhereye icyo gihe." **(Education p. 128,129.)**

### Ku wa gatatu

**Ngaho vuga uko isi yaringanijwe mu minsi ibiri yakurikiyeho? Itangiriro 1:6-13.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** "Isi ubwo yavaga mu maboko ya Rurema, yari nziza cyane. Yariho imisozi, n'ibibaya, maze ishyira inzuzi n'ingezi nziza mu bibaya; imisozi n'udusozi ntibyari ibihanamanga bicitsemo inkangu n'imikuku n'inyobo ngo bitere ubwoba nk'uko ubu bimeze; amabuye y'ibitare yari yararenzweho n'ubutaka bwiza burumbuka, bwameragamo ibimera bitohagiye, ahantu hose hameraga ibyatsi bishishe bitoshye. Nta byondo n'isayo n'ubutayu byariho muri icyo gihe. Ibiti n'uburabyo byari bibereye amaso aho urebye hose bigashimisha. Uburebure bw'igihagararo bwari butatsweho ibiti by'inganzamarumbo biruta ibiriho ubu. Ikirere, nticyari gifite ibihu bibi bitera indwara, ahubwo cyari kiboneye giteye umuze muke. Ingabo z'abamarayika zarebanye umunezero mwinshi aho ibintu byose byakorewe, maze barishima kandi batangarira imirimo y'Imana.» **(PP. p. 44.)**

**Ibyo Imana yaremye ku wa kane byajyaga kunganira ibyo ku isi bifite « ubugingo » ni ibiki ? Itangiriro 1 : 16-19.**

**Ku wa Kane**

**Ni bintu ki bifite ubugingo byaremwe ku isi mu minsi ibiri Yakurikiyeho ? Itangiriro 1: 20-25.**

**Ni uwuhe murimo mwiza wo kurema ?**

**Umurimo ukomeye waherutse irema ni uwuhe ?**
**Itangiriro 1: 26-28.**
**Icyitonderwa:** « Hano hagaragaza aho inkomoko y'abantu yaturutse; kandi Ibyanditswe Byera by'Imana bigaragaza ko nta futi ryabibayemo. Imana yaremye umuntu ku ishusho yayo ubwayo. Ibyo byo rwose si ibihishwe. Nta gutekereza ko umuntu yagumye guhinduka buhoro buhoro avuye mu kanyamaswa cyangwa mu bugingo bw›ibimera maze akagumya agahi-ndukuka buhoro buhoro akomeza gukura kugeza ubwo aba umuntu wuzuye ugaragara. Inyigisho nk'izo zipfobya umurimo ukomeye w'Umuremyi zikawuhwanya n'uwo



Scanned with CamSc

umuntu w'imfabusa w›ibyo ku isi, kuko iyo migambi bafite ni yo icisha umuntu w›imfabusa bugufi, imuvana ku gaciro yaremanywe... Inkomoko y›amasekuru yacu yaturutse ku Mana, ni ho na none yerekeza cyangwa ni ho agana. Ntabwo ari agasimba kakuze kugeza ko gahinduka umuntu cyangwa akanyamaswa kagenza amaguru ane, ahubwo yaturutse ku Muremyi. Ni we waremye umuntu mu mukungugu, nuko rero Adamu yari umwana w›Imana... »

**Ku wa gatanu** ·

**9. Imana yagenje ite kugira ngo ishyireho ikimenyetso cyayo mu cyumweru cy'irema? Itangiriro 2: 1-3**

**10. Icyo kimenyetso cy'Imana cy'irema gikwiye kwibukwa gite? Kuva 20: 8-11.**

**Icyitonderwa:** « Imana yabonye ko Isabato ari ngombwa guhabwa umuntu ngo ibe akamenyero no muri Paradiso. Yashatse gukura umunsi umwe mu minsi irindwi iwegeka ukwawo, kugira ngo umuntu abone uko ajya atekereza imirimo Imana yakoze, no guhora atekereza imbaraga zayo n'ubugiraneza bwayo. Yashakaga ko Isabato izajya yibutsa umuntu ko Imana ari inyakuri, no kwibutsa guhora ashimira Imana ku bwo ibintu byose bimushimishije n'ubutunzi atunze byose Umuremyi yabitangiye ubuntu. » (PP. p. 48.)

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange.**

---



Scanned with CamSc

# ICYIGISHO CYA 7

# KUGWA K'UMUNTU

**Icyo kwibukwa:** «Kuko bimeze bityo, nk'uko ibyaha bya-zanywe ku isi n'umuntu umwe, urupfu rukazanwa n'ibyaha, ni ko urupfu rugera ku bantu bose, kuko bose bakoze ibyaha.» Abaroma 5 : 12

**Umugambi w›Icyigisho:** Kugaragaza ingaruka yo kutumvira amategeko y'Imana kandi ko aho umuntu atuye heza hadahagije kugira umuntu mwiza.

**Interuro**

Umurimo w'irema mu minsi itandatu waherutswe no kurema umuntu. Yari inama y'Imana ngo umuntu ahore anezejwe n'ibyiza yajyaga guterwa n'uko yumviye Imana. Mbese umuntu yagenje ate?

**Ku wa mbere: Izina ry'urugo rwa mbere rw'umuntu**

**Umuntu yagererewe he amaze kuremwa? Itangiriro 2: 8**

**Icyitonderwa:** Imana ntiyashyize umuntu mu murima mwiza gusa yamuhaye n'amategeko agenga imibereho ye. » (PP. p. 49.)

**Ibiti byameze mu murima byari biti ki? Itangiriro 2: 9.**

**Icyitonderwa:** Dusoma ibyerekeye Adamu na Eva bakirya igiti cy'ubugingo. «Bagiraga imbaraga, bakuye kuri icyo giti cy'ubugingo, ariko ubwenge bwabo bwari munsi y'ubw'abamarayika ho hato **(PP. p. 50.)** Bari bafite abamarayika batatandukanaga na bo, n'Imana yabagendereraga buri munsi. Nyamara bari bakeneye ikindi gisumbye ibyo cyajyaga gutuma bakomeza kumvira.



Scanned with CamSc

## Ku wa kabiri

**Igiti Adamu yabujijwe ni ikihe? Itangiriro 2: 17**

**Icyitonderwa:** Nubwo ababyeyi bacu ba mbere baremwe baboneye kandi Bera, ntibaragashyirwa ahantu batabasha gucumura. Imana yabaremye bafite umudendezo w'ingeso nziza, n'ubushobozi bwo kugira ubwenge bushima ubuntu bwayo n'ingeso zayo no gukiranuka kw'amategeko yayo kandi yabaremamye umudendezo wo gukora ibibi baramutse babishatse cyangwa wo kugumya kumvira. Bari banejejwe no gufatanya n'Imana n'abamarayika bera; igihe bari bataragaragaza imigambi yabo yo kumvira Uwiteka, kwizera kwabo kurageragezwa.

Mu itangira ry'ukubaho k'umuntu kugeragezwa kwaje mu byifuzo by'umuntu kugerageza ubushake bw'umuntu ubwo urupfu n'umubabaro byazanwaga no kugwa kwa Satani. Igiti cy'ubwenge, cyari hafi y'igiti cy'ubugingo mu murima hagati, ni cyo cyabaye ikigeragezo cyo kumvira kwizera n'urukundo rw'ababyeyi bacu ba mbere.» **(PP.p. 48-49).**

**Icyaha cyageze muri Edeni gite?**

**Inzoka yagiriye umugore inama ki y'ibyerekeye itegeko ry'Imana? Itangiriro 3: 1**

## Ku wa gatatu :

**Umugore yasubije gisubizo ki? Itangiriro 3: 2, 3.**

**Inzoka yongeye kumubwira iki? Itangiriro 3: 4, 5.**

**Icyitonderwa:** « Satani yeretse uwo mugabo n'umugore ko ubwo bacumuye amategeko y'Imana, ari abanyabyaha. Mbese ntitujya tubona ibihwanye n'ibyo muri iki gihe? Ibiganiro byinshi byari ibyerekeye kumvira amategeko y'Imana igihe babonaga ko bafite ibitekerezo byagutse ubwabo, no kunezererwa umudendezo ukomeye.



Scanned with CamSc

Ni ijwi ki ryumvikanye muri Edeni, rivuga riti 'Ku munsi mwaziriyeho (kwica amategeko y'Imana), muzahindurwa nk'Imana?'» **(PP.p. 55.)**

**Ku wa kane:**

**Mbese umugabo n'umugore bagomeye Imana bate? Itang 3: 6, 7, 16, 17.**

**Icyitonderwa:** Ntibwabaye ubushake bw'Imana ko umugabo n'umugore baba abaziranenge bamenye ikibi. Yabahaye ibyiza bisesuye, ibima ibibi. Ariko basuzuguye itegeko ryayo. Barya imbuto z'igiti cyabuzanyijwe, kandi bajyaga gukomeza kuziryaho bakamenya ibibi mu minsi y'ukubaho kwabo kose. Kandi byajyaga kubazanira umubabaro, n'intimba n'uburibwe, bigakurikirwa n'urupfu.

**Ingaruka y'icyaha ku bantu yabaye iyihe? Abaroma 5:12.**

**Icyitonderwa:** « Ishyano ry'umuraba ryatewe n'uko ababyeyi bacu ba mbere bacumuye amategeko y'Imana ryatumye benshi babona ko inkuruzi nto yabyaye icyaha ; maze bakerensa ubwenge no gukiranuka by'Imana mu byo igirira umuntu. Ariko iyo bitegereza neza iby'icyo kibazo baba baramenye iby'igicumuro cyabo. Imana yaremye umuntu asa na yo, afite umudendezo wo kwirinda icyaha. Isi yabagamo abantu baciye bugufi bari hasi y'abamarayika; ariko kumvira kwabo kurageragezwa; kuko Imana itajyaga kwemera ko isi yuzuramo abantu batita ku mategeko yayo. Ariko ku bw'imbabazi zayo nyinshi ntiyahaye Adamu ikigeragezo gikomeye. Icyaha uko cyari ikizira cyakomeje gukura.

Iyo Adamu ajya kwihanganira ikigeragezo gito akagitsinda aba yaranatsinze ibigeragezo bikomeye byo mu nshingano z'ibyo yahawe.» **(PP. p. 60.)**



Scanned with CamSc

**Ku wa gatanu:**

**Umuvumo wahinduye ute ibyo mu irema? Abaroma 8: 22**

**Icyitonderwa:** Inyanja ngari, ubutayu bunini, imisozi yuzuyemo Ibitare, gukama kw'inzuzi n'imigezi, ubutaka burumba, n'udusimba twonona tutagira uko tungana, ibyo byose tubona dusanga bitwibutsa umuvumo w'icyaha. Umuyaga, umuraba mwinshi, ibishyitsi by'isi, inzara n'indwara mbi zanduza zihora ziyongera ni ibihamya ko isi iri mu mibabaro y'uburibwe.

**10. Mbese Imana inezezwa n'urupfu rw'umunyabyaha? Akwiriye Kugenza ate? Yesaya 45: 22, Ezekiyeli 18 : 32.**

**Ku wa Gatandatu: Kwibutsa rusange.**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 8
## INAMA Y'IMANA YO GUKIZA UMUNTU

**Icyo kwibukwa :** « Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu, ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu» **Abaroma 6: 23**

**Umugambi w'icyigisho:** Guhishura urukundo rw'Imana rwaciye icyanzu cyo gukiriramo igihano cyo kwica amategeko, tubikesheje cya gitambo cy'Umwana wayo Yesu Kristo yatambiye umunyabyaha.

### Interuro

Umuntu yaremwe ku ishusho y'Imana, ateshuka inshingano ye yo kumvira amategeko y'Imana, agushwa n'icyaha. Icyaha cye cyamutandukanyije n'Imana no kuzanira umuvumo w'urupfu isi yose. None se yajyaga gukizwa ate?

**Ku wa mbere: Mbese koko abantu bose ni imbata?**

**Igihe umuntu yemeye ibishuko aba abaye imbata ya nde? Abaroma 6 : 16; 2 Petero 2 : 19.**

**Icyitonderwa:** «Si umuntu gusa ahubwo n'isi na yo icyaha cyatumye itegekwa na wa mubi... Mu iremwa rye Adamu yahawe gutwara isi. Ariko ku bwo kumvira ibishuko, yishyize mu butware bwa Satani. Icyatsinze umuntu kiba kimuhinduye imbata yacyo. Igihe umuntu abaye imbata ya Satani, ubutware yari afite yarabwambuwe. Ubwo rero Satani yabaye imana y'iyi si. (PP. p. 67).

**Umuntu yabaye ate amaze kuba umunyabyaha ? Yesaya 1: 5, 6; Yesaya 64: 6.**



Scanned with CamSc

## Ku wa kabiri:

**Nubwo umuntu yiguze ubusa, Imana yamusezeraniye iki? Yesaya 52: 3.**
**Ni irihe sezerano ryahumurije umuntu ?**
**Ni irihe sezerano Adamu na Eva basezeraniwe bamaze gucumura ? Itangiriro 3 : 14, 15.**

**Icyitonderwa:** « Umwana w'Imana, Umutegetsi w'ubwiza wo mu ijuru, yagiriye umuntu impuhwe. Maze umutima we ugira impuhwe nyinshi kubera ishyano riguye ku isi. Ariko Imana yari ifite inama yo gucungura umuntu. Kwica amategeko y›Imana byahigaga ubugingo bw›umunyabyaha. Mu masi yose nta wabonetse wo gucungura umuntu keretse umwe musa ni we wabishoboye, akorera isi icyo yari ikennye. Kuko itegeko ry›Imana ryeraga nk›uko na yo yera ubwayo. Uwari uhwanye n›Imana ni we wari ukwiriye kuba umuhuza uyihuza n›isi. Nta wundi washoboye gucungura umuntu wari wacumuye amukuye mu muvumo wo kwica amategeko, ngo amugarure mu mahoro yo guhuza n›abo mu ijuru. Kristo ni we wigeretseho igicumuro gibwaho n›isoni ziturutse ku icyaha – icyaha cyagiriye Imana nabi kugeza ubwo gitandukanya Data wa twese n›Umwana we. Kristo yageze mu makuba menshi ku bwo gucungura abari bazimiye. » **(PP. p. 63.)**

## Ku wa gatatu

**Mu isezerano ryasezeraniwe Aburahamu ni nde uvugwa ko ari urubyaro? Abagal 3 : 16.**

**6. Ubwo Kristo yazaga muri iyi si, kuki yiswe Yesu? Matayo 1:21.**

**Ku wa kane:**
Ni nde wagiye inama yo gucungura?



Scanned with CamSc

**Kristo yahindutse Umucunguzi w'abantu ate? 1 Petero 1: 18, 19.**

**Icyitonderwa:** «Umurimo wo gucungura ntihabamo agahato. Ntukoreshwa igituna. Umuntu ayoborwa n'Umwuka w'Imana, agahabwa umudendezo wo kwihitiramo, uwo azakorera. Muri iryo hinduka ry'umuntu igihe yiyeguriye Kristo, ni bwo asobanukirwa n'umudendezo uruta indi. Guhashya icyaha bituruka ku mutima w'umuntu ubwe. Ni koko ntidufite imbaraga yo kurwanya ububasha bwa Satani; ariko igihe twifuje kubaturwa ku cyaha, maze tugatakamba tubabaye ngo dutabarwe n'imbaraga isumbye iyacu, imbaraga z'umuntu zifatanya n'imbaraga z'Umwuka Wera, maze zikumvira ububasha bw'Imana zikabusohoza.» **(DA. P. 466.) 8. Mbese hari undi muntu wabasha kuducungura? Ibyak. 4: 10-12**

**Icyitonderwa:** «Ntibishoboka, ko twebwe ubwacu twakwikura mu isayo y'ibyaha twarohamyemo. Imitima yacu ni mibi, ntidushobora kuyihindura. Ni nde wabasha kuvana igitunganye mu kintu cyanduye? Ntawe. Ntawe. Uburezi, ubukorikori imyitozo ikwiriye, umuhati w›umuntu agira, byose bifite umugabane mwiza, ariko hano nta mbaraga bifite. Bibasha kwitondesha umuntu, ariko ntibibasha guhindura umutima; ntibishobora kweza ubugingo. Hakwiriye kubaho imbaraga ikorera mu bugingo, igahindura ubugingo bushya iturutse mu ijuru, abantu batari bahinduka ngo bave mu byaha bagere ku butungane. Iyo mbaraga ni Kristo. » **(SC. p. 18)**

**Ku wa gatanu :**

**Ni iki cyatumye Imana itanga Umwana wayo ngo acungure umuntu? Yohana 3 :16.**

**Icyitonderwa:** « Inama y'ubucunguzi bwacu ntiyagiwe nyuma, icyakora yavuzwe Adamu amaze gucumura. Ryari ibanga ryahishwe uhereye kera kose. **Abaroma 16 : 25.**



Scanned with CamSc

Ni amahame y'Imana yahishuwe, ariko yahoze ari ishingiro ry'intebe y'ubwami bw'Imana uhereye kera kose. Uhereye mbere na mbere Imana na Kristo bari bazi neza ubuhakanyi bwa Satani, no kugwa k'umuntu bitewe n'ibishuko by'uburiganya. Imana ntiyashakaga ko icyaha gisugira, ariko yari yaratahuye ko bizabaho mbere hose, ni ko gushaka intsinzi y'iryo shyano! Maze rero ku bw'urukundo yakunze ab'isi, ni ko gusezerana gutanga Umwana wayo w'Ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. » **(D.A. p. 22.)**

**Imana ishaka gukiza bangahe kandi ishobora kubakiza ite?**
**1 Timot 2:4; Abah. 7 : 25.**

**Icyitonderwa:** «Incungu twacungujwe, no kwihotora kutagira akagero kwa Data wa twese wo mu ijuru ko gutanga Umwana we ngo adupfire, ibyo byose bikwiriye kutwumvisha urugero rushyitse dukwiriye kugeraho, rwerekaniwe muri Kristo. Ubwo intumwa Yohana yari amaze gushorerwa n›Umwuka w›Imana, yaranditse ati ‹Murebe urukundo Data wa twese yatweretse, ko ari rwinshi, ko twitwa abana b'Imana! Mbega uburyo kwitwa abana b›Imana byatumye abantu bagira agaciro! Nyamara bene Adamu babasha kuba abana b'Imana ku bwo kwizera impongano y›igitambo cya Yesu. Gutwara kamere y'umuntu kwa Kristo, ni ko kwateye abantu kugira agaciro. Abantu baguye, iyo biyunze na Kristo babasha rwose kuba bakwiriye kwitwa abana b'Imana! » Kugana Yesu p.10, 11.

**Ku wa Gatandatu: Kwibutsa rusange.**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 9

# UBUGINGO BUBONERWA MURI KRISTO WENYINE

**Icyo kwibukwa :** «Ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone byinshi.» Yohana 10:10.

**Umugambi w›icyigisho:** Kwerekana ko ubugingo bw'iteka bubonerwa muri Kristo.

### Interuro

Umuntu ku bwo kwemera ibishuko byatumye yirukanwa mu murima wa Edeni, hanyuma ntiyongeye kubona uburenganzira bwo kwegera igiti cy'ubugingo. Ubwo rero icyaha cyazanye urupfu. Ariko ku bw'urukundo rw'Imana yashyizeho indi nzira umuntu azongera kuboneramo ubugingo. Iyo nzira ni Kristo, nta yindi.

**Ku wa mbere: Kuki abantu bose bapfa?**

**Icyaha cya Adamu cyazaniye abantu bose iki? Abaroma 5: 12**
**Icyitonderwa:** « Kuburirwa ababyeyi bacu ba mbere baburiwe muri aya magambo avuga ngo: Kuko umunsi wakiriyeho no gupfa uzapfa ibyo ntibyababwiraga yuko bajyaga gupfa umunsi bariye kuri izo mbuto. Ahubwo yavugaga yuko iteka baciriweho batabasha gukira ari ho rizavugwa. Basezeraniwe ubugingo budashira mu buryo bwo kumvira, ku bwo gucumura banyazwe ubugingo budashira. Ubwo bacirwaho iteka ryo gupfa. **(PP. p. 60.)**

**Ni bangahe bakoze ibyaha? Abaroma 3:23.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa**: "Ntawe ukora ibyiza n'umwe." **Abaroma 3: 12.**

Benshi bahendwa ubwenge ku byerekeye uko imitima yabo imeze. Ntibamenye ko umutima wa kamere urusha ibintu byose gushukana, kandi ukaba umwihebe mubi. Maze bakizingurizaho ukwabo gukiranuka kwabo ubwabo, ubwo bakanyurwa n'uko ingeso zabo bwite bazigezeho. Mbega ahubwo ishyano baba bagushije batageze ku rugero rw'Imana, kandi batari bwibashishe gukora iby'Imana ishaka! Hari ubwo twireba ubwacu, haba ubwo twigereranya n'abandi tukagira tuti: 'Dukora neza nk'uyu cyangwa nk'uriya.' Ariko icyo tuzabazwa mu rubanza gusubiza ni iki : Mbese dusohoza amahame yo mu ijuru? Mbese tugera ku rugero rw'Imana? Mbese imitima yacu ihuje n'Imana yo mu ijuru? » **(1 SM. p. 320.)**

**Ku wa kabiri : Ni nde ubasha gukingura Igituro?**

**Nubwo Yesu yari ahwanye n'Imana icyo yashakaga gukora ni iki? Abafilipi 2 : 5-7**

**Mbese byari ngombwa ko Kristo apfa ngo abe Umukiza w'abantu? Abaroma 5 : 10; Abafilipi 2 : 8.**

**Ku wa gatatu**

**Ubwo Kristo yazaga muri iyi si yenze kamere ya nde? Abaheb 2 : 9, 14-16.**

**Icyitonderwa:** « Uhereye kera kose Kristo yari afatanye na Se; kandi n'igihe yenze kamere y'umuntu, yari akiri umwe n'Imana, ari icyungo cyunga Imana n'abantu. 'Nuko rero, nk'uko abana bahuje umubiri n'amaraso, ni ko na we ubwe yahuje ibyo na bo. Ku bwe wenyine dushobora kuba abana b'Imana... Ni kuko Kristo yenze kamere y'umuntu kugira ngo abagabo n'abagore bafatanye na kamere y'Imana.» **(1 SM. p. 228.)**



Scanned with CamSc

**Kuko Yesu yatsinze urupfu, akazuka ubu afite iki? Ibyah 1:18.**
**Ku wa kane: Ni nde Soko y'ubugingo ?**

**Icyo Yesu aha abantu muri iki gihe ni iki? Yohana 10 : 10.**

**Icyitonderwa:** « Ubugingo bwinshi » umuntu abasha kwishimira ni ubugingo bwo gufatanya na Yesu. Muri uku gufatanya n'ishyaka ryose bivaho hagasigara kutikunda no kutikanyiza.

**Iyo twemeye Yesu ko ari Umukiza w'abantu ni butunzi ki tuba tubonye? Yohana 5: 24. Yohana 3:36.**

**Icyitonderwa: «** Abareba Kristo mu mico ye nyakuri, no kumwakira mu mitima yabo,. bafite ubugingo budashira. Umwuka wa Kristo abana natwe; maze Umwuka w'Imana akaza mu mitima yacu ku bwo kwizera. Ubwo ni bwo tangiriro ry'ubugingo budashira.» (DA. p. 388.)

## Ku wa gatanu

**Yavuganye bubasha ki agaragaza ko ari we ufite imbaraga zinesha urupfu ? Yohana 11: 25.**

**Icyitonderwa:** «Uwizera Kristo amubera kuzuka n'ubugingo. Umukiza ni we wadukomoreye ubugingo twanyagishijwe n'icyaha. Kuko afite ubugingo muri we bwo kubeshaho uwo ashaka. Ni we ushobora gutanga kudapfa. Bwa bugingo yatangiye abantu, arabusubirana, kandi akabuha abantu. (DA. p. 786.)

**Ni ryari impano yo kudapfa izahabwa abizera Yesu? 1 Abakorinto 15: 51, 52.**

**Icyitonderwa :** «Ikiguzi cyo gucungura abantu nta wagisobanukirwa ngo acyumve kugeza ubwo gucungura abantu kuzahagararana n'Umucunguzi ku ntebe y'ubwami y'Imana. Kandi baririmba indirimbo yo kunesha bafite ibyishimo bidashira. Bavuga n'ijwi rirenga bati



Scanned with CamSc

: «Ukwiriye guhabwa ubutware ni Umwana w'intama watambwe, ni we ukwiriye ubuhunzi, n'ubwenge n'imbaraga n'ikuzo n'icyubahiro n'umugisha. » **(1 SM. P. 289.)**

**Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange.**

---

SEVENTH DAY ADVENTIST CHURCH
ASA UR-NYARUGENGE
EAST CENTRAL RWANDA CONFERENCE



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 10

# KWIGA IGITABO CY'IMANA

**Icyo Kwibukwa:** « Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri. » 2 Timoteyo 2 :15.

**Umugambi w›icyigisho:** Kureba ubukene dukeneye kwigana ijambo ryera ry'Imana kwizera, no kugereranya Ibyanditswe n'Ibyanditswe.

### Interuro

Bigaragara ko ibisubizo by'ibibazo biruhije by'abo ku isi bibonerwa mu ijambo ry'Imana. Byinshi bihishwe muri iki gitabo cyera. Usoma yihuta ntibyamusobanukira: bikwiriye kwigwa byitondewe.

**Ku wa mbere: Ni bande bakwiriye kwiga Bibiliya?**

**1. Ni buryo ki ibintu Imana yasezeranye byumvikana?**
**Imigani 2: 3-5**

**Icyitonderwa:** «Gusobanukirwa n'ukuri kwa Bibiliya ntibishingiye ku bwenge bwo gushakashaka, ahubwo bishingiye ku migambi imwe: umwete wo gushakashaka gukiranuka.» (GC. p. 599.)

**2. Kristo yabwiye Abayuda iki cyerekeye ku kwiga Ibyanditswe?**
**Yohana 5 : 39.**

**Icyitonderwa:** « Abayuda bashakaga mu byanditswe kugira ngo bihamirize iby'inzira yabo y'ubugingo, ariko bananirwa kubona Yesu wari warasezeranywe, nuko rero igihe gikwiriye gisohoye, ntibari bamwiteguye.»



Scanned with CamSc

## Ku wa kabiri

**3. Kuki Abakristo b'i Beroya bashimwe cyane? Ibyak 17: 11 Yobu 23: 12.**

**Mbese Ibyanditswe Byera bishobora kumvikana vuba? 4. Ni buryo ki twunguka ubwenge bw'ijambo ry'Imana? Yesaya 28: 9, 10.**

## Ku wa gatatu

**5. Mbese imigabane yose y'Ibyanditswe ihwanyije kumvikana? Abah 5:12-14 ; 2 Petero 3 : 15, 16.**

**Icyitonderwa:** «Ijambo ry'Ijambo na ryo rihwanye na Nyiraryo, kubera yuko ririmo amayoberane atabasha gusobanukira abantu bapfa. Uburyo ibyaha byadutse ku isi, n'uko Kristo yigize umuntu, n'ibyo kubyarwa ubwa kabiri n'ibyo kuzuka, n'ibindi nk'ibyo muri Bibiliya, byabaye amayobera asumbye ubwenge bw'abantu. Uretse kubisobanura, no kubyumva ntibabyumva. Ariko rero ibyo ntibyatuma tutizera ijambo ry'Imana, tutabitewe n'uko tutabasha kumva amayoberane Imana yaduhishe.

Muri iyi si ndetse, dukikijwe n'ibiyoberana tutabasha kurondora. Muri ibyo harimo n'udusimba tunzinya cyane turi hanyuma y'ibindi tutazirikanwa. Kumenya impamvu zatwo byananiye n'abanyabwenge b'abahanga. N'aho tujya hose hari ibitangaza bisumba ubwenge bwacu tutabasha gusobanura. None se ko bimeze bityo ku bigaragarira amaso, twatangara dusanze yuko no mu by'umwuka harimo amayoberane tutabasha kurondora? Amendeze yo kudasobanukirwa ni ubwenge bwacu budashyitse. Mu Byanditswe byera ni mo hari ibihamya bihagije byo kutugaragariza ko aho byakomotse, ari kuri yo ubwayo. Nuko rero, kuko bibaye bityo, ntituba dukwiriye gushidikanishwa iryo jambo ryayo n'uko tutabasha kurondora cyangwa se kumva bisobanutse iby'amayoberane yaryo byose. » **Kugana p. 76, 77.**



Scanned with CamSc

**6. Ni nde udufasha ngo dusobanukirwe n›ijambo ry'Imana? 1 Abakor 2: 10; Yohana 14: 26.**

**Icyitonderwa :** « Hariho ibintu byinshi byo muri Bibiliya twibwira ko biruhije bitadusobanukira. Bene ibyo Imana izabisobanurira abagira umwete wo kubyumva, ariko nitutayoborwa n'Umwuka Wera, tuzahora mu kaga ko kugoreka Ibyanditswe cyangwa kubisobanura uko bitari. Hari uburyo bwinshi bwo gusoma Bibiliya butatwungura na hato, ndetse cyane bukaduhindukira umuvumo.

Iyo tubumburanye Bibiliya icyubahiro gike, tutabanje gusenga; n'iyo tuterekeje imitima yacu ku Mana by'ukuri, cyangwa se iyo tunyujije ukubiri n'ibyo ishaka, ubwenge bwarindagizwa no gushidikanya; ndetse uko twarushaho kwiga Bibiliya bene ako kageni, ni na ko twarushaho kutanyurwa na yo, tukageza aho tuyihakana rwose. Bibaye bityo, muri ako kanya umwanzi aherako akadutwara umutima, akatwitegekera, akadutera guteta ku kizadukoraho. Iteka ryose abantu bihatira gushyira hamwe n›Imana, ngo bayikurikize bamaramaje mu byo bakora no mu byo bavuga, nubwo baba barize ubwahe, baba bishyize mu kaga ko kuyoba no kutumvira. Ibyanditswe Byera. Bene abo bantu dukwiriye kubirinda cyane, twe gutega amakiriro ku buryo basobanura Bibiliya. Abasomera Bibiliya kuyishakamo ibitumvikana ntibahabwa Umwuka wo kubafuturira. Kuko baba bahumye amaso, ntibabasha kurabukwa amahame y'ingenzi, nubwo yaba agaragara rwose ataruhije ate.» **Kugana Yes up. 79, 80.**

**Ku wa kane : Ingaruka yo kwiga Bibiliya ni iyihe?**

**7. Kwiga Ibyanditswe bidufasha bite? 2 Timoteyo 3: 15.**

**Icyitonderwa:** «Ubushobozi butangaje buhishurirwa abagundira isezerano ry'ijambo ry'Imana. Uwiga Bibiliya akwiriye kuyigira umuyobozi we, agahagarara ashikamye ku byizerwa nk'urutare, kandi agahirimbanira gushaka ubwenge busumba ubundi, ineza yayo n'imbabazi zayo n'urukundo rwayo akaba ari byo yibandaho, akarushaho cyane gosobanukirwa n'iby'ukuri n'ubutungane, akifuza



Scanned with CamSc

gutungana mu mutima akagira ibitekerezo bijijutse. Umutima we wibanda ku biboneye byera, ibitekerezo bye bihindurwa ukundi n'uko asabanye n'Imana ku bwo kwiga ijambo ryayo.» **(8T. p. 322.)**

**Ni mu buryo ki ijambo ry›Imana ryumvikana? Yohana 7: 17.**

**Icyitonderwa:** Byanditswe bitya: «Nidushaka kumenya ukuri icyo ari cyo, tuba dukwiriye kukurangamira tubishishikariye, tukagira n'umutima woroshye wemera kukumvira... Kristo yaravuze ati: 'Umuntu nashaka gukora ibyo Data akunda, azamenya ibyo nigisha ko ari ukuri.' Yohana 7: 17. Mu cyimbo cyo guhakana no kujya impaka z'ibyo utumva, jya wita no gukurikiza ibyo wumva; ko ari ho uzongererwa ibindi. Nukomeza ibyagusobanukiye neza ukabyitaho rwose ubiheshwa n'imbabazi za Yesu, hanyuma azakubashisha kumva no gukomeza bya bindi byaguteraga gushidikanya.» Kugana Yesu p.80.

**Ku wa gatanu**

**9. Ni bujijuke ki bw'iby'Umwuka umuntu wese akwiriye gusengana? Zaburi 119: 18.**

**10. Uretse kwiga ijambo ry'Imana ikindi cyangombwa ni ikihe? Yakobo 1 : 22-25.**

**Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange.**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 11:

# KUVUGANA N'IMANA

**Icyo kwibukwa :** «Kandi icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye, nzagikora.» Yohana 14 : 13. **Umugambi w'icyigisho :** Imana ikunda kuvugana natwe. Natwe dukwiriye gukunda kuvugana na yo mu masengesho.

**Interuro**

Nitwiga ijambo ry'Imana twizeye, tuzamenya ibyo Imana idushakaho. Umwuka Wera yasezeranywe kuba umuyobozi wacu mu by'ukuri byose. Ariko ntitwumvira Imana, twese dushobora kuganira na yo.

**Ku wa mbere: Mbese amasengesho arakwiriye? Dukwiriye gusenga kangahe mu kubaho kwacu? Luka 18:1. Abefeso 6:18; Abates 5 :17.**

**Icyitonderwa :** «Amasengesho ahumekwa n'umutima. Ni imbaraga ihishwe z'iby'umwuka». **(GW. p. 254.)** «Nitwemera Uwiteka akatubanziriza, tukemera umutima wacu kumwishimira no kumuhimbaza, twakomeza kugira ubushyashya mu kubaho kwacu. Amasengesho yacu yazahinduka nk'ibiganiro tuganira n'Imana nk'uko tuganira n'incuti zacu. » **(COL. p.129.)**

**Abantu bamwe basenga kenshi bate? Zaburi 55: 17; 63 : 6; Diniyeli 6 :10.**



Scanned with CamSc

## Ku wa kabiri

**Mbese Imana inezezwa n'ibyo tuyisaba? Matayo 7:7,11; Abaheb 11:6; Zaburi 65:2; Ibyak 10: 2.**

**Icyitonderwa :** «Gusenga ntigutsinda ibyo Imana idashaka; ni ugukurikiza ibyo Imana ishaka. Gusenga ni ukugururira Imana umutima nk'uko twashyikirana n'incuti magara.» Gusenga ntiguhindura Imana ahubwo gusenga kuraduhindura tukagirana Isano na yo. Gusenga kudushyira mu miyoboro y'imigisha, kukaboneza ubwenge Imana ibasha gukoresha ikumviramo ibyo dukennye. Tuzasaba dute kugira ngo twumvirwe? Hari ikintu kimwe kidakwiriye kuba mu mitima yacu. Gushyanuka mu magambo si ko gusenga; ahubwo dukwiriye kugira icyo tugamije, dukwiriye kumenya ko Imana ari yo dutezeho amakiriro.» J.R.Miller, DD. (BR. p 591.)

**Amasengesho akwiriye kuba ameze ate ?**
**Twasezeraniwe gusaba imigisha y'ibyo dukennye dute?**
**Matayo 7: 7, 8**

**Icyitonderwa:** « Gusenga ni urufunguzo rw'ukuboko ko kwizera rufungura ikigega cy'ububiko bwo mu ijuru, ahari isoko y'ubutunzi bwinshi bw'ubushishozi bukomeye.» **(Kugana Yesu, p 68.)** «Uwiteka yasobanuye ko nta bundi buryo keretse gusonzera imbabazi ze, ukifuza inama ye, n'urukundo rwe rudashira. 'Saba.' Gusaba byerekana uko umeze mu by'ukuri; iyo usabye wizeye urahabwa. Uwiteka yavuze ko ijambo rye ritazatsindwa.» **(MB. 187.)**

## Ku wa gatatu

**Ikintu cy'ingenzi nyakuri mu masengesho ni iki? Yakobo 1: 1-7; Mariko 11:24.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** «Musabe mwizeye kandi mumenye mudashidikanya no kwinginga kwanyu, mubone imigisha y'ibyo musaba. Muramenye kwizera kwanyu ntikukadebuke, kuko imigisha itangwa ikurikiza uko umuntu yizeye. »

**Ni ibiki bikomeye bizitira gusenga ? Zaburi 66: 8 ; Yesaya 59 : 1,2; Yakobo 4 : 3.**

**Icyitonderwa:** Aho ni ho amasezerano y'Imana yuzurira, ntabwo gusenga kuba gusimbuye inshingano wahawe. Kristo yaravuze ati: «Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye.» Abinginga Imana birata amasezerano yayo, badakora ibyo ishaka, baba batuka Yehova. Bitwaza izina rya Kristo ngo abe ari ryo ribahesha gusohoza amasezerano, ariko badakora ibyerekana ko bizeye Kristo n'urukundo rwe. » **(COL. 143.)**

**Ku wa kane : Amasengesho yo kutikunda ni ayahe ?**

**7. Kristo yatwigishije gusabira ba nde? Matayo 5 : 44**

**Ni rugero ki dukwiriye kujya tubabarira abandi? Mariko 11: 25; Matayo 6: 12.**

**Ku wa gatanu**

**9. Mu masengesho ya Kristo, icy'ikubitiro ni iki? Mariko 14:35, 36.**

**Ni mu izina rya nde amasengesho yacu akwiriye kunyuzwa? Yohana 14 :13,14.**

**Icyitonderwa :** Ntidukwiriye gusaba mu izina rya Yesu Kristo gusa, ahubwo dukwiriye kuyoborwa n'Umwuka Wera. **(COL. P. 147.)** « Gusaba mu izina rya Kristo bifite icyo bisobanura kuruta rya jambo



Scanned with CamSc

barangirisha rivuga ngo byose: turabyambaza mu izina rya Yesu Kristo.» Gusaba mu izina rya Kristo ni ugusaba ufatanyije na Kristo. Gusaba mu izina rya Kristo ni ugusaba nk'aho uri uri kumwe na Kristo, ufite umutima nk'uwa Kristo, ufite ibitekerezo nk'ibya Kristo n'imigambi nk'iya Kristo.» **Samweli Chadwick, The Path of Prayer p. 52.**

**Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange.**



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 12

# INSHINGANO YACU KU MANA NO KU BANTU

**Icyo kwibukwa:** « Urukundo ni rwo rusohoza amategeko.» **Abaroma 13:10.**

**Umugambi w'icyigisho:** Kwerekana ko umuntu adashobora kwikunda niba umutima we wuzuwe n'urukundo rwo gukunda Imana na bagenzi be.

### Interuro

### Ku wa mbere

**Ni bintu ki bikomeye bitegeka ubugingo? Abaroma 14 : 7**
**Ni ayahe mategeko abiri yerekana inshingano ku Mana no ku bantu? Matayo 22 : 36-40.**
**Ku wa kabiri: Ni iyihe nshingano yacu ku Mana ?**

**3. Ni iyihe migisha tubona tugoborerwa n'Imana? Matayo 5: 45 Ibyak 14 :17 ; Zaburi 104 :14.**

**4. Ni iyihe migisha yiyungikanya yavuzwe? Gutegeka 8:18**
**Icyitonderwa:** « Imana ivuganira n'ubwoko bwayo mu migisha itangwa; iyo migisha batayishimiye, ivugana na bo iyo migisha iyikuyeho kugira ngo babashe kureba ibyaha byabo, ngo bayihindukirire n'umutima wabo wose.» **(PP. p. 470.)**

### Kuwa gatatu:

**5. Abantu bemera bate ko Imana ari yo soko y'imigisha yose? Itang 28: 20-22.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa**: «Ntabwo Yakobo yashakaga kugirana amasezerano n'Imana. Imana yari yamaze kumusezeranira kugubwa neza, uwo muhigo wari uwo kugaragaza ishimwe ryari ryuzuye mu mutima we, ku bw'ibyiringiro by'urukundo rw'Imana n'imbabazi zayo. Yakobo yiyumvisemo icyo Imana yashakaga ko amenya, kandi ibyitegererezo yabonye by'ineza y'Imana byari ibyo kugira ngo agaruke iwabo. Nuko rero imigisha yose duhabwa aba ari iyo gusubiza imbabazi zose twagiriwe na Rurema... Mbese twebwe abanejejwe n'umucyo mwinshi n'amahirwe y'ubutumwa tuzishimira guha Imana bike hasi y'ibyo ababayeho mbere, itayoboye nkatwe? Ashwi da! Kuko imigisha twishimira ari myinshi, nyamara se kunguka kwacu guterwa n›imihati yacu?» **(PP. p. 187, 188.)**

**Iyo umuntu adahaye Imana icyacumi cy'ibyo yungutse, Uwiteka amureba ate? Malaki 3: 8, 9.**

**Ku wa kane: Inshingano yacu ku muntu ni iyihe ?**

**Itegeko rya kabiri rikomeye ni irihe ? Matayo 22 : 39 ; Abaroma 13 : 9,10.**

**Icyitonderwa :** «Iyo Imana iri mu mutima wacu ntitubura kugirira mugenzi wacu ibikwiriye tukamukunda nk'uko twikunda. Tubasha gukunda bagenzi bacu by'ukuri.» **(DA. p. 607.)**

**Ihame rikomeye rikwiriye kugenga imibanire yacu n'abandi ni irihe? Abaroma 13: 8; Abagalatiya 6 : 2, 9,10.**

**Icyitonderwa :** « Nta kwikunda no kwikanyiza bibasha gutuma umurimo wa Kristo ujya mbere. Umurimo we ni umurimo urimo kurenganywa n'ubukene. Mu mitima y'abayoboke be hakwiriye kubamo imbabazi n'umpuhwe bya Kristo, urukundo rukomeye rw'abo yatangiye ubugingo bwe kugira ngo babone agakiza. **(COL. P. 383, 384.)**



Scanned with CamSc

**Ku wa gatanu**

**Umuntu yagerageza iryo hame ate mu migenzereze ye ya buri munsi ? Matayo 10: 8 (ahahera); 2 Abakorinto 9 : 6, 8 ; Ibyak 20: 35 (ahahera.)**

**Icyitonderwa:** «Umuti w'ibyaha n'umubabaro by'abantu ni Kristo wenyine. Ubutumwa bw'ubuntu bwonyine ni bwo bubasha gukiza ibibi bituma abantu bavumwa. Uko abakire barenganya abakene n›abakene na bo bakanga abakire, ibyo byose bikomoka ku bwikanyize, ibyo byose twabibashishwa gusa no kwiyegurira Kristo. Ni we wenyine ubasha gukiza umutima wo kwikanyiza w›ibyaha, agatanga umutima mushya w›urukundo. » **(COL. p. 254.)**

**Ni iyihe nshingano ikomeye Kristo yahaye abizera? Matayo 28:18-20.**

**Icyitonderwa:** «Uwiteka ashaka yuko ibyo yatubikije bikoreshwa kubaka ubwami bwe. Ibintu bye yabihaye ibisonga bye ngo bibigenzure bimugarurire inyungu maze iyo nyungu ikoreshwe umurimo wo gukiza imitima. Maze iyo mitima yakijijwe, na yo ihindukire ibe ibisonga by'ukuri ifatanye n'abandi umurimo ukomeye, mwiza w'ubwami bw'Imana. » **(6T. p.448.)**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 13:

# ISUZUMABUMENYI

**Icyo Kwibukwa:** Musubire mubyo kwibukwa 12 n'amasomo yabyo.

**Umugambi w'Icyigisho**: Kwihatira kubasha gusubizaikibazo cyose kibajijwe mu bikurikiye, no gusobanukirwa n'ibyigisho.

**Interuro**

Nudashobora gusubiza ikibazo na kimwe muri ibi bibazo, usubire muri icyo cyigisho ucyige neza.

**Ku wa mbere**

**Vuga ingeso z'Imana nyakuri n'ibyitegererezo by'ubushobozi bwayo ? Icyigisho cya 1.**
**Ni ikihe gitabo cyahawe abantu ngo kibabwire iby'Imana nyakuri? Icyigisho cya 2.**
**Umuntu yabonye icyo gitabo ate? Icyigisho cya 2.**
**Hamya ko Yesu yari Imana. Icyigisho cya 3.**

**Ku wa kabiri**

**Undi Bibiliya igaragaza ko ari umwe wo mu Bumana ni nde ? Icyigisho cya 4.**

**Ubwo bumana (bwa gatatu) bukorera umuntu iki? Icyigisho cya 4.**
**Ni ibihe bimenyetso bigaragaza umurimo we ku mwana w'Imana? Icyigisho cya 4. Icyaha ni iki? Icyigisho cya 5.**



Scanned with CamSc

# INTERURO Y'IBYIGISHO:

# BY'IGIHEMBWE CYA KABIRI

Ibyigisho by'iki gihembwe bigabanyijwemo imfatiro zikomeye zikwiriye kuba mu kubaho k'Umukristo, ari zo izi: kwihana, kwatura, kubabarirwa, guhinduka, kuvuka bushya, no kumvira. Ukwiriye kwiga ibi byigisho neza witonze cyane, maze wibaze yuko icyigisho cyose cyo muri byo gishobora kuba ukuri gukomeye mu kubaho kwawe. Niwegurira Yesu ikintu cyose maze akakubamo, ibyo bintu byose uzabimenya. Utamufite nta mugabane uwo ari wo wose uba ufite.

Ibindi byigisho uziga byavanywe mu nyigisho zitari zimwe z'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Bihamya ukuri kugatandukanya ubwoko bw'Imana na ba bandi bavuga ko bizera ijambo ry'Imana ku rurimi gusa.

Ndakwinginze wite ku byitonderwa ukurikire ibibazo by'iki cyigisho cyose. Amagambo menshi yanditswe avuye mu bitabo by'Umwuka w'Ubuhanuzi. (Ibi bitabo byose ntabwo birahindirwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda). Muri aya magambo harimo ayo wahawe y'ingenzi y'ibyigisho bya Bibiliya, udashobora kuzabona vuba cyangwa se ngo uyabone mu rurimi rwawe rwa kavukire bikoroheye. Yiteho kugira ngo ujye uyibuka. Niba utarayamenya neza, ujye wiyibutsa amazina y'ibitabo byo mu Bibiliya, ubimenye neza uko bikurikirana. Bizajya bituma udatwara umwanya munini wo gushaka amasomo yo mu byanditswe igihe wiyigisha.

Ibi byanditswe hepfo kuri lisiti ni ibitabo by'Ubuhanuzi, amazina y'icyongereza ahiniye mu magambo magufi uko akuriki ranye: Aya magambo magufi, n'amagambo arambuye, bishobo ra kuboneka mu mashakiro y'ibyanditse by'Umwuka w'Ubuhanuzi, muri buri bubiko bw'ibitabo by'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi.)



Scanned with CamSc

**6T** -Testimonies to the Church, Vol. 6 (Ibihamya by'Itorero.)
**MB** -Thoughts from the Mount of Blessing (Abahirwa ni ba nde?)
**6BC-S.D.A** -Bible Commentary, Vol. 6 (Ubusobanuro bwa Bibiliya.)
**BR** - Bible Readings from the Home Circle (Ibisomwa bya Bibiliya mu b'urugo)
**GC** - Great Controversy (Intambara Ikomeye.)
**COL** - Christ's Object Lessons (Imigani ya Kristo.)
**MH** - Ministry of Healing (Rengera ubuzima.)
**PP** - Patriachs and Prophets (Abakurambere n'Abahanuzi.)
**ISM** - Selected Messages Volume I (Ubutumwa bwatoranyijwe.)
**DA** - Desire of Ages (Uwifuzwa Ibihe byose.)
**SC** - Steps to Christ (Kugana Yesu)
**EV** - Evangelism (Kubwiriza Ubutumwa)
**ED** -Education (Uburezi bwa Gikristo)
**PK** - Prophets and Kings (Abahanuzi n'Abami.)
**AA** - Acts of the Apostles (Ibyakozwe n'Intumwa)
**GW** - Gospel Workers (Abakozi babwiriza ubutumwa)
**CSSW** - Counsels on Sabbath School Work (Inama z'umurimo w'Ishuri ryo kw'Isabato.)

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 1

# IBIMENYETSO BYO KUGARUKA KWA KRISTO

**Icyo kwibukwa:** « Nuko ibyo nibitangira kubaho, muzararame, mwubure imitwe yanyu, kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwenda gusohora. » **Luka 21:28.**

**Umugambi w'icyigisho**: Kwerekana ko Imana ikiranuka, ituburira uburyo bwinshi kuko itwereka ibimenyetso byo kugaruka kwa Kristo ko kuri hafi.

**Interuro**

Ibyo bimenyetso n'ibitangaza byabanjirije amagambo y'ingenzi yizewe n'amoko n'amahanga. Ndetse n'intumwa za Yesu zizeraga yuko hazabaho ibimenyetso byo kuburira abantu ko imperuka y'isi yegereje.
**Ku wa mbere: Mbese abantu bahawe ibimenyetso?**

**Icyo Kristo yacyahishije Abafarisayo bo mu gihe cye ni iki?**
**Mat 16:1-3,**

**Icyitonderwa:** Aba bantu bahoraga babaza Kristo kubereka ikimenyetso cyo guhamya umurimo we. Ariko ntabwo babashaga cyangwa ntibashakaga gusoma ibimenyetso bahawe byerekana yuko Kristo yaje ubwa mbere. Uko yabyawe n'umwari **(Yesaya 7 : 14)** ; aho yavukiye **(Mika 5 2)** : uko yajyaga kuzinjira i Yerusalemu **(Zakariya 9 : 9)**; n'andi mahame menshi y'ukubaho kwe yari yarahanuwe. **Ni ikihe kibazo abigishwa ba Yesu bamubajije cyerekeye kugaruka kwe? Matayo 24 : 3.**



Scanned with CamSc

**Kristo yasubije icyo kibazo ate? Luka 21: 25, 26.**

**Ku wa kabiri**

**Izuba, ukwezi n'inyenyeri byakoreshejwe kuba ibimenyetso bite? Matayo 24:29.**
**Icyitonderwa**: **Itangiriro 1:14.** No mu isanzure ry'ijuru habayeho ibimenyetso.

**Izuba rizijima:** Ibyo byabaye ku wa **19 Gicurasi 1780.** Ntibwari ubwira-kabiri buhwanye n'ubwo kubisikana kw'izuba n'isi (eclipse.) Nta muntu wabashije gusobanura iby'umwijima w'indengakamere wabaye uwo munsi.

**Ukwezi ntikuzava umwezi wako:** Ibyo byabaye kuri uwo munsi ku mugoroba icyo gihe ukwezi kwarazoye. Ariko mu kirere huzura umwijima nk'aho nta kwezi guhari.

**Inyenyeri zizagwa zivuye mu ijuru:** Ibi bivuga ibyo tuzi uko «Inyenyeri zaguye » cyangwa inyenyeri za kibonumwe. Iki kimenyetso cyasohoye ku wa 13 Ugushyingo 1833 icyo gihe ni bwo inyenyeri nyinshi ryane zabonetse mu kirere.

**Ku wa gatatu: Ibimenyetso bizaboneka ku Isi ni ibihe? Amahanga azamera ate Kristo ataraza ? Luka 21 : 25.**

**Icyitonderwa:** Dukwiriye kwiga uko isi yari imeze mu myaka mirongo itanu ishize turebe uko **amahanga amaze kurushaho kugira umubabaro.** Muri iki gihe ishyanga ryose riramaranira kugira ngo ryibesheho. Kuri izo mpamvu, umugabane wa kabiri w'imari yaryo riwukoresha kugura intwaro z'intambara, kuko batinya yuko bazaterwa



Scanned with CamSc

**Ni ukuhe guhindahinduka kw'ibyaremwe kongewe kuri uwo mubabaro? Luka 21 : 25 ; Matayo 24 : 7.**

**Icyitonderwa:**«Umuyaga wa serwakira, umuraba, umugaru, umuriro n'umwuzure, ibyago biba mu gihugu no mu nyanja, ibyo byose uko bikurikirana bikomeye bituzengurutse, bitubwira yuko kuza k'Umwana w'Imana kuri hafi, kandi nta kindi byatangiwe keretse ubutumwa bw'ukuri.» **(T. p. 408.)**

**Ku wa kane**

**Ni ikihe kimenyetso kindi Yesu yahanuye? Matayo 24: 14.**

**Icyitonderwa:** Ntabwo Yesu yahanuye ibyo guhinduka kw'isi gusa ahubwo yavuze n'ibyo kwamamaza ubutumwa ku isi yose. Ubusobanuro bw'ibyanditswe bwakwiriye mu mpande cyangwa mu ndimi zisaga 2000 zituma ijambo ry'Imana rigera hafi y'abantu bose.

**Ikimenyetso Daniyeli yatanze kivuga iby'igihe cy'imperuka ni ikihe ? Daniyeli 12 : 4.**

**Icyitonderwa** : Ahantu ubuhanuzi bwageze mbere, abantu baho barushijeho kwiga Ijambo ry'Imana kandi ritugaragiriza uko ubwenge n'ubumenyi birushaho kugwira byabaye mu myaka 100 yashize, kugenda ku butaka, no kugenda mu nyanja no mu kirere. Ntabwo abantu bari barigeze bavumbura ibintu byinshi byo mu byaremwe cyangwa ngo bashobore kugenda bihuta batyo bitangaje.

**9. Intumwa Yakobo agaragaza ate imibereho izaba hagati y'abatunzi n'abakene Yesu ataraza? Yakobo 5: 1-8.**



Scanned with CamSc

## Ku wa gatanu

**10. Abantu bose bo ku isi bazaba bameze bate ukurikije ubuhanuzi bwa Pawulo? 2 Timoteyo 3: 1-5.**

**Icyitonderwa:** « Gukoresha amafaranga birenze urugero byakwiriye mu ngaga zose. Gukiranuka ntikuboneka bitewe no guhugira mu byo kwinezeza. Bihutira kuba abatunzi bikonona gukiranuka kandi bakarenganya abakene. Ubuhenzi no kurya ruswa n'ubujura ntibicyahwa mu bakomeye n'aboroheje. Ibinyamakuru bivuga abantu benshi bapfa, urugomo n›ubugiranabi no kurenganya abantu nta mpamvu ibyo bisa n›aho byakuyeho ubwenge bwa kavukire.

Ubwo bugira nabi bwabaye gikwira bituma batabasha gusobanukirwa cyangwa ngo bibatangaze. Kutumvira ubutegetsi byabaye gikwira mu mahanga yose, iteka bahorana ubwoba bw›ibiri ku isi, ariko umubabaro no kutumvira amategeko biriho byananiranye iyobora bizuzuza isi ishyano ‹amatongo.» (PP. 102.)

**Mbese koko umunsi wo kuza kwa Kristo uzahishurwa? Matayo 24: 36**

**Ni ukuhe kubura k'ubugwaneza Kristo yaburiye abazabona ibimenyetso? Luka 21 : 28. Matayo 24 : 42.**

### Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange

---



Scanned with CamSc

ICYIGISHO CYA 2

# UBWO YESU AZAGARUKA

**Icyo kwibukwa:** «Nzagaruka mbajyane iwanjye, ngo aho ndi, namwe muzabeyo. » Yohana 14 : 3.

**Umugambi w'Icyigisho:** Gusobanukirwa n'ikizatuma Kristo azagaruka uko azagaruka. Ni ngombwa kwitegura uwo munsi.

**Interuro**

Ibimenyetso byo mu ijuru n'ibyo ku isi bitubwira yuko Yesu agiye kugaruka. Ni iby'ukuri koko yapfiriye i Kaluvari, bikwiriye yuko azagaruku kugira ngo abamwizeye babone uko bahabwa ingororano yo kwizera kwabo.

**Ku wa mbere: Duhamya rwose yuko azagaruka?**

**2. Dushobora kugenzwa dute ubwo Kristo azagaruka? Yohana 14: 3.**

**Ni kintu ki cy'ingenzi kizagarura Kristo? Abaheburayo 9: 28.**

**Hari abandi batari Kristo bigeze bavuga yuko Yesu azagaruka? Yuda 14, 15; Yobu 19 : 25-27; Zaburi 50 : 3.**

**Icyitonderwa**: «Ikibwirizwa cy'ingenzi kandi gifite ukuri k'ubwiza cyahishuriwe muri Bibiliya ni icyo kugaruka kwa Kristo, kugira ngo arangize umurimo ukomeye wo gucungura. Ubwoko bw'Imana buri mu rugendo bwagenze urugendo rurerure bukozwa hirya no hino buri ku isi no mu gicucu cy'urupfu. Ni iby'igikundiro, yuko hariho umunezero w'ibyiringiro watanzwe mu



Scanned with CamSc

isezerano ryo kuzaboneka ko ufite kuzuka n'ubugingo, azajyana ubwoko bwe aho yabuteguriye. Icyigisho cyo kugaruka kwa Kristo ni urufunguzo rw'ukuri mu byanditswe byera. Uhereye igihe Adamu na Eva batereye intambwe zibajyana mu gahinda n'umubabaro, ubwo bavaga muri Edeni, abana bo kwizera bategereje kuza k'uwasezeranywe ngo amenagure imbaraga y'umurimbuzi maze abagarurire Paradiso yazimiye. Abantu ba kera bahoraga bategereje Mesiya ko azaza mu bwiza bwe, kugira ngo asohoze ibyiringiro byabo » **(GC. p. 299.)**

**Ku wa kabiri: Ni iki kizaba kimuzanye?**

**Impamvu ikomeye yo kuza kwa Kristo ni iyihe? Zaburi 50: 5. Abera bazateranirizwa imbere ye bate? Mat 24: 31,1 Abat. 4: 16, 17.**

**Ku wa gatatu: Azaza ate?**

**7. Mbese dushobora kumenya uburyo azagaruka? Ibyahishuwe 1:9-11.**

**Icyitonderwa:** « Kristo yazamutse mu ijuru afite ishusho y'umuntu. Abigishwa be babonye uko azamuka maze ibicu biramwakira. Yesu uwo nyine wagendanaga na bo kandi wasenganaga na bo; wasataguye umutsima ari kumwe na bo; wari kumwe na bo mu mato yabo mu nyanja; wari kumwe na bo uwo munsi akaruhana na bo bazamuka umusozi w'imizeti; Yesu uwo ni we wagiye kwicarana na Se ku ntebe ye y'Ubwami. Kandi abamarayika babahamirije yuko uwo babonye azamurwa mu ijuru, azagaruka atyo nk'uko bamubonye ajya mu ijuru.» **(DA. p. 832.)**

**Nagaruka azabonwa n'abantu bangana iki ? Ibyahishuwe 1: 7**



Scanned with CamSc

**Ku wa kane**

**Mbese kuza kwe kugereranywa n'iki? Matayo 24:27**
**Ubwiza bwo kuza kwe buzaba bumeze bute?**
**Matayo 16 24:30 ; Luka 9 : 26.**

**Icyitonderwa:** «Kristo azaza mu bwiza bwe no mu bwiza bwa Se, no mu bw'abamarayika bera. Ibihumbi cumi ka bihumbi cumi n'ibihumbi ka bihumbi by'abamarayika, abana b'Imana beza kandi banesheje, bafite ubwiza n'urukundo rutarondoreka bazamushagara. Nibwo azicara ku ntebe y'ubwiza bwe kandi amahanga yose azateranyirizwa imbere ye. Amaso yose azamureba ndetse n'abamucumise na bo bazamureba. Mu cyimbo cy'ikamba ry'amahwa azambikwa ikamba ry'ubwiza, ikamba riri mu rindi. Mu cyimbo cya wa mwambaro wa kera w'umuhengeri wa cyami, azambikwa umwa-mbaro wera de, (kandi nta mumeshi wo ku isi wese wabasha kuyeza atyo.) Mariko 9 : 3. Kandi ku mwambaro we no ku kibero cye hazaba handitsweho iri zina. «Umwami w'abami n'Umutware w'abatware. » **(DA. p. 739.)**

**Ku wa gatanu: Amaherezo yo kuza kwe ni ayahe?**

**Bizagenda bite ku bazaba batiteguye? Ibyahishuwe 6: 15-17; 2 Abates 1: 7-9.**

**Abazaba biteguye, uwo munsi uzabazanira iki? Yesaya 9:25; Matayo 25:34**

**Amaherezo y'isezerano ryo kuza kwe kuri mwe ni ayahe? 1 Yohana 3: 2, 3**

**Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 3

# URUBANZA

**Icyo kwibukwa:** « Kuko twese dukwiriye kuzagaragarizwa imbere y'intebe y'imanza ya Kristo.» 2 Abakorinto 5:10.

**Umugambi w'icyigisho:** Kumenya impamvu hazabaho urubanza; no gutekereza ingero zarwo no gusobanukirwa n'uko dufite umurengezi.

### Interuro

Kristo azaza mu mbaraga n'ubwiza bwinshi kujyana ubwoko bwe iwe. Ariko, ubwa mbere abe bwite bakwiriye kugaragara. Ubwo ni bwo umugabane w'urubanza uzabaho Kristo ataraza.

**Ku wa mbere: Ni uwuhe mwanya ukomeye wategetswe?**

**Icyo Imana yategekeye abantu bose ni iki ? Abaheburayo 9 : 27.**
**Icyitonderwa:** Nta wundi mwanya wa kabiri waringanyirijwe imburamumaro zidafite uburyo zahabwa agakiza. Uko byanditswe mu **Abaheburayo 9: 27**, ibihe by'umuntu birangizwa n'urupfu, maze akarindira urubanza.

Amagambo ari **2 Abakorinto 6: 2** akwiriye kwitonde-rwa. « Dore none ni cyo gihe cyo kwemererwamo, dore none ni wo munsi wo gukirizwamo.» «Nta gihe kizabaho cyo kwitegura guhabwa ubugingo buhoraho, igihe cy'imbabazi kirangiye. » Dukwiriye kwambara umwambaro wo gukiranuka kwa Kristo mu kubaho k'ubu bugingo. Iki ni cyo gihe dufite gusa cyo kugira imico ihwanye n'iy'abo Kristo yateguriye aho bazaba ari abo bitondera amategeko" **(COL.p.319)**



Scanned with CamSc

**Ni bande bazacirwa urubanza? Umubwiriza 3 :17 ; 2 Abakorinto 5:10**
**Urubanza rusesengura akantu kose rute? Umubwiriza 12:14**

**Ku wa kabiri**

**Iterurwa ry'urubanza ryasobanujwe ayahe magambo? Daniyeli 7:10.**

**Icyitonderwa:** « Ibi byahawe umuhanuzi mu iyerekwa rye rikomeye iby'umunsi w'ab'umuryango w'Imana n'ingeso zabo n'ukubaho kw'abantu bose bo ku isi bazajyanwa mu rubanza, kandi umuntu wese azaba akwiriye guhabwa ibikwiriye ibyo yakoze. Umukuru nyir'ibihe byose ni Imana Data wa twese. Umunyazaburi yaravuze ati: "Imisozi itaravuka, utararamukwa isi n'ubutaka, uhereye iteka ryose, ukageza iteka ryose ni wowe Mana." Ni yo nkomoko y'ibiriho byose, ni isoko y'amategeko yose, Imana ni yo izaba umucamanza mukuru mu rubanza. Abamarayika bera, ni bo bazaba bayikorera kandi babe n'abahamya, umubare wabo ni ibihumbi cumi ka bihumbi cumi, n'ibihumbi ka bihumbi, bazaba bari muri urwo rukiko rukomeye.

Uku kuza kwa Kristo kuvugwa hano si ukuza kwe kwa kabiri ku isi. Asanga Umukuru nyir' ibihe byose mu ijuru ngo amuhe ubutware, n'icyubahiro, n'ubwami, ibyo ahabwa mu iherezo ry'umurimo we wo kuba umuhuza. **(GC. p. 479, 480.)**

**Icyitonderwa:** «Hari ibitabo byandikwamo mu ijuru, byandikwa mo amazina y'abantu n'ibyo bakora, kandi bigaragaza n'ibyanoganyijwe mu rubanza. Umuhishuzi Daniyeli avuga ati: "Imanza zirashingwa, ibitabo birabu-mburwa." Umuhishuzi na we yavuze amagambo ahwanye n'ayo ati: "Kandi n'ikindi gitabo kirabumburwa, ni cyo gitabo cy'ubugingo; abapfuye bacirwa imanza z'ibyanditswe muri ibyo bitabo, zikwiriye ibyo bakoze." Igitabo cy'ubugingo kirimo amazina yose y'abantu binjiye mu murimo w'Imana. Luka 10 : 20. Hariho n'ikindi gitabo cyandikwamo ibyaha by'abantu. **Umubwiriza 12: 14 ; Matayo 12 : 36, 37.**



Scanned with CamSc

Umurimo w'umuntu wese unyura imbere y'Imana ngo usuzumwe, wandikwa ko ari uwo gukiranuka cyangwa gukiranirwa. Mu ruhande ruteganye n'izina mu bitabo byo mu ijuru handitswemo ibyaha uko biri koko rwose, ijambo ribi ryose, kwikunda k'uburyo bwose, kudasohoza inshingano kose, n'icyaha gikorerwa mu rwiherero cyose, n'ubuhanga bwose butera umuntu kugira integer nke. Ijuru ryohereza imiburo cyangwa ricyaha imyanya ipfushwa ubusa, ibihe bidakoreshwa mu byo kujya mbere mu byiza, icyitegererezo cyakurikijwe cyo gukora ibyiza cyangwa cyo gukora ibibi, ibyo byose bigira ingaruka ikomeye, byose byandikwa na marayika.» **(GC. p. 480, 482.)**

**Ku wa gatatu**

**6. Ni uruhe rugero ruzakurikirwa mu rubanza? Yakobo 2: 11, 12. Icyitonderwa :** "Abo Kristo azashima mu rubanza, ni abemeye gato ibye ariko ku bwo kuyoborwa n'Umwuka w'Imana bakaba barabereye ababazengurutse umugisha. Ndetse no mu bapagani harimo abafite umwuka w'ubugwaneza. Mbere amagambo y'ubugingo ataragera mu matwi yabo, hakaba bari baracuditse n'ababwirizabutumwa baturutse kure, ndetse bakabakorera no kubafasha mu byago biba mu kubaho kwabo.

Mu bapagani harimo abasenga Imana mu bujiji, batarigeze babona umucyo na gato bazaniwe n'undi muntu; nyamara ntibazarimbuka. N'ubwo batazi amategeko y'Imana yanditswe, bumvise ijwi ryayo rivuganira na bo mu byaremwe, maze bakora ibyo amategeko ategeka. Imirimo yabo ni yo muhamya ugaragaza yuko Umwuka Wera yakabakabye imitima yabo, maze bamenyekana ko ari abana b'Imana." **(DA. p. 638.)**



Scanned with CamSc

**Urubanza ruzabaho ryari ?**

**7. Mbese urubanza ruzatangira Yesu ataragaruka ku isi? Matayo 16 : 27**

**Icyitonderwa:** Ntabwo Yesu azatanga ingororano ubwo azaba agarutse kereka urubanza rwo kugenzura rumaze gukemura iby'imibereho y'abantu bashaka kuzahabwa ubugingo buhoraho. Nuko rero ikintu kimwe cy'urubanza rukomeye ni « Urubanza rwo kugenzura .»

**Ku wa kane**

**Ni irihe tegeko ryatanzwe rigaragaza yuko urubanza rw'abantu bakiriho ruzacibwa Kristo ataragaruka ku isi? Ibyahishuwe 22 : 11, 12.**

**Icyitonderwa:** « Umurimo wo gukemura urubanza no guhanagurwa kw'ibyaha uzarangizwa Yesu Kristo ataragaruka. Kuko abapfuye bazacirwa imanza z'ibyanditse mu bitabo, ntibishoboka yuko ibyaha by'abantu bishobora guhanagurwa keretse urubanza ruheruka rumaze gukemura byose. Ariko intumwa Petero yabivuze mu bundi buryo ati: 'Ibyaha by'abizera bizahanagurwa ibihe byo guhemburwa bizaza biturutse ku Uwiteka; kandi azatuma Yesu Kristo.'» Ibyakozwe 3:19, 20. Igihe urubanza ruzamara gukemurwa, Kristo azaherako aze, kandi azazana ingororano kugira ngo agororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze.» **(GC. p. 485)**

**Isi izaburirwa ite mu itangira ry'urubanza ? Ibyahishuwe 14 : 6,7.**
**Icyitonderwa :** Ubutumwa bubwirizwa ku isi yose buvuga yuko igihe cyo «gucira abantu urubanza gisohoye.» Mu gihe intumwa ubwa Pawulo yabwirizaga umutegeka mukuru Feliki, yamubwiye amateka azacibwa. **(Ibyakozwe 24 : 25).** Ni cyo gituma hariho igihe kizabanziriza imperuka y'isi ubwo ni bwo urubanza ruzatangira mu ijuru. Imana ku bwo imbabazi zayo zikomeye, iburira abantu bose.



Scanned with CamSc

**Ku wa gatanu: Umurengezi wacu ni nde? Ni nde wemera kutuvugira mu rubanza ? 1 Yohana 2:1.**

**Icyitonderwa:** Ubwo amazina yacu azahamagarwa mu ijuru ntituzajyayo ubwacu. Ntabwo bikwiriye. Ibitabo biriyo birimo ibidusha kwaho byose. Ahari twaba twaribagiwe ibintu byinshi byashize. Ubundi kandi ntitwabasha kubona ijambo tuvuga igihe duhagaze imbere y'intebe y'Imana. Ku bwo ineza yayo ihebuje, Kristo yitangiye kutubera umuvugizi.

**Imana itubaza gutanga iki ku bw'umurimo wayo? Matayo 10 : 32, 33.**

**Icyitonderwa:** Urahamya by'ukuri yuko usohoza uruhare rwawe rw'amasezerano kugira ngo hatazabaho gushidikanya Kristo akugiriye mu ruhande igihe izina ryawe rihamagawe mu ijuru?

**Ni kintu ki cy'ingenzi gikwiriye, niba amazina yacu akwiriye kuguma mu gitabo cy'ubugingo?**

**Icyitonderwa:** « Kristo avugai by'unesha ati : « Sinzahanagura izina rye na hato mu gitabo cy›ubugingo." Amazina y›abiyeguriye Imana burundu bose yanditswe mu gitabo cy›ubugingo kandi ubu ingeso zabo ziranyuzwa imbere yayo. Abamarayika bagera ingeso zabo nziza. Bareba uko ingeso z›abariho ubu zijya mbere, kugira ngo barebe yuko amazina yabo yaguma mu gitabo cy›ubugingo. Twahawe igihe cy›imbabazi dukwiriye kumesa imyenda yacu ari yo ngeso maze tukazejesha amaraso y›Umwana w'intama. Ni nde ukora uyu murimo? Ni nde ubwe witandukanya n'icyaha n'inarijye ? » **( 7 BC. p. 960.)**

**Kuwa Gatandatu : Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 4

# AMATEGEKO Y'IMANA

**Icyo kwibukwa:** «Amategeko y'Uwiteka atungana rwose, asubiza intege mu bugingo.» Zaburi 19 : 7

**Umugambi w›Icyigisho**: Kumenya ibishakwa byose by'amategeko y'Imana n'uko ahoraho iteka ryose.

**Interuro**

Urubanza rwonyine rurakomeye iyo rushingiye ku mategeko. Nk'uko amategeko y'Imana ari yo azakurikizwa mu rubanza mu kugenzura imibereho y'abantu n'ibyo bakora, ni ngombwa kwiga ibyarwo.

**Ku wa Mbere : Amategeko abasha kuboneka he ?**

**Inshingano y'umuntu yavuzwe yuko ari iyihe? Umubwiriza 12: 13.**
**Imana yahishuriye umuntu amategeko yayo ite? Gutegeka kwa kabiri 4:12,13.**

**Icyitonderwa:** « Amategeko y'Imana mu buturo bwo mu ijuru ni umwimerere Mose yakopeyeho amategeko. Yayanditse ku bisate by'amabuye, Mose yayanditse mu bitabo bye bitanu bibanza bya Bibiliya, ni ukuri kudahinyuka. » (GC. p. 434.)

**Hari ubwo Kristo yigeze atera abandi umwete wo kubahiriza amategeko y'Imana? Mat. 19: 17.**

**Amategeko agaragaza iki? Abaroma 3: 20; 1 Yohana 3 : 4**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** Isomo rivuga yuko icyaha ari ukugomera amategeko; kandi rihamya rwose yuko amategeko akwiriye kubahirizwa. Iri jambo « Umuntu wese » na ryo rivuga yuko ari abantu bose rusange. Umuntu wese, wa buri shyanga, buri bwoko, cyangwa abantu bose bakora ibyaha, bacumura amategeko.

**Ku wa gatatu: Umugabane w'amategeko ukwiriye kubahirizwa ni uwuhe?**

**Amategeko akwiriye kubahirizwa ni ayahe? Yakobo 2: 10, 11.**

**Icyitonderwa :** Satani avuga yuko «amategeko Imana yivugiye n'ijwi ryayo ari amafuti, amwe yaretswe, ni cyo Satani ashyize imbere. Ni igishuko gikomeye yadukanye ku isi. Ntagomba kuyakuraho yose; ariko abonye ashoboye gutuma abantu nibura bacumura kuri rimwe, yaba asohoje umugambi we. Kuko umuntu wese witondera amategeko yose, ariko agasitara kuri rimwe, aba ayacumuye yose. » (Yakobo 2 :10). Ku bwo kwemera kwica itegeko rimwe, abantu bishyize munsi y'ubushobozi bwa Satani. Kuko baretse amategeko y'Imana bayasimbuza amategeko y'abantu. Satani ashaka gutwara isi. » **(DA. p. 673.)**

**Ni mu buhe buryo abantu bagerageza kureka amategeko y'Imana By'ukuri? Matayo 15 : 3-9.**

**Icyitonderwa:** « Intambara yo kurwanya amategeko y'Imana yatangiriye mu ijuru, izakomeza kugeza ku mperuka y'igihe. Umuntu azasuzumwa kumvira cyangwa kutumvira. Ni ikibazo kizatunganywa n'isi yose. Bose bazahamagarwa kwihitiramo ari amategeko y'Imana cyangwa ay'abantu. Ngaho rero aho umurongo ubagabanya uzaca hagati. Bazaba barimo amatsinda abiri. Buri ngeso yose izakura cyane.Kandi zose zikagaragaza yuko bahisemo kuba mu ruhande rw'ubuyoboke cyangwa rw'ubugome. » (DA. p. 763.)

**Amategeko y'Imana azagera ryari? Zaburi 111: 7**



Scanned with CamSc

**Ku wa kabiri: Umuntu ashobora kubahiriza amategeko y'Imana ate?**

**Kristo yahishuriye umunyacyaha amusobanurira iby'amategeko ate? Matayo 5:21-28)**

**Icyitonderwa:** « Yesu yashyize amategeko hejuru ayatandukanyije, maze asobanura uburebure bw'ikijyepfo n'ubugari byayo buyakwiriye. Mu kigwi cyo gukuraho inyuguti imwe cyangwa agace kayo, yerekanye ingingo zikwiriye gukomezwa izo arizo, agaragaza ibyago n'urupfu n'amafuti y'Abayuda bagaragaraga inyuma yuko ari abantu bumvira. Agaragaza yuko intekerezo mbi no kwifuza kubi kwerekeye amategeko y'Imana no kuyacumura. Umuntu yishe amategeko, kandi aba yiyatse icyubahiro cy'ingeso nziza za kamere. Icya mbere kiba mu bwenge ni ubwicanyi. Uha urwangano aho ruba mu mutima we aba ashyize ibirenge bye mu nzira y'ubwicanyi, kandi amaturo ye ni ikizira ku Mana.» **(DA. p. 310.)**

**Ku wa gatanu**

**Mbese umuntu ubwe, ku bw'imbaraga ze bwite, yashobora kubahiriza amategeko? Abaroma 7: 14-18.**
**Ni kintu ki cy'ingenzi cyatanzwe cyo gufasha umuntu mu ntege nke ze Abaroma 8: 3, 4.**

**Icyitonderwa:** «Imana yifuriza abana bayo gukiranuka. Amategekoyayo yerekana imico yayo, kandi ni rwo rugero rw'imico yayo yose. Uru rugero ruhoraho rweretswe bose kugira ngo hatabaho kujijinganya kw'abantu b'abagira neza ari bo bazahabwa ubwami bwayo. Imibereho ya Kristo ku isi yari ibonereye amategeko y'Imana. Nuko rero abiyita abana b'Imana bagira ingeso nk'iza Kristo, bazumvira amategeko y'Imana. Ubwo ni bwo Uwiteka azashobora kubiringira maze ababare hamwe n'abazaba umuryango wo mu ijuru. **(COL. P.315.)**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange.**



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 5

# AMATEGEKO N'UBUTUMWA

**Icyo kwibukwa:** « Erega ubutumwa bwiza ntibunkoza isoni; kuko ari imbaraga y'Imana ihesha uwizera wese gukizwa. » Abaroma 1 : 16.

**Umugambi w›icyigisho:** Kugaragaza yuko ubutumwa bwa Kristo, budahagarariye amategeko y'Imana ahoraho, bwahawe umuntu kugira ngo abone imbaraga yo kuyitondera.

### Interuro

Amategeko y'Imana (Amategeko cumi) ni urugero rwo gukiranuka. Kristo ntiyaje gukuraho amategeko ahubwo yaje kuyubahiriza no gushoboza abantu kuyitondera. Hari ho n'andi mategeko yashyizweho y'igihe gito ari yo yakuweho igihe Kristo yapfiraga ku musaraba w'i Kaluvali.

**Ku wa mbere: Amategeko y'imihango yavuye he?**

**1. Hari andi mategeko yatanzwe atari amategeko cumi? Abaheburayo 10: 1.**

**Icyitonderwa:** «Imihango yakorwaga yari ibyitegererezo byerekeza kuri Kristo, n'igitambo n'umurimo we w'ubutambyi. Uyu muhango w'amategeko hamwe n'ibitambo byayo n'amategeko, washyizweho w'Abaheburayo kugeza ku rupfu rwa Kristo, Umwana w'Intama w'Imana; ukuraho ibyaha by'abari mw'isi. » **(PP. p. 365.)**

« Umuhango w'amategeko wari uwo gusubiza umugambi runaka mu nama ya Kristo yo gukiza abantu. Icyitegererezo cy'ibitambo n'amaturo byashyizweho, ku bw'iyi mirimo, umunyacyaha yashoboye kuboneramo ituro rikomeye, ari ryo Kristo.» **(BC, 1094-5.)**

**2. Ibitambo byerekeza kuri nde? Yesaya 53: 7; Yohana 1: 29.**



Scanned with CamSc

**Ku wa kabiri**

**Ni uwuhe murimo w›imihango n›ibitambo wa kera wakuweho? Abaheburayo 2: 14 ; Abefeso 2 : 15, 16.**

**Icyitonderwa :** « Amaturo n'ibitambo, byari ibicucu bisura urupfu rwa Kristo ku musaraba; ntibyongeye kugira ubushobozi, ariko amategeko y'Imana ntiyabambanywe na Kristo. » (6BC. p. 1116.)

**Igihe Kristo yapfiraga ku musaraba, byabaye bite mu rusengero? Mat 27:51.**
**Icyitonderwa:** Umwenda ukingiriza Ahera cyane watabutsemo kabiri werekanye iherezo ry'imirimo yerekanaga icyitegererezo cy'igitambo cya Kristo. Watabutse uhereye hejuru ugeza ku musozo, bigaragaza rwose yuko uyu murimo wakozwe n'Imana.

**Ku wa gatatu:**

**Mbese urupfu rwa Kristo rwahinduye amategeko cumi? 19 :7, 8 ; 111 : 7, 8 ; Matayo 5 : 17,18.**

**Icyitonderwa:** « Igihe Kristo yapfaga ari we ibitambo byasuraga, ntibyongeye kubaho. Amategeko yategekaga iby'ibitambo yakuweho. Ariko kuba-mbwa kwa Kristo kwateye ko amategeko cumi ahama Agashikama. Ubutumwa ntibwakuyeho amategeko yewe ndetse n'agace gato kayo. Amategeko aracyafite kwera kwayo, impande zose. Imana ni yo yayivugiye n'ijwi ryayo, yayahaye buri mutima iwurarika iti : Zamuka. Ube uwera, kandi ugumye urusheho kwera. » **(Evangelism p. 598.)** « Iyo amategeko cumi akurwaho icyaha na cyo kigakurwaho muri ubwo buryo, Kristo ntaba yaragombye kuza gupfira ibyaha byacu. Ituro rya Kristo, rero ni ryo riturutira ayandi maturo yose, rihamya kudahinduka kw›amategeko y›Imana. Kristo yari akwiriye kuza agapfa, maze agahamya amategeko yatanzwe, bitabaye bityo isi yari ikwiriye kurimbuka. Ntibyari gushoboka yuko amategeko akurwaho.» **(BR. p. 369.)**



Scanned with CamSc

**Amategeko asa n'iki? Abagalatiya 3: 24.**

**Icyitonderwa:** « Muri ibi byanditswe, Umwuka Wera yavugiye mu ntumwa maze avuga amategeko y'ingenzi akiranuka. Amategeko atugaragariza icyaha, kandi agatuma twiyumva yuko dukennye Kristo, kandi dufite umudendezo yaduhaye kuko twababariwe dufite amahoro akomoka ku kwihana ku Mana no kwizera Umwami wacu Yesu kristo. **(6BC. p. 1110.)**

**Ku wa kane: Ubutumwa butumarira iki?**

**Ubutumwa ni iki? Abaroma 1: 16.**
**Mbese kwizera ubutumwa hari icyo gukora ku mategeko y'Imana? Abaroma 3: 31.**

**None se ni buryo ki Umukristo azarokoka gucirwaho iteka n'amategeko? Abaroma 6 : 14.**

**Icyitonderwa:** « Abantu bariho bose Imana yabahereye ubuntu, ntabwo twabushatse, ahubwo ni bwo bwatumwe kudushaka. Imana yishimira kuduha ubuntu byayo, kuko ari ubw'igiciro kuri twe, kuko ntabwo twari tubukwiriye rwose. Icyacu gusa dukwiriye gushaka imbabazi zayo. Ni cyo kintu gikomeye dukennye.» (MH. p. 161.)

**Ku wa gatanu: « Gutwarwa n'ubuntu » bisobanurwa bite?**
**Mbese ubu buryo bwo « gutwarwa n›ubuntu » bwakwemerera umuntu gukora icyaha? Abaroma 6:15.**

**Icyitonderwa:** Iyo dukoze icyaha uwo mwanya tuba duhindutse abacirwaho iteka n'amategeko kugeza ubwo tucyatura, tukacyihana tukagicikaho. Ubwo tukaba duhindutse abatwarwa n'ubuntu.



Scanned with CamSc

**11. Ku batwarwa n'«ubuntu » Imana izandika amategeko yayo hehe ? Abaheburayo 8 : 19.**

**12.1ntumwa Pawulo asobanura ibiki by'ukubaho kwe n'ubutumwa? Abafil 3 : 8, 9 ; Abagalatiya 2 : 20.**

**Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 6

# KWIHANA, KWATURA NO KUBABARIRWA

**Icyo kwibukwa:** « Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose. » **1 Yohana 1 : 19.**

**Umugambi w'icyigisho:** Kwerekana intambwe umunyabyaha atera asanga Kristo.

**Interuro**

Ubutumwa bwaringanije inzira y'umunyabyaha kugira ngo yubahirize amategeko yera ari yo mategeko cumi, maze abone kwemerwa mu maso y'Imana. Ariko ibi ntiyabikora ku bw'imbaraga ze ubwe. Kristo akwiriye kuba muri we. Intambwe umunyabyaha atera asanga Kristo ni izihe?

**Ku wa Mbere : Mbese umuntu umwe yakwihana ate?**
**Mbese kwihana ni ikintu gishakwa mu nama y'agakiza? Ibyak.17:30.**

**Icyitonderwa:** « Kwihana ni intambwe ya mbere iterwa n'abashaka kugarukira Imana bose. Uyu murimo nta n'umwe ukwiriye kuwukorera undi. Dukwiriye kwicisha bugufi, umwe umwe imbere y'Imana, tureke ibishushanyo byacu dusenga. Niturangiza gukora ibyo dushoboye byose, ni bwo Uwiteka azaduhishurira agakiza ke. » **(PP. p. 590.)**

**Umuntu yakora iki kugira ngo ibyaha bye bihanagurwe? Ibyakozwe 3: 19.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa :** « Iteka tugira agahinda gatewe n'uko ibyo dukora bituzanira ingaruka mbi, ariko uku si ukwihana. Agahinda nyakuri gatewe no kubabazwa n›icyaha ni umurimo w'Umwuka Wera. Umwuka wagaragaje uko Umukiza yakojejwe isoni akagira umubabaro, kandi agahinda n›imibaharo bye ni byo bitugeza ku musaraba. Yesu yakomerekejwe ku bw›icyaha cyose ; niduhanga amaso Umukiza wacumitiwe ibyaha byacu, tuzagira agahinda k›ibyaha byatumye ababazwa. Ako gahinda ni ko kazatuyobora kwanga icyaha. » **(DA. p. 300.)**

**Abanyabyaha bareherezwa kwihana bate? Abaroma 2 : 4.**

**Icyitonderwa:** « Nta kwihana nyakuri kubura guhindura imibereho. Gukiranuka kwa Kristo si umwitero utwikira umuntu utatuye ibyaha bye ngo abizinukwe; ni icyigisho cy'ingenzi mu kubaho, gitera ingeso zemera kuyoborwa n'ubutegetsi bwera n'ubutungane bw'Imana; n'ubuzima buzengurutse umutima n'ubugingo buzabeshwaho n'amahame yo mu ijuru.» (DA. p. 555, 556.)

**Ku wa kabiri: Kwatura ni iki ?**

**Ni iki gikurikira kwihana nyakuri? Imigani 28: 13.**

**Icyitonderwa :** « Kwatura ibyaha kudatewe n'agahinda kabyo, kandi kudaturutse ku kwihana nyakuri ntikwemerwa n'Imana. Ingeso zikwiriye guhinduka ukundi rwose; ikibabaza Imana cyose gikwiriye kurekwa. Ngayo rero amaherezo y'agahinda nyakuri ko kubabazwa n'ibyaha. » **« Kugana Yesu » p. 29 : 3.**

**Uwo dukwiriye kwaturaho ni nde? Zaburi 32 : 5.**

---



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** «Ibyaha byanyu mubibwire Imana: Ni yo yonyine ibasha kubababarira; kandi ibicumuro mwagiriranye mubibwirane. Niba waracumuye kuri mugenzi wawe cyangwa ku muturanyi ukwiriye kwemera igicumuro cyawe, kandi na we akwiriye kukubabarira ataziganyije. Maze uhereko ushakashake imbabazi z'Imana kuko mugenzi wawe uwo wacumuyeho ari uw'Imana. Kandi ubwo wamugiriye nabi wacumuye Iyamuremye n'Umucunguzi. » **« Kugana Yesu » p. 28.**

**Kwatura nyakuri kugaragara gute? Abalewi 5 : 5**

**Icyitonderwa:** «Kwatura k'ukuri kurarombore za, kukemera ibyaha nk'uko biri, ntigukikira. Nyamara kwatura ibyaha kose gukwiriye kwerura, ntigukikire, ikintu cyose kikaturwa mu izina.» **Kugana Yesu p. 29.**

**Ku wa gatatu: Kubabarirwa biterwa n'iki?**

**Ni iki gihamya yuko ibyaha byicujijwe kandi byatuwe bizababarirwa n'Imana ? 1 Yohana 1 : 9.**

**Imana yasezeranye yuko izagenza ibyaha byacu ite? Mika 7: 19; Zaburi 103 : 12.**

**Ku wa kane: Uwababariwe ibicumuro bye amera ate? Zaburi 32: 1, 2.**

**Mbese kubabarirwa n'Imana gukurikira uko tugenzereza abantu? Mariko 11 : 25 ; Matayo 6 : 14, 15.**
**Icyitonderwa:** «Ntabwo tubabarirwa bitewe n'uko tubabariye, ahubwo biterwa n'uko twababariye uko ari ko.» **(COL. p. 251.)**



Scanned with CamSc

**Ku wa gatanu**

**Imana izongera kwibuka ibyaha byacu? Yeremiya 31: 34.**
**Uwiteka azababarira umunyabyaha rwose ate? Yesaya 55: 7.**

**Icyitonderwa:** «Kubabarira gusobanurwa uburyo buruta uko abantu benshi bibwira. Igihe Imana yatangaga isezerano yavuze yuko izababarira rwose pe.Yongeye kwiha ubusobanuro bw'irisezerano butwereka ibyo tubasha kumenya byose. "Ibyo nibwira sibyo mwibwira, kandi inzira zanyu si zimwe n'izanjye, ni ko Uwiteka avuga. Nk'uko ijuru risumba isi, ni ko inzira zanjye zisumba izanyu, ibyo nibwira bisumba ibyo mwibwira." (Yesaya 55:79). Kubabarira kw'Imana si uk'ubusa rwose, ica urubanza rukiranuka rugaragaza yuko yatugize ab'umudendezo ngo twe kuzacirwaho iteka. Si ukubabarirwa ibyaha gusa, ahubwo no kutugarura idukura mu cyaha. » **(MB. p. 166 167.)**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

**Ku wa gatanu**

**Imana izongera kwibuka ibyaha byacu? Yeremiya 31: 34.**
**Uwiteka azababarira umunyabyaha rwose ate? Yesaya 55: 7.**

**Icyitonderwa:** «Kubabarira gusobanurwa uburyo buruta uko abantu benshi bibwira. Igihe Imana yatangagaga isezerano yavuze yuko izababarira rwose pe.Yongeye kwiha ubusobanuro bw'irisezerano butwereka ibyo tubasha kumenya byose.

"Ibyo nibwira sibyo mwibwira, kandi inzira zanyu si zimwe n'izanjye, ni ko Uwiteka avuga. Nk'uko ijuru risumba isi, ni ko inzira zanjye zisumba izanyu, ibyo nibwira bisumba ibyo mwibwira." (Yesaya 55:79). Kubabarira kw'Imana si uk'ubusa rwose, ica urubanza rukiranuka rugaragaza yuko yatugize ab'umudendezo ngo twe kuzacirwaho iteka. Si ukubabarirwa ibyaha gusa, ahubwo no kutugarura idukura mu cyaha. » **(MB. p. 166 167.)**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange**



Scanned with CamSc

**Ku wa Gatatu : Umutima ugirwa mushya ute?**

**Niba umuntu atabasha kwikiza none se ni nde wamukiza? Abaheburayo 7: 25.**
**Yesu adukiza ate? Ezek 36: 26, 27.**

**Icyitonderwa :** « Abantu benshi barabaza bati : « Nabasha kwiyegurira Imana nte ? » Wenda waba ushaka kwiyegurira Imana, ariko kuko ufite intege nke mu mutima, ukaba uri imbata yo kutizera, ingeso za kamere zikubuza kwitandukanya n'ibyaha. Amasezerano yawe, imigambi yawe, bimeze nk'uwakwenda umusenyi akawubohamo umugozi. Ntubasha gutegeka ibitekerezo byawe, n'igishinja cyawe, n'irari rwawe. Uko wibuka amasezerano yose wishe, n'umuhigo utahiguye, bituma ucika intege, ukiheba : ukibwira yuko Imana itabasha kukwemerera; ariko ntukwiriye kwiheba.

Icyo ukwiriye gusobanukirwaho ni imbaraga yo kwitegeka uko ingana ; kuko ari yo mbaraga itegeka kamere y'umuntu, n'ubuhasha bwo guhitamo. Byose bigengwa n'ubushake bw'umuntu. Imana yahaye abantu umudendezo wo guhitamo; bawuherewe kuwukoresha. Ntiwabasha guhindura umutima wawe, ntiwabasha kandi kwitera inyota yo gukunda Imana ; ariko icyo ubasha cyo ni uguhitamo kuyiyoboka ukemerera Imana kuyobora ubushake bwawe; ko ari bwo izagukoreramo igasohoreza ubushake bwayo muri wowe.

Ni ho kamere yawe izitegekerwa n'umwuka wa Kristo, akaba ari we ugira inyota, ibitekerezo byawe bigahuza n'ibye.» **Kugana Yesu, p.34, 35.**

**Ku wa kane:**

**Yesu asobanura ate iyi ngeso nshya? Yohana 3 : 3, 5 ; Matayo 18 : 3.**



Scanned with CamScanner

**Icyitonderwa** : "Ukwiriye kwakira ubugingo bushya buvuye mu ijuru, utaramenya ibyaho." **(DA. p. 171.)**

**Uku guhinduka kuzabaho buryo ki? 1 Petero 1 : 23.**

**Icyitonderwa** : «Nta mahoro y'uwemera idini gusa kuko ari idini, akagira ishusho yo kubaha Imana. Ubugingo bw'Umukristo si uguhinduka mu bya kera, cyangwa kujya mbere muri byo, ahubwo ni uguhinduka kwa kamere. Urwo ni urupfu ubwarwo n'icyaha, n'ubugingo bushya bifatanye. Uko guhinduka konyine guterwa gusa n'umurimo w'Umwuka Wera.» **(DA. p. 172.)**

**Ku wa gatanu :**

**Iyo umuntu yihannye by'ukuri ni iki gikurikiraho? 2 Abakor.5 : 17.**

**Icyitonderwa** : « Ubwuzu bwo guhaguruka gusa ntaho buhuriye no « kwihana», ndetse nta n›umugambi na muke aba afite. Kwihana kubw'idini kurigaragaza ubwako ku bwo kuyoborwa n›ubushake n›icyitegererezo gishya cyo kubaha. » **(L.E.EHiott. D.D.)**

**Ubuhamya bumwe bwo kwihana by'ukuri ni ubuhe? 1 Yoh. 3 : 14.**
**Ni iki gikwiriye kuboneka mu kubaho gushya k'umuntu wihannye? 1Petero 2 : 1, 2.**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 8

# KUMVIRA

**Icyo kwibukwa:** « Nimunkunda, muzitondera amategeko yanjye. » Yohana 14 :15.
**Umugambi w›icyigisho :** « Kwerekana yuko Kristo ashaka ko abana be bumvira .»

**Interuro**
Nihabaho guhinduka nyakuri mu mutima, no kubyarwa ubwa kabiri, imbaraga ya Kristo izakurikiraho maze ihindure ukubaho gushya.

**Ku wa mbere : Kristo yarumviraga**

**Umugambi wa Kristo wandikiwe iki? 1 Petero 2 : 21 ; 1 Yohana 2 : 6,**
**Kristo yatweretse icyitegererezo ki cyo kumvira? Abafilipi 2 : 8.**

**Icyitonderwa :** « Tekereza ukubaho kwa Kristo. Wari usumbye abantu bose, akorera Se. Ni icyitegererezo kigaragaza uko umwana wese akwiriye kumera n'uko azamera yumvira uko Kristo yumviraga, abikuye ku mutima, abikunze kandi akora mu mudendezo... Ntabwo Kristo yarebaga ko igitambo cye gikomeye cyane,nta murimo wamugaragariye ko uruhije cyane kugira ngo arangize umurimo yaje gukora... ku bw'ibyo natwe ni ko dukwiriye gukorera Imana. » **Imigani ya Kristo, Vol. 2. P. 31.**

**3. Amaherezo yo kumvira ni ayahe? Abaheburayo 2: 8.**

**Ku wa kabiri: Ikindi cyitegererezo twahawe ni ikihe?**

**Hari ubwo Aburahamu yumviye itegeko ry'Imana ubwo yavaga mu gihugu cyabo? Itangiriro 12: 1, 4.**



Scanned with CamSc

**Kumvira kwa Aburahamu kweze mbuto ki ? Abaheburayo 11 : 8**

**Icyitonderwa** : « Kwizera kw'Aburahamu kutagira amakemwe ni kimwe mu bihamya byo kwizera biboneka muri Bibiliya..........Abo mu ijuru batangajwe no kumvira kwe.

**Ku wa Gatatu :**

**Ni irihe tegeko rindi Imana yongeye kubwira Aburahamu? Itang 22:2**

**Icyitonderwa :**« Uku kwizera Aburahamu yagize kwandikiwe kutubera urwunguko. Kutwigisha icyigisho gikomeye cy'ibyiringiro byo kumenya ibyo Imana idushakaho, uko byamera kose... Ku bwo kumvira kwa Aburahamu twiga yuko nta kintu twabona cyiza twaha Imana. » (3T. p.368.)

**Imana yemeye kumvira kwa Aburahamu ite? Itangiriro 22 : 16-18.**

**Icyitonderwa** : « Ntabwo Imana ishobora kwemera kumvira kutimazeyo. » **(PP. p. 360.)** « Uwiteka yifuza yuko umuntu wayo wese amenya kumvira rwose. » **(Evangelism p. 242.)** « Ni yo yonyine ikorera mu bafite urugero rwo hejuru rwo kumvira.

Ikintu cy'ingenzi Imana ikora ku isi, igerageza abantu, ni ukugira ngo ibahe umwanya wo kujya mbere mu ngeso. Ibi ni byo bihamya yuko twumvira cyangwa se tutumvira uko idutegeka. Imirimo myiza ntihindura urukundo rw'Imana ahubwo igaragaza yuko twahawe urwo rukundo Nitwegurira Imana ubushake bwacu burundu, ntabwo tuzagomba gukora ngo tube twabona urukundo rw'Imana. Urukundo rwayo ni nk'impano umuntu wese ashobora kuyihabwa, kandi ku bw'urukundo tuyikunda ruzatuma twumvira amategeko yayo. » **Imigani ya Kristo Vol 2. p. 32.**



Scanned with CamSc

**Ku wa kane : Twerekana dute ko dukunda Imana ?**

**Kwizera nyakuri kwagaragajwe gute? Yakobo 2: 7-24.**
**Icyo Kristo ateze ku bavuga urukundo rwe ni iki? Yohana 14: 15.**
**Icyitonderwa :** «Kumvira kudashyitse ntabwo kubasha kwemerwa.» **(DA. p. 523.)**

**Kuba incuti ya Kristo biterwa n'iki ? Yohana 15 : 14.**

**Icyitonderwa :** « Kenshi umuyoboke wa Kristo ajyanwa ahantu atabasha gukorera Imana no gukomeza imirimo ye yo ku isi. Ahari byagaragara yuko kumvira ibyo Imana ishaka kwagabanya ibimutunga. Satani ashobora kumwizeza, akavuga yuko akwiriye kwitanga akurikije umutima uhana. Ariko ikintu kimwe gusa muri iyi si yacu dushobora kwemera ni ijambo ry'Imana. Iyo tuzi ubushobozi bw'ijambo ry'Imana ntidukurikiza inama za Satani ngo tube twabona ibyokurya cyangwa se ngo dukuze imibereho yacu. Ikibazo cyacu gusa kizaba iki ngo. 'Itegeko ry'Imana ni irihe? Kandi isezerano ryayo ni irihe ?' Nitumenya ibi, tuzumvira umwe, maze dusuzugure undi.» **(DA. p. 121.)**

**Ku wa gatanu**

**Ni iki gihamya yuko dukunda Imana by'ukuri? 1 Yohana 5:3; 1Yohana 2 : 3-5.**

**Icyitonderwa:** Nyamara mumenye yuko kumvira Imana Atari ugusohoza ibigaragara gusa. Ahubwo ni ukuyikorera mu rukundo. « Kumvira ariko gusohoza ibyo urukundo ni ikimenyetso nyakuri cy'ubuyoboke. » **Kugana Yesu p. 44**. « Ikitumenyesha yuko tumuzi, ni uko twitondera amategeko ye. 1 Yohana 3 :24. Iki ni cyo gihamya yuko twahindutse by'ukuri. » **Imigani ya Kristo, Vol. 2. P. 48.**



Scanned with CamSc

**Mbese hari icyo twashobora gusimbuza kumvira? 1 Sam. 15: 22.**

**Icyitonderwa :** « Kumvira nyakuri kose kuva mu mutima. Kristo yari afite umutima wo gukora. Nitwemera, ubwe azafatanya natwe mu ntekerezo no mu migambi, imitima yacu n'ubwenge bwacu bizahwana n'ubushake bwe, kumvira ni byo bizatuma tugira imbaraga zo gukuza amajyambere.» **(DA. p. 668.)**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange.**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 9

# UMUNSI WERA W'IMANA

**Icyo kwibukwa :** « Isabato yabayeho ku bw'abantu, abantu si bo babayeho ku bw'Isabato; ni cyo gituma Umwana w'umuntu ari Umwami w'Isabato na yo. » Mariko 2 : 27, 28.

**Umugambi w'icyigisho:** Kumenya neza Umunsi w'Imana wo kuruhukwa uwo ari wo n'uko tumeranye na wo.

**Interuro**

Kumvira iby'Imana byose ni ikimenyetso cyo guhinduka by'ukuri. Ni byiza kugeragezesha ukubaho k'umuntu umwe itegeko ryera ry'Imana, kugira ngo urebe yuko amategeko y'Imana yose yubahirizwa. Abantu benshi bica rimwe ryo muri yo. Iryo ni irihe ?

**Ku wa mbere: Umunsi Imana yerekanye ko ari wo munsi wayo wo kuruhukwa ni uwuhe ?**

**Ijuru n'isi bimaze kuremwa, ni uwuhe munsi Imana yaruhutse? Itangiriro 2: 1, 2.**

**Imana yatandukanyije umunsi wayo wo kuruhukwa n'indi ite, ari wo Sabato ? Itangiriro 2: 3.**

**Icyitonderwa:** « Irema rimaze kurangira... Ibintu byose byari byiza cyane, bifitiye Umuremyi akamaro, maze iraruhuka, bidatewe n'uko inaniwe, ahubwo ibitewe n'uko yishimiye imbuto z'ubumenyi bwayo n'ubwiza bwayo bugaragarijwe mu cyubahiro cyayo....Imaze kuruhuka ku munsi wa karindwi, Imana iraweza, irawikubitira, ngo ube umunsi umuntu azajya aruhuka. Gukurikiza icyitegererezo cy'Umuremyi, umuntu yaruhukaga kuri uwo munsi wejejwe, kugira



Scanned with CamSc

ngo nareba ibihamya by'ubwenge bw'Imana n'ubwiza bwayo, umutima we ubashe kuzuzwamwo urukundo no kubaha Umuremyi we.» (PP. p. 47.)

**Hari icyo Kristo yigeze akora mu irema, mbese yaremye Isabato? Yohana 1:3; Abakolosayi 1 : 16**

**Ku wa Kabiri:**

**Abakwiriye kubahiriza Umunsi wayo wo kuruhukwa ni bangahe?**

**4. Isabato yaremewe ba nde? Mariko 2: 27.**

**Icyitonderwa:** Isabato ntiyaremewe Abayuda bonyine. Abayuda ni izina rikomoka kuri Yuda, umwe mu bana cumi na babiri ba Yakobo, ni we bakomokaho. Isabato yararemwe hashira imyaka 2.000 Abayuda batarabaho. Adamu ni we wabanje kubahiriza umunsi w'Isabato.

**5. Imana itegeka iki cyekeye umunsi wayo wo kuruhuka? Kuva 20 : 8-11.**

**Icyitonderwa:** Mu itegeko rya kane ni mo Imana ihamiriza ibyo ishaka. Ntabwo umuntu ubwe yahawe uburenganzira bwo kwihitiramo umunsi ukwiriye ho kuruhuka. Umunsi wa karindwi wa buri cyumweru ni wo ukwiriye kwibukwa. Ntabwo ukwiriye kurekwa, kuko umunsi wa karindwi ari wo Sabato. Ni cyo gituma uko amategeko y'Imana ahora yera, ni na ko umunsi w'Isabato uzahora ari umunsi wayo wera.

**Ku wa gatatu:**

**Ni iyihe mpamvu yatanzwe muri iri tegeko yo gukomeza umunsi w'i Sabato ? Kuva 20 : 11.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa :** « Isabato ni ingenzi niyo rwibutso rwo kurema ; ni yo ituma dukomeza ukuri ko muri iki gihe ni yo mpamvu dusenga Imana dukiranuka ; kuko ari yo Muremyi, natwe turi ibiremwa byayo. Nuko rero ni cyo gituma Isabato yarashyizweho urufatiro rwo gusenga Imana, itwigisha ukuri gukomeye mu buryo nyabwo, kandi nta zindi nyigisho zigisha nkayo... Isabato yahawe abantu bose ngo bayubahirize, intekerezo z'abantu n'urukundo rwabo bizabayobora ku Muremyi nk'ikintu cyo kubahwa no gusengwa, ntabwo hazabaho rwose abasenga ibishushanyo na hato, ntihazahoneka umuntu utizera yuko nta Mana ibaho, cyangwa se umuntu utagira idini. »

**(GC. p. 437, 438.)**

**Mbese iri tegeko ryategekewe ku Musozi wa Sinayi, mbese ubwoko bw'Imana bwari buzi yuko bukwiriye gukomeza umunsi wayo wo kuruhukwa bukaweza ? Kuva 16 : 22-30.**

**Icyitonderwa:** Imana yagaburiraga ubwoko bwayo ibyokurya mu butayu buri munsi, yabikoreshaga igitangaza. Ariko ku munsi wa gatandatu ni bwo habagaho ibitangaza. Bahabwaga kabiri bingana n'ibyo babonaga mu yindi minsi. Ku munsi ukurikiyeho ntabwo bahabwaga ibyokurya, kuko wabaga ari umunsi wa karindwi, ntabwo asohokaga ndetse ntabwo batekerezaga kujya kubihabwa. Ibi byabaye buri cyumweru hakorwa ibitangaza munani, kugira ngo kwera kw'Isabato gushobore kumenyekana.

**Ku wa kane : Mbese Kristo yubahirije umunsi w'Imana wo kuruhuka?**

**8. Isabato ni ikimenyetso cy'iki? Ezekiyeli 20 : 12, 20.**

**9. Ubwo Kristo, yari muri iyi si, yubahirizaga umunsi w'Isabato? Luka 4 : 16.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** « Nk'uko yamenyereye » Ntabwo Kristo yigeze acogora kujya guterana n'ubwoko bw'Imana ku munsi w'Isabato.

**Ni iyihe mpamvu yatumye abanzi be bashaka kumwica? Luka 6 : 6-11.**

**Icyitonderwa:** «Icyo gihe Yesu ahindukirira Abafarisayo arababaza ati: Ndababaza yuko amategeko yemera gukora neza ku Isabato cyangwa gukora nabi, gukiza ubugingo cyangwa kubwica ?» Yababwiraga akoresheje imigambi y'ububi bwabo. Bahigaga ubugingo bwe babuhigisha urwangano rubi mu gihe yakizaga umuntu, agatera inteko y'abantu umunezero... Ntabwo Umukiza n'abayoboke be bigeze bica itegeko ry'Isabato. Kristo yari umuntu ugaragara uhagarariye amategeko. Ntabwo yigeze agira mu kubaho kwe, itegeko ryera yishe. « **(DA. 287.)**

**Ku wa gatanu:**

**Hari ubwo Kristo yahanuye yuko Isabato izakomeza kubaho hanyuma y›urupfu rwe? Matayo 24: 20.**

**Icyitonderwa:** Dore Kristo arahanura iby'irimbuka ry'i Yerusalemu (imiro-ngo 15-20) mu by'ukuri yabwiye abayoboke be gusenga kugira ngo guhunga kwabo kutazaba ku munsi w'Isabato, yagaragaje yuko azi ko Isabato izakomeza kwitonderwa imyaka mirongo ine hanyuma y'urupfu rwe.

**Umugisha wasezeraniwe abibuka gukomeza umunsi w'Isabato ni uwuhe? Yesaya 58 : 13, 14.**

**Icyitonderwa :** « Isabato ni ikintu kimwe gikomeye mu migisha yahawe abantu ku bw'urukundo rw'Umuremyi. » (4BC. p. 307.)

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 10

# KUGERAGEZA GUHINDURA ISABATO

**Icyo kwibukwa:** « Bansengera ubusa, kuko inyigisho bigisha ari amategeko y'abantu. » Matayo 19 : 9.

**Umugambi w›icyigisho:** Kugaragaza uburyo umuntu yahinduye umunsi wo kuruhukwa awukura ku munsi wa karindwi awushyira ku munsi wa mbere w'icyumweru.

### Interuro

Imana yarawuruhutse, iwuha umugisha kandi iraweza. Umunsi wa karindwi ni nk'urwibutso rw'umurimo wayo wo kurema. Mu itegeko rya kane, iryibukirizamo abantu kubahiriza uyu munsi bakaweza. Kristo yitondeye amategeko ya Se. Ariko umuntu yigira inama yo kuyahindura. Ibyo byakozwe bite? Ni nde shingiro ry'uku guhinduka ?

**Ku wa mbere: Mbese Abakristo ba mbere bubahirizaga Isabato?**
**Mu gihe Kristo yapfaga Abayoboke be bitondeye umunsi w'Isabato? Luka 23 : 54-56.**

**Intumwa Pawulo yari yaramenyereye gukora iki ku Isabato? Ibyakozwe 13: 14, 42 ; Ibyakozwe 16 : 13.**
**Pawulo yari yarimenyereje kujya mu iteraniro ry'abera ku munsi w'Isabato? Ibyakozwe 13 : 14, 42.**

**Icyitonderwa :** Aya magambo avuga ngo «Uko yari asanzwe » kandi «Nk'uko yamenyereye» yerekana rwose yuko Pawulo na Kristo bombi nta wundi munsi basengagaho atari ku munsi w'Isabato.



Scanned with CamSc

**Ku wa Kabiri**

**Ni ikihe gihamya kindi kigaragaza yuko Pawulo yari yarabigize akamenyero? Ibyakozwe 18: 4,11.**

**Icyitonderwa:** Ubwo Pawulo yabwirizaga mu isinagogi buri Sabato kandi n'igihe yari i Korinto akahamara umwaka n'igice, yaharuhutse amasabato mirongo irindwi n'umunani. Twakongeraho andi magambo ava mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa, tuhasanga yuko yaharuhutse amasabato mirongo inani n'ane, ariko nta na hamwe hahamya yuko yaruhutse kuwa mbere w'icyumweru, dukurikije ubuhamya bwa Bibiliya.

**Intumwa Yohana na we yubahirizaga Isabato ? Ibyahishuwe 1: 10.**
**Icyitonderwa:** Kristo ni Umwami w'Isabato. (Mariko 2:28) yita Isabato « umunsi wayo wera. » (Yesaya 58: 13) Yarawejeje. (Kuva 20:11.) Umunsi wa karindwi wonyine ni we ushobora kwitwa umunsi w'Umwami. Ni igihamya, ni cyo gituma Isabato yo mu Isezerano Rishya ari imwe n'iyo mu Isezerano rya Kera, nta kintu na gito cyakuwe ku munsi wa karindwi ari wo Sabato, ngo bashyire umunsi wa mbere w'icyumweru mu kigwi cyawo.

**Ku wa gatatu: Mbese ubu buhakanyi bwarahanuwe?**

**Mbese hari ubwo intumwa Pawulo yavuze imbaraga y'ubuhakanyi izaduka? 2 Abates 2: 3, 4, 7; Ibyak 20: 29, 30.**

**Mbese hari undi wigeze kuvuga imbaraga y'ubu buhakanyi? Daniyeli 7: 25. Ni iki gituma abantu benshi bakomeza Umunsi wa Mbere ?**

**Ni buryo ki umunsi wa mbere w'icyumweru wahindutse umunsi wo kuruhuka mu kigwi cy'Isabato nyakuri.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** « Ntabwo kari akamenyero k'itorero rya Gikristo, ariko batangiye ni ruto ni ruto batabizi, kugeza ubwo bahinduye umunsi umwe bawusimbuza undi. » **Archdeacon Ferrar, The Voice from Sinai, p. 167.**

« Hashize imyaka myinshi umunsi wa mbere utaritonderwa n'Itorero rya Gikristo ngo riwugire Isabato.» **Sir William Domville, in Examination of Six Texts, Chapter 8, p. 291. (Izina ry'igitabo.)**

« Ibirori byo ku munsi wa mbere, byari bimeze nk'ibindi birori byose, iteka byababaga imihango y'abantu kandi ntaho byari bihuriye n'imigambi y'intumwa yo gushyiraho itegeko ryera ry'icyubahiro rimeze rityo. Guhindura Isabato ngo ahayo hajye umunsi wa mbere ntibyakozwe n'intumwa cyangwa itorero ry'intumwa. Ahari nko muiherezo ry'ijana rya kabiri ni ho ibyo binyoma byatangiye. Guhera icyo gihe ni bwo abantu batangiye gukora kuwa mbere bikabarwa yuko ari icyaha. » **Rose's Translation Neander's Church History, p. 186. (Izina ry'igitabo.)**

**Ku wa Kane : Ni nde washyizeho itegeko ryo kuruhuka umunsi wa mbere?**

**Icyitonderwa:** « Kumenya yuko hakwiriye kuruhuka umunsi wa mbere ni itegeko ryategetswe no Constantine mu mwaka wa 312. Nyuma ya Kristo (A.D). Yategetse yuko inkiko zose z'ubutabera n'abatuye mu midugudu bose, n'ababaji bose bategetswe kuruhuka ku munsi wa mbere. **(Guhimbaza umunsi w'izuba)**. Abahawe uburenganzira bwo kujya bikorera ni abahinzi. » **Encylopedia Britannica, Ninth Edition, Article Sunday. (Izina ry'igifabo).**

**Ni nde uvuga yuko afite ubushobozi bwo guhindura umunsi wo kuruhuka?**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** Silivesitiri (Sylvester), wari umwepisikopi (bishopu) w'i Roma kuva mu mwaka 314 A.D. kugeza 337 A.D., yahinduye izina ry'umunsi wa mbere maze awita Umunsi w'Umwami. Mu nama yabereye i Lawodikiya mu mwaka wa 364 A.D., uhereye icyo gihe ni ho banoganyije yuko umunsi w'Umwami ukwiriye kubahirizwa. Hategekwa yuko Abakristo badakwiriye kuba abanebwe ku munsi wa karindwi (Isabato), ahubwo bakwiriye kuwukoraho. Nuko rero, nihagira abakurikiza umuhango wa Kiyuda, bazatandukanywa na Kristo.» **Hefele's History of the Councils of the Church, Vol. 11, p.316. (Izinary'igitabo).**

«Ushobora gusoma Bibiliya uhereye mu Itangiriro ukageza mu Byahishuwe, ntube wabona isomo na rimwe rihamya yuko umunsi wa mbere wera. Ibyanditswe ntabwo bihatira idini kubahiriza umunsi tutigeze tweza. » **Cardinal Gibbons, in The Faith of Our Fathers' edition 1892 p. 111. (Izina ry'igitabo.)**

«Umunsi wa mbere (dimanche) washyizweho n'itorero Gatolika, rivuga yuko kubahiriza umunsi wa mbere (dimanche) ari inyigisho zimwe z'ingenzi zo mu Itorero ryabo. Uhereye mu itangira ry'ibyanditse ukageza mu iherezo, ntaho wasanga hahamya na hamwe yuko umunsi w'icyumweru **(dimanche)** abantu bakwiriye gusengaho wakuwe ku munsi uheruka maze ushyirwa ku munsi wa mbere w'icyumweru.» Catholic Press (Sydney, Australia) Aug 25,1900.

**Ku wa gatanu :**

**Mbese uku guhindura Abaporotesitanti barakwemeye?**

**Icyitonderwa:** «Biragaraga rwose yuko nubwo bikomeye dukomeze umunsi wa mbere **(dimanche)**, ntabwo dukwiriye gukomeza Isabato. Isabato iri ukwayo, yarategetswe, ntacyo twashobora kuvuga ku itegeko nk'iri ryo kwitondera umunsi wa mbere. Ntaho tubona na hamwe mu Isezerano Rishya havuga yuko umunsi wa mbere ukwiriye kuruhukwa kandi yuko utawitondera azahanwa.» **Dr.R.M.Dale**



Scanned with CamSc

**(Congregationalist), in The Ten Commandments, Hodder and Stoughton, p. 106, 107.**

« Nta jambo na rimwe riri mu Isezerano Rishya ribuzanya gukora ku munsi wa mbere. Nta tegeko rihamya kuruhuka umunsi wa mbere. » **Canon Eyton (Church of England) The Ten Commandments, Trubners and Co.** « Ubu umunsi wo kuruhukwa urahinduwe ukuwe ku munsi wa karindwi ushyizwe ku munsi wa mbere w›icyumweru... ariko uko tubisanze ntaho tubonye ko mu Byanditswe herekana yuko ubasha guhinduka. Dushobora kuvuga yuko wahinduwe n›ubushobozi bw'Itorero. » **Explanation of Catechism (Protestant Episcopal.)**

**Ni buryo ki bwo gusenga Imana yita ko inyigisho zaba ari amategeko y'abantu? Matayo 15 : 9.**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange.**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 11

# IKIMENYETSO CY'IMANA N'ICY'INYAMASWA

**Icyo kwibukwa:** «Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana, bakagira kwizera nk'ukwa Yesu.» Ibyahishuwe 14 : 12.

**Umugambi w'Icyigisho:** Kumenya neza uburyo bw'ukuri n'amadini y'ibinyoma yashyizweho ikimenyetso cyangwa inkovu ukurikije rimwe ukwaryo irindi ukwaryo.

**Interuro**
Guhindura Isabato byatewe n'umuntu wagerageje guhindura amategeko y'Imana. Ubushobozi bw'Imana bwarasuzuguwe. Umuntu yabasha gutandukanya ukuri n'ibinyoma ate?

**Ku wa mbere : Ikimenyetso cy'Imana ni ikihe ?**
**Umugambi w'icyo kimenyetso ni uwuhe? Daniyeli 6:8.**

**Icyitonderwa:** Ikimenyetso cyakoreshwaga guhamya ubushobozi bw'uwanditse izina rye, kugira ngo itegeko rihame rwose. Kenshi bajyaga bakoresha impeta y'Umwami ikaba ari yo iba ikimenyetso. 1 Abami 21: 8; Esiteri 3 : 12.

**Ni bintu ki bitatu by'ingenzi byerekana ikimenyetso cy'umutegetsi?**
**Icyitonderwa:** Ikimenyetso cy'umutegetsi gikwiriye kwerekana ibintu bitatu : Izina ry'uwatanze amategeko. Icyubahiro cy'ubutegetsi bwe, cyangwa izina ry'ubushobozi bwe. Uko ubwami bwe bungana cyangwa ibihugu atwara.



Scanned with CamSc

**Ikimenyetso cy'Imana gifatanyishijwe iki? Yesaya 8 : 16.**

**Ku wa kabiri**

**Ni irihe tegeko ryo mu mategeko cumi ryerekana ufite ubushobozi (ububasha) bw'amategeko? Kuva 20: 8-11**

**Icyitonderwa:** Itegeko rya kane rigaragara muri aya magambo.« Uwiteka yaremye ijuru n'isi, n'inyanja, **n'ibirimo byose**. » Izina rye, ni Uwiteka; icyubahiro cy'ubutegetsi bwe, yararemye (ni Umuremyi); ubwami bwe bukwiriye hose, **buri mu ijuru no ku isi**, bwavuzwe hose. Nuko rero itegeko rya kane ririmo ikimenyetso cy'Imana ihoraho. **Uwiteka yita Isabato iki? Kuva 31: 17; Ezekiyeli 20**

**Ni uwuhe murimo uzakorwa mu minsi y'imperuka? Ibyahishuwe 14: 9, 10.**

## IKIMENYETSO CY'INYAMASWA NI IKIHE?

**Ni ubuhe butumwa bubwirizwa mu minsi y'imperuka? Ibyahishuwe 14 : 9,10.**

**Icyitonderwa :** Inyamaswa yavuzwe mu gice cyabanje, mu mirongo 4-6. Biragaragara rwose yuko ari ububasha bw'ubuhakanyi, burwanya Imana. Ubusobanuro buhwanye rwose n'ububasha buvugwa muri Daniyeli 7: 25. Ubu bubasha bwahangaye guhindura amategeko y'Imana. Mu cyigisho cya 23 herekana uburyo Itorero Katolika ry'i Roma rivuga yuko ryahinduye itegeko rya kane. (Bakuyeho itegeko rya kabiri rwose maze itegeko rya cumi barigabanyamo amategeko abiri, babigenza batyo ngo bagaragaze yuko bafite amategeko yose uko ari icumi.)



Scanned with CamSc

**8. Ni iki gishyiraho ikimenyetso cy'inyamaswa?**

**Icyitonderwa:** « Mu rwandiko rwanditswe mu Ugushyingo 1895, Mr.H.F.Thomas, Umukuru w'Inkiko n'amashuri yandikira Cardinaly Gibbons, amusubiza ikibazo yamubajije kivuga yuko Itorero Gatolika ryigamba yuko ari ryo ryahinduye Isabato, yaravuze ati: "Ni koko Itorero Gatolika ryigamba yuko ari ryo ryahinduye uwo munsi ubwaryo ari ryo ryabikoze. Uwo murimo ryakoze ni ikimenyetso kigaragaza ubushobozi bwaryo ni kimwe cy'ingenzi mu bintu by'imihango y'idini."

**Ku wa kane:**

**9. Mbese iki kimenyetso kizategekeshwa agahato? Ibyahishuwe 13 : 16.**

**Icyitonderwa:** «Nta n'umwe urashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa, igihe cyo kugeragezwa ntikiragera. Mu Itorero (idini) ryose harimo Abakristo nyakuri, no mu Bakatolika b'i Roma barimo. Nta na rimwe ricirwaho iteka kugeza ubwo ayo matorero azabona agahato ngo baruhuke isabato y'ibihimbano, ubwo ni bwo ijwi rya marayika wa gatatu rizarangurura riburira abantu basenga inyamaswa n'igishushanyo cyayo, hagati y'ukuri n'ibinyoma hazanyura umurongo ugaragara. Ubwo ni bwo abakomeza kwica itegeko ry'Imana bazashyirwaho ikimenyetso cya ya nyamaswa. »Evangelism p. 234.

**10. Isano iri hagati y'abafite ikimenyetso cy'inyamaswa n'abafite ikimenyetso cy'Imana izaba iyihe? Ibyah 12: 17.**

**Ku wa gatanu**

**Aka karengane kazaba gakomeye gate? Ibyahishuwe 13: 15-17.**

**12. Ni bande bazanesha? Ibyahishuwe 15: 2.**

**Ku wa Gatandatu : Kwibutsa Rusange.**



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 12

## UBURYO BWO KWEZA UMUNSI W'ISABATO NO KUWITONDERA

**Icyo kwibubwa:** Wiyigishe itegeko rya kane. Kuva 20 : 8-11.

**Umugambi w'icyigisho:** Kumenya uburyo umuntu abasha guhabwa umugisha washyizweho n'Imana mu munsi wayo nyakuri w'Isabato.

**Interuro**

Bibiliya yerekana rwose yuko Isabato ya mbere y'Imana ikiri Isabato nyakuri y'Imana no muri iki gihe. Umuntu yishingiye undi munsi wo kuruhuka, ariko ntabwo Imana yawuhiriye, kuko ari ikimenyetso cy'ubuhakanyi. Dukwiriye kwiga uburyo bwo kwitondera umunsi w'Isabato.

**Ku wa mbere : Umunsi Imana yahiriye ni uwuhe ?**

**Icya mbere gishakwa mu itegeko ry'Isabato ni iki?**

**Kuva 20 : 8. Umugambi wacu wo kuruhuka ku munsi w'Isabato ni uwuhe ? Kuva 20:8.**

**Icyitonderwa:** Kwitondera umunsi w'Isabato no kuweza bikwiriye kujya byibukwa mu cyumweru cyose. Nta mirimo ikwiriye gukorwa cyangwa inama zabasha gutuma iri tegeko ryicwa. Kwitondera Isabato buri cyumweru ni ugutunganya imirimo yacu mu minsi itandatu.

**Ku wa Kabiri : Ni nde wejeje umunsi w'Isabato. Kuva 20 : 11.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** Imana yejeje umunsi w'Isabato. Natwe dukwiriye kuyitondera no kuyeza.

**Dukurikije Bibiliya, Isabato itangira ryari ? Itangiriro 1: 5, 8 ; Mariko 1 : 32 ; Abalewi 23 : 32.**

**Icyitonderwa:** Ntabwo izuba ryica igihe cyaryo. Kera umuntu atarata ngira gukora isaha, Imana yashyizeho izuba kwerekana igihe cyo gutangira umunsi no kuwurangiza. Iteka umunsi urangira ku mugoroba; ibi byagaragajwe neza, n'igihe Kristo yari muri iyi si byari bikiri ukuri. Isabato itangira izuba rirenze ku wa gatandatu ikarangira izuba rirenze ku wa Karindwi.

**Ku wa gatatu: Umunsi wo kwitegura ni uwuhe?**

**Umuntu akwiriye gukora iminsi ingahe? Kuva 20 : 9.**

**Icyitonderwa:** Umuntu wese udakoresha igihe cye mu minsi itandatu y'imirimo aba yishe itegeko, ahwanye n'ukora ku munsi wa karindwi. Iminsi itandatu yagenewe gukorerwaho ni yo yonyine ituma umuntu abona imigisha ihagije itangwa ku munsi w'Isabato wo kuruhuka.

**Umunsi ubanziriza Isabato witwa uwuhe ? Luka 23 : 54.**
**Ni iki gikwiriye gukorwa ku munsi wo kwitegura ? Kuva 16 : 23.**

**Icyitonderwa :** « Ku wa gatandatu ni umunsi wo gukora imirimo yose ikarangira no kwitegura Isabato rwose. Murebe yuko imyambaro yose izamba-rwa itunganye, ibyokurya byose byatetswe. Inkweto zasizwe umuti, umuntu wese yiyuhagiye. Ibi bishobora gukorwa. Imyambaro ntikwiriye kudodwa ku isabato, guteka ibyokurya, kwishakira ibinezeza, cyangwa kwikorera indi mirimo yose yo ku isi ntibikwiriye gukorwa ku Isabato. Imirimo yose ikwiriye kurangira izuba ritararenga, impapuro zose zivuga iby'isi ziherererezwe uruhande rumwe, aho zitaboneka ngo zisomwe. Babyeyi musobanurire abana banyu



Scanned with CamSc

umurimo wanyu n'umugambi wanyu, bajye bafatanya namwe kwitegura no kwitondera Isabato nk'uko itegeko riri » (6T. p. 355.)

« Dukwiriye kugira ishyari ryo kwitondera Isabato mu itangira no mu irangiza. Mwibuke yuko umwanya wose wejejwe, ari igihe cyera ... Isabato itararangira, umutima n›umubiri bikwiriye gutandukana n›imirimo y›isi. Imana yashyize Isabato yayo ku munsi uheruka iminsi itandatu y›imirimo, kugira ngo abantu babone akito ko gutekereza inyungu babonye mu minsi y›icyumweru yo kwitegura ubwami butunganye butazagerwamo n›ucumura. Buri Sabato dukwiriye kujya twinira tugatekereza tukareba yuko icyo cyumweru kirangiye cyatuzaniye inyungu cyangwa igihombo mu by›umwuka » (6T. p. 356.)

**Ku wa Kane: Umunsi w'Isabato wakwitonderwa no kandi ukezwa ute?**
**Kubahiriza Isabato by'ukuri bisobanurwa bite? Yesaya 58: 13,14.**

**Icyitonderwa:** Uko twubaha Isabato ni iby'igikundiro. Yaba idutera umunezero cyangwa itubera umutwaro byose bishingiye ku mwuka tuyakirana tuyigezemo. Ni twiyumvamo yuko uwo munsi icyo ubereyeho ari ukubuzanya imirimo nta mugisha tuzabona.» Abakira Isabato bose ikababera ikimenyetso cya Kristo cyo kurema n'imbaraga yo gucungurwa, izababera umunezero cyane.» (DA. p. 289). «Agaciro k'Isabato nta bwenge bwabasha kugasobanura.» (Ed. p 250.)

**Gukora imirimo y›imbabazi ku Isabato ubwo ni ukuyitondera ? Matayo 12: 10-12.**

**Icyitegererezo Yesu yatanze cyerekeye gusenga ku Isabato ni ikihe? Luka 4: 16.**



Scanned with CamSc

**Ku wa gatanu:**

**Ni buryo ki bwo gukomeza Isabato butuma hataboneka umugisha? Abaheburayo 10: 25 ; Amosi 8 : 5.**

**Icyitonderwa:** « Abaganira iby'ubucuruzi cyangwa bakajya inama ku munsi w'Isabato, Imana ibabara rwose yuko baba bakora imirimo nk'indi yose.» « Kugira ngo twitondere Isabato mu buryo bwera ntidukwiriye ndetse kwemerera imitima yacu gutekereza iby'ingeso zo ku isi. Iri tegeko rikubiyemo ibyacu byose. Ababa mu nzu bakwiriye gufatanyiriza hamwe imirimo yabo yo ku isi mu gihe cyera. Bose bakwiriye gufatanyiriza hamwe guhesha Imana icyubahiro bakemera kureka gukora ku munsi wayo wera» (PP. p. 307.)

Umurimo udakwiriye, ibinezeza n›ibiganiro bidafite akamaro, no gutega amatwi za Radio cyangwa indirimbo zitari iz›Imana, byose bitwiba umugisha umwe wo mu migisha yashyizwe mu munsi w›isabato. Si byiza gusoma ibinyamakuru bivuga amakuru y›isi cyangwa ibinyamateka, cyangwa kugura ku munsi w›Isabato.

**12. Muri iyi si kubahiriza Isabato by'ukuri biduteguriras iki? Yesaya 66: 22, 23.**

**Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 13

# ISUZUMABUMENYI

**Icyo kwibukwa:** Subira mu mirongo yo kwibukwa 12 n'amagambo ahanditswe.

**Umugambi w'icyigisho**: Gushobora gusubiza ikibazo cyose muri ibi bibazo uko bikurikirana igihe ubibajijwe, no kumenya neza ibyigisho n'inkomoko yabyo.

**Interuro**
Niba udashobora gusubiza ikibazo cyose cyo muri ibi bibazo, usubire inyuma mu byigisho wize wongere ubyiyigishe neza.

**Ku wa mbere:**
**Ni ibihe bimenyetso byo ku ijuru, twahawe bitwereka yuko kuza kwa Kristo kwegereje? Ikimenyetso cyose cyabaye ryari?**

**Icyigisho cya 1.**
**Vuga ibimenyetso birindwi byabonetse ku isi mu gihe cyacu, na byo bivuga kuza Kristo bidatinze. Icyigisho cya 1.**

**Ni kuki wizera yuko Yesu azagaruka ? Icyigisho cya 2.**
**Sobanura uko azaza mu bwiza bwe ? Icyigisho cya 2.**

**Ku wa kabiri :**

**5. Kuza kwe kuzatwara iki abanyabyaha? Abakiranutsi se bo bazamera bate? Icyigisho cya 2**
**Umugambi w'urubanza ni uwuhe ? Icyigisho cya 3.**
**Umurengezi wacu ni nde ? Kandi atubera iki mu magambo yose**



Scanned with CamSc

avugwa mu rubanza? Icyigisho cya 3.
Yesu yubahirije amategeko y'Imana ate? Icyigisho cya 4.

Ku wa gatatu :

Ni amategeko y'Imana angahe umuntu yishe akayizeza abantu mu bundi buryo ? Icyigisho cya 4.
Inshingano twahawe yo gukomeza amategeko yose ni iyihe? Icyigisho cya 5.
Vuga intambwe umunyabyaha atera asanga Kristo. Icyigisho cya 6. Ubwirwa n'iki yuko wabyawe ubwa kabiri ? Icyigisho cya 7.
Ku wa kane :

Ni buryo ki kumvira ari ngombwa mu kubaho k'Umukristo? Icyigisho cya 8.

Ni kuki Isabato yashyizwe ukwayo? Yaremwe na nde?
Icyigisho cya 9. (Garagaza uko Kristo n'Abigishwa be baruhukaga umunsi w'Isabato nyakuri ? Icyigisho cya 9.
Ni muri buryo ki kuruhuka umunsi wa mbere byaje mu itorero? Icyigisho cya 10.

Ku wa gatanu :

Ni nde uvuga yuko ubwe ari we wahinduye Isabato ayishyira ku mbere? Icyigisho cya 10.
Ikimenyetso cy'Imana ni ikihe ? Icyigisho cya 11.
Umuntu yakwitegura Isabato ate ? Icyigisho cya 12.
Dukwiriye gukomeza umunsi wera w'Isabato y'Imana tumeze dute? Icyigisho cya 12.

Ku wa gatandatu :

Iyibutse ibi bibazo byose, iby'ubona bikomeye wongere ubyiyigishe.



Scanned with CamSc

# INTERURO

# Y'IBYIGISHO BY'IGIHEMBWE CYA GATATU

**Dukwiriye kwiga ngo tumenye ukuri Imana idufitiye uko ari ko.**

Abantu bamwe bibwira yuko kuba injiji ari byo bizatuma bacirwa urubanza rudakomeye. (**Luka 12 : 48**), ni cyo gituma batiririrwa biga ngo bagire icyo bunguka. Baba bihenda ubwenge, kuko ibi bikurikiyeho bigaragaza ko baba barwiciriye. Imana igirira imbabazi n'abatabonye amahirwe yo kumenya byinshi. (**Zaburi 87 : 4-6); ariko n'Imana y'intabera, ntiyatsindishiriza ukwiriye gutsindwa (**Kuva 34: 6,7**).

Muri iki gihe Imana yahaye abantu amahirwe yo kumenya, kandi ibategeka kwihana (**Ibyak 17 : 30.**) Hariho umunsi w'urubanza utari kure ubwo umuntu wese azasuzumirwa imbere y'Imana. Ikibazo umuntu wese abazwa ni iki: « Twebweho tuzarokoka dute, ni twirengagiza agakiza gakomeye gatyo » (**Abaheburayo 2 :3.**)

**Dukwiriye kumvira ukuri kose Imana iduhishurira.**

Kumenya iby'ukuri n'ibitunganye si byo bizakiza umuntu. Ndetse no gupfa kwizera gusa ntibihagije, ni ko Biblia ibidusobanurira. Intumwa Yakobo atubwira ko n'abadayimoni bizera bagahinda umushyitsi batinya (**Yakobo 2 : 9**), nyamara bazarimburwa ku mperuka (**Matayo 25 : 41**), kuko badakora ibyo Imana ishaka. Yesu yavuze ibyo abantu bamwe bigamba ko bamwizera ndetse bagakora ibikomeye mu izina rye, nyamara bakazacemerwa kuko batumvira amategeko ye. (**Matayo 7: 21-23**) Kandi turabwirwa ngo « Nimunkunda, mwitondere amategeko yanjye » (**Yohana 14: 15.**)



Scanned with CamSc

**Dushobora gukirizwa mu bwami bw'Imana dufashijwe n'Umwuka Wera.**

Kwiyemeza ko tuzahabwa agakiza ni inshingano Imana yahaye abantu muri ubu bugingo. Ni amahirwe yacu kwiga no kwemera, kandi kubw'ubuntu bw'Imana tugakora ibyo Imana ishaka. Muri ibi byigisho by'iki gihembwe muzasobanukirwa kurutaho, ni mwiga mubikuye ku mutima kandi mubyitayeho, mumenye ibyo Imana ibashakira, mugambirire gukora ibyo ishaka mufashijwe n'Umwuka Wera.



Scanned with CamSc

# ICYIGISHO CYA 1

# ITORERO RY'IMANA

**Icyo kwibukwa:** « Kristo yakunze itorero, araryitangira » **Abefeso 5:25.**
**Umugambi w'icyigisho:** Kugaragaza uko Kristo yaremeye Itorero kumubera umuhamya w'ukuri kugeza ku mperuka.

**Interuro**

Itorero ni igihome cy'Imana, umudugudu wayo w'ubuhungiro, irawukomeza mu gihe cy'ubugome bwo ku isi. « A A. p. 11».

**Ku wa mbere : Ni nde Rufatiro rw›Itorero ?**

**Ni nde rufatiro rw›Itorero ry›Imana? 1 Abakorinto 3: 11.**

**Icyitonderwa:** Umuntu ntiyashyiraho urufatiro rw'itorero ry'Imana. Rwashyizweho n'Imana na Kristo Yesu.

**Mbese icyo Kristo yubakaho itorero rye ni iki? Matayo 16: 18.**

**Icyitonderwa:** Bigaragara ko Petero, wabwirwaga ayo magambo, yasobanukiwe ko Kristo ari we Rufatiro itorero ryajyaga kubakwaho, atari Petero. Reba (1 Petero 2 : 6.) «Iri jambo 'Petero' risobanurwa ngo 'ibuye'. Kristo rero si we yavugaga ko ari urutare azubakaho itorero rye. Ubwo yavugaga urutare burya ni Kristo ubwe wivugaga ko ari urufatizo rw'itorero rye.»

**Ku wa kabiri:**

**Urutare ni nde? Abakorinto 10: 4.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** 'Kristo yubatse itorero rye ku rutare ruzima. Urwo rutare ni we ubwe, ni umubiri we bwite washenjaguwe ugaterwa imibyimba ku bwacu.» Uwifuzwa ibihe byose. P. 413.

**Ni bande bunzwe ku ibuye rikomeza imfuruka ngo bareme urufatiro rw'itorero? Abefeso 2: 20.**

**Icyitonderwa:** Kuko intumwa n'abahanuzi ari umugabane w'Urufatiro rw'itorero, itorero ryose nyakuri rikwiriye kugira ibyigisho n'imyizerere by'intumwa n'abahanuzi, ntiryishingikirize ku mihango y'abantu.

**Ku wa mbere: Itorero ryahanzwe rite?**

**Itorero ryahanzwe ryari? Ibyakozwe n'intumwa 7: 38.**

**Icyitonderwa:** Itorero ryo mu butayu ni ryo Mose yakuye mu Misiri. Ni ryo ryahishuriwe n'Imana, nk'uko biri mu Isezerano rya kera. Abaroma 3 : 2.

**Mbese Umukristo amara iki mu Itorero? Abefeso 2: 22; 1Pet. 2: 5.**

**Icyitonderwa:** Uwizera wese agomba kugira icyo akora mu itorero ry'Imana. «Kristo yahaye itorero inshingano yera. Umukristo wese akwiriye kuba umuyoboro Imana inyuzamo ubutunzi bw'ubuntu bwayo ngo igeze ku bo ku isi umukiro wa Kristo utarondoreka » Uwifuzaga mu bihe byose, p. 600. «Umukristo wese akwiriye kwiyumvisha ko yagiranye isezerano n'umwami we ko azajya agira icyo akora cyo kungura umurimo we mu bihe byose n'uko yaba amerewe kose. Buri muntu akwiriye kugira icyo akora, mbese akagira umutwaro runaka yikorera. Iyaba Abakristo bose bo mu Itorero biyumvishaga inshingano yabo! » Abakozi babwiriza ubutumwa p. 200.



Scanned with CamSc

**Ku wa kane :**

**Ni bangahe se babasha kwinjira mu Itorero? Abefeso 2: 13; 19-22.**

**Icyitonderwa:** Itorero rya Kristo ntirigenewe ubwoko ubu n'ubu : « Kuko Imana yakunze abari ku isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho » **(Yohana 3 : 16)**. Naho rero itorero rigenewe bose.

**Itorero Kristo yifuza ni irimeze rite? Abefeso 5: 27, 28.**

**Ku wa gatanu: Ibimenyekanisha Itorero ry'Imana muri iki gihe ni ibiki ?**
**Ibimenyetso bigaragaza Itorero nyakuri ryo mu gihe cy'imperuka ni ibihe? Ibyahishuwe 12: 17.**
**Mbese iryo Torero rizitondera amategeko y'Imana yose? Ibyahishuwe 14 :12.**
**Ayo mategeko bazitondera, Isabato na yo irimo? Yesaya 51: 1, 2.**

**Icyitonderwa:** Iri jambo ngo: « Agakiza kanjye karabegereye » bishaka kuvuga ibyo kugaruka kwa Kristo. Muri icyo gihe abubahiriza Isabato nyakuri yera bazibonera imigisha.

**Umurimo itorero ryasigaye ryahawe ni uwuhe? Matayo 28 : 19, 20.**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 2

# ICYACUMI N'AMATURO

**Umugambi w'icyigisho:** Kwiga iby'inama y'Imana y'aho Itorero ryakura amikoro yo gukora umurimo wayo.

**Interuro**

Umurimo w'Imana mu isi ukorwa n'Itorero. Kugira ngo ukorwe neza ugomba kugira amikoro ahagije. Imana yahaye Umukristo wese iyo nshingano.

**Ku wa mbere: Mbese nyine icyacumi ni icya nde?**

**Ni irihe hame rikomeye umuntu akwiriye kwibuka iteka ryose? Imigani 3:9.**

**Iryo hame ritwigisha iki? Zaburi 24 : 1 ; 50 : 10 ; Hagayi 2 : 8.**

**Icyitonderwa:** Umuntu ajya yishuka ngo ibi n'ibi yabironkeshejwe n'umuhati we. Yibagirwa yuko ubugingo bwe abukesha Imana, ndetse n'ubuzima bw'ibintu byose. Dukwiriye kujya tumenya ko twebwe ubwacu tugengwa n'Imana n'ibyo dutunze byose. Mu byo twunguka ibyo dukwiriye kugarurira Imana bingana iki ? **Abalewi 27 : 30, 32.**

**Icyitonderwa:** «Inama y'Imana yerekeye gutanga icyacumi ntigira uko isa. Bose bakwiriye kuyakira nta mbebya, kuko inkomoko yayo ari Imana. Birumvikana kandi bikagira umumaro, si ibyo wagomba gushebekera cyane ngo ukunde usobanukirwe. Abantu bose babasha kugira icyo bakora cyo kwamamaza umurimo mwiza w›agakiza.» **(3T. p. 388).**



Scanned with CamSc

**Ku wa kabiri:**

**Ni bande batubereye ibyitegererezo byo gukiranuka mu cyacumi bo mu Isezerano rya Kera? Itangiriro 14: 18-20.**

**Icyitonderwa:** Umuhango wo gutanga icyacumi ntiwatangiwe n'Abaheburayo. Uhereye kera kose Uwiteka yeruye ko umugabane w'icyacumi ari uwe bwite. Ibyo byavuzwe ku mugaragaro biranubahwa.

Ubwo Abisirayeli bari bagiye kugirwa ubwoko, ni ho n'itegeko ryo gutanga icyacumi ryakomejwe, mbese riba itegeko rimwe mu mategeko yajyaga kumvirwa, akabahesha kugubwa neza » **(PP.p. 525.)**

**Uwimana icyacumi Imana imugenza ite ? Malaki 3 : 8.**
**Abakiranuka mu cyacumi Imana yabasezeranyije iki?**
**Malaki 3 : 10, 11.**

**Ku wa gatatu:**

**Icyacumi gikwiye gukoreshwa iki ?**
**Icyacumi Imana igikoresha iki ? Kubara 18: 21.**

**Icyitonderwa:** Ubwoko bw'Abalewi nta gakondo bahawe muri cya gihugu cy'isezerano. Imana yabageneye kuyikorera mu ihema. Ntabwo bakoraga imirimo isanzwe ahubwo bari barashinzwe umurimo wera. Imana yari yarabageneye gutungwa n'icyacumi. Kandi na bo ubwabo batangaga icyacumi.

**Mbese iyo nama yagenewe n'ababwirizabutumwa? Abakorinto 9: 13, 14.**

**Icyitonderwa:** «Aha ngaha intumwa yavuze ku byerekeye inama y'Imana yagenewe abatambyi bakoraga mu rusengero. Abari barerejwe uwo murimo wera batungwaga n'abavandimwe, ari na bo bagabura iby'umwuka . . . Iyo nama yo gutunga abagabura ni



Scanned with CamSc

yo Pawulo yavugaga ubwo yagiraga ati « n'Umwami wacu ni ko yategetse, ko abavuga ubutumwa bwiza batungwa n'ubutumwa.» No hanyuma ubwo yandikiraga Timoteyo yaravuze ati: «Umukozi akwiriye igihembo » **AA. p. 36.**

**Ku wa kane: Ikindi dukwiriye kuzanira Imana yacu ni iki? Uretse icya cumi ikindi dukwiriye kuzanira Imana ni iki? Zaburi 96: 8.**

**Icyitonderwa:** Ntawe ukwiriye kuza gusenga imbokoboko. Ndetse naho yaba umupfakazi n'imfubyi yabasha kuzana imyaka yeze mu murima we. Icyakora tujye twitonda guturira kwirata. Imana iratuzi impagarike yacu yose, izi n'icyo twatanga turamutse tutabaye abanyabugugu.

**Dukwiriye gutangana umutima umeze ute? 2 Abakorinto 9: 7.**

**Icyitonderwa:** Umwuka w'utanga atitangiriye itama ni wo mwuka wo mu ijuru. Bene uwo mutima ugaragazwa n'igitambo Kristo yatangiye ku musaraba. Data wa twese yatanze Umwana we w'ikinege ku bwacu, amaze' gutanga ibyo yari afite byose, yaranitanze ubwe, kugira ngo umuntu abone uko akizwa. Umusaraba w'i Kaluvari ukwiriye kunyura umuntu wese wayobotse Umukiza. Ikintu cy'ikubitiro ni ugutanga. «Uvuga ko aguma muri we, akwiriye kugenda uko uwo yagendaga ..» Burya, umutima wo kwikanyiza ni umwuka wa Satani. Icy'ab'isi ni ukwikubira nta kindi. Ibyo ni byo bashegera ngo binezeze, bidamararire, ariko amaherezo yabyo akaba ubuhanya kugeza ubwo Imana ibima imigisha yayo..» A.A. 339.

**Ku wa gatanu:**

**Kristo yavuze iki cyo gutanga? Ibyakozwe n'intumwa 20: 35.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** «Si imigambi y'Imana ko Abakristo barusha cyane amahirwe bwa bwoko bw'Abayuda, batanga baguna. Umukiza yaravuze ati: 'Uwahawe byinshi arabazwa byinshi.' Abayuda babazwaga gutanga ibihwanye n'ibyo bafite, muri iki gihe ho umurimo w'Imana uragutse ku isi. Kristo yashyize mu maboko y'abayoboke be ubutunzi bw'ubutumwa; inshingano yacu iruse cyane iy'Abisirayeli ba kera. » **A.A. 337, 338.**

**Imana yemera ibyo dutanze dukurikije iki? 2 Abakorinto 8: 12.**

**Icyitonderwa:** « Ntitukibwire ko hari icyo twakora cyangwa se twatanga ngo dutone ku Mana. » **(ST. p. 735.)** « Nta turo rito ritanganywe umutima ukunze kandi unezerewe .»**(COL. P. 358.)** « Imana ntawe yakirira amaturo kuko iyakeneye, ahubwo ni uko ishaka ko abagaragu bayo bayigarurira ibyayo... iyakira nk'aho ari igitambo cyo kumvira... n'uwatanga ituro ry'igiciro kinini rite, atagira urukundo, Imana ntiyaryemera.» **2T. p. 652, 653.**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange.**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 3

# KUBA ABIZERA N'ABANYAKURI

**Icyo kwibukwa:** «Ururimi rubeshya ni ikizira ku Uwiteka; ahubwo anezezwa n'abakora iby'ukuri.» **Imigani 12: 22.**

**Umugambi w'icyigisho:** Gusobanukirwa n'icyo Imana yerekezaho kuri ibi byo kuba umwizerwa n'umunyakuri.

### Interuro

Icyigisho cya 2 kitwigisha iby'uko umuntu ari igisonga mu cyacumi n'amaturo; iki cyigisho cyo kiratwigisha iby'amategeko abiri yo mu mategeko cumi, bigakabakabaka no ku rya gatatu, ari ryo ry'iri ngo: «Ntukifuze.» Kwifuza byenda guhwana rwose no kwiba cyangwa kubeshya. Kuba umwizerwa n'umunyakuri ntibitwigisha gusa uko dukwiriye kugenzereza Imana, ahubwo bitwigisha n'uko twagenzereza abantu.

**Ku wa mbere: Kuba umwizerwa ni iki ?**

**Itegeko rya munani ritwigisha iki? Kuva 20: 15.**

**Icyitonderwa :** Kwiba no kuba umwizerwa ntibigaragarira mu mafaranga n'ibintu dutunze gusa. Burya umuntu yakwiba izina ry'undi amuvuze nabi cyangwa se amusebeje. Umwigishwa yakwiba ibisubizo bya mugenzi we, akaba abaye umwizerwa gito kuko ariganije. Umukozi yashobora kuba umudeshyi akiba uwamuhaye umurimo agahemberwa icyo atakoze. Ndetse Bibiliya igaya abantu bapimisha ibipimo bihendana ubwenge. **(Abalewi 19: 35, 36.)** « Kuba ugurisha ikintu cyawe, ugahenda uwo mugura, ni Uburiganya.» **(4T.p. 494.)**
Umuntu akwiriye kuba umwizerwa ku kintu gitoya nk'uko akwiriye kuba umwizerwa ku kinini. Umuntu yiba akantu gato none, ejo akiba akanini. Kwiba ni bibi imbere y'Imana, icyo wibye cyaba gito cyangwa



Scanned with CamSc

se cyaba kinini. Uwibye agafaranga kamwe undi akiba amafaranga igihumbi bombi baba bishe amategeko. **Abo Imana ishaka ko bayigaragaza ni abantu ki? Matayo 5 : 48; Ibyakozwe n'intumwa 6:3; Zaburi 15 : 1-5.**

**Ku wa kabiri:**

**Icyo rubanda rwizeye ku Bakristo ni iki? Matayo 5: 16; Abaroma 3: 13 ahabanza) 2 Abakorinto 8: 21; 1 Petero 2 : 12.**

**Icyitonderwa:** Abantu ntibagaya cyangwa se ngo bashime Abakristo bendeye ku mihango bakora, ahubwo bendera ku myigishirize y'itorero. N'itorero ubwaryo bararigaya cyangwa bakarishima bendeye ku migenzereze y'Abakristo bo muri ryo.

**Icyo kuba umwizerwa bimara mu kubaho k'umuntu ni iki? Abaheb. 13 : 18.**

**Icyitonderwa :** Nubwo kuba umwizerwa bikwiriye kuba ku murimo wose, cyane cyane twihanangirizwa kudahemukira abatagira shinge na rugero nk'abasuhuke, abapfakazi, impfubyi, n'abakene. **Yesaya 10 : 2; Imigani 22 : 22.** Iyo umuntu abaye umuhemu, ntahemukira abandi yiretse. Ubuhemu butuma abibwiraga ko bizera iby'ukuri baba akazuyaze. « Iyo umuntu ashatse kwiyungura ngo ahombye mugenzi we, aba yivukije imbaraga y'Umwuka w'Imana .» **(4T. p 490)** « Burya iyo duhemukiye bagenzi bacu, mbese wenda tukabariganya, ntitubura no guhemukira Imana. Abantu bishinga kuba abahemu, bazabikomeza batyo kugeza ubwo bizakora ku bugingo bwabo ndetse bikabavutsa ijuru n'ubugingo buhoraho. Umuco wo kuba abanyakuri ukwiriye kugaragarira mu cyo dukora cyose mu kubaho kwacu..» **CS. p. 142.**

**Ku wa gatatu : Twihanangirizwa iki cy'Ibinyoma ?**



Scanned with CamSc

**Ni cyaha ki kizizimba mu minsi y'imperaka? Matayo 24 :24 ; 2Timoteyo 3 : 13.**

**Icyitonderwa:** Byahanuwe yuko muri iki gihe hazaba ubuhakanyi bukomeye. Dukwiriye kumenya ko hazabaho ubushukanyi bw'uburyo bwinshi. Nk'uko wa muhanuzi yabivuze kera ngo: « Ukuri kwaguye mu nzira, kandi gukiranuka ntikubasha kwinjira. » **(Yesaya 59:14.)** Bene ibi bizajya birushaho kuba bibi uko turushaho kwegereza imperuka.

**Vuga igitekerezo cy'abantu babiri bagerageje kwiba ibitari ibyabo, bakanagerageza guhisha icyaha cyabo. Ibyakozwe n'intumwa 5 : 1-10; 1 Abami 5 : 20-27; Yosuwa 7 : 14.**

**Icyitonderwa :** « Abenshi ntibita ku byo gusohoza isezerano basezeranye ngo bishyure icyo basezeranye.... Imana ishaka ko Abakristo bo mu itorero ryayo basohoza icyo bayisezeraniye mbese nk'uwishyura umwenda yasezeranye ku mucuruzi.» **CS. p. 309-310.**

« Burya abantu ntibaba babeshya umuntu, ahubwo baba babeshya Imana, iyo batitaye ku cyo basezeranye bafashijwe n'Umwuka wayo (**CS. P. 314.**) Kwica isezerano, naho ryaba iry'umuntu cyangwa iry'Imana, ni kimwe no kwiba.»

**Kuwa kane**

**Ibinyoma bikomoka kuri nde ? Yohana 8 : 44.**
**Imana itandukanya ite ababeshya n'abavuga ukuri?**
**Imig. 6 : 16-17.**

**Icyitonderwa:** Tujye twibuka yuko Imana ireba ibintu byose: Ntitwabasha kuyihenda ubwenge.

**Amaherezo y'abanyabinyoma ni ayahe? Ibyahishuwe 21: 8.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** Bishoboka ko abantu babeshya batagize ijambo bavuga. Babasha ku bikora banegeza umutwe, bica amaso se cyangwa se bazunguza akaboko, ubundi kandi baruma gihwa. « Mujye muvuga ukuri nubwo haba ku kintu gitoya.» **(MYP. P. 145.)** Nta kintu kiba gito mu maso y'Imana. «Aho gukora icyaha wapfa, aho kuriganya wakena aho kubeshya wasonza.» **4T. p. 495.**

**Ku wa gatanu:**

**Twaba abanyakuri dute?**
**Ni nde nkomoko y'ukuri? Yohana 14 : 6 ; Yohana 17 : 17.**
**Dukwiriye kwibwira ibiki n'ibiki? Abafilipi 4:8; Zab. 51:6; Malaki 2:6; Filemoni 4 : 8.**

**Icyitonderwa:** Uko dutekereza duhinduka dutyo, «uko umuntu atekereza ni ko aba ari.» **Imigani 23 : 7.** Iyo dufite ibitekerezo byiza dukora iki? **Abefeso 4: 25; Zak. 8: 16**, Imana yo se izadukorera iki? **Zaburi 37 :18 ; 19.**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 4:

## KUBAHO KUBONEYE

**Icyo kwibuka:** « Hahirwa ab'imitima iboneye, kuko ari bo bazabona Imana » Matayo 5 : 8.

**Umugambi w'icyigisho:** Kugaragarizwa yuko ibidatungaye byose biva mu bitekerezo. Icyakora iyo bigenzwe na Kristo, ukubaho ntikubura gutungana.

**Interuro**
Kwikanyiza ni cyo cyaha cyizimba mu Bakristo benshi. Gukunda ifaranga bituma basenga ubutunzi bakiba Imana. Ubundi kandi kwikanyiza kwizimba mu bagira irari rya kamere.

**Ku wa mbere :**

**Itegeko rya karindwi ritwigisha iki ?**
**Vuga itegeko rya karindwi. Kuva 20: 14.**

**Icyitonderwa:** Iri tegeko ntiritubuza gushayisha gusa, ahubwo ritubuza no kurigira no kurarikira, mbese ritubuza ikintu cyose cyatubyukiriza irari» **PP. p. 308.**

**Intumwa Pawulo yihaye urugero ruhanitse ate? 1 Abakorinto 9: 24-27.**

**Icyitonderwa:** Intumwa Pawulo yavugaga iby'imikino yajyaga ibera i Korinto. Abasore bagombaga kuyigishwa amezi menshi. Bagombaga kwirinda ingeso yose mbi kugira ngo barusheho kugira imbaraga bakomere. Pawulo yagereranyije ukubaho kwe n'uko gusiganwa. «Yari azi yuko naramuka adakomeje amahame yizeraga akayabwiriza, ngo umuhati we waba ubaye imfabusa. Ingeso ze, kwigomwa



Scanned with CamSc

ibinezeza kwe, byagombaga kugaragaza ko idini ye atari imvugo gusa, ahubwo ko ukubaho kwe komatana n'Imana uko bukeye... yari akwiriye kwirinda kugira ngo akahe k'iby'isi katagwabiza ishyaka ry'iby'umwuka. Yihatiraga cyane kurwanya kamere ye.» **A.A. p. 314.**

**Yahuguriye wa musore Timoteyo kugera kuri urwo rugero ate? 1 Timoteyo 5: 22. Ku wa kabiri: Amaherezo yo kwitabira kamere ni ayahe?**

**Imirimo ya Kamere igaragara ni iyihe? Abagalatia 5:19.**
**Mbese Imana izahora yinginga abakurikiza ibyo imitima yabo irarikiye by'ingeso zabo zanduye? Abaroma 1: 24.**
**Ubusambanyi bugenza ubugingo bute? Imigani 6: 32.**

**Ku wa gatatu :**

**Ibitekerezo bibi n'amagambo mabi biba amendeze y'iki?**
**Kristo yavuze ko ububi butangirira hehe? Mariko 7:21, 22.**
**Umuntu atangira kwica itegeko rya karindwi ate? Matayo 5:27, 28.**

**Ku wa kane:**

**Amagambo yacu akwiriye kubonera ate? Abefeso 5: 3-5; Abafil 4: 8**

**Icyitonderwa:** «Dukwiriye guhora twunguka imbaraga yo gutuma duhora dutekereza ibiboneye. Burya uko umuntu atekereza ni ko aba ari. » Imigani 23: 7. Imbaraga yo kwitegeka ikomezwa no kugumya kuyitoza. Icyajyaga kikunanira ukomeza kukimenyereza nyuma kikakorohera kugeza ubwo gutekereza ibitunganye n'imigenzereze myiza bisigara byakubayemo kamere.



Scanned with CamSc

Turamutse tubishatse, wasanga twigobotoye bwa busigingire n'ubuhenebere, tukaba imena; tukubahwa n'abantu tugakundwa n'Imana.» **Umusozi w'amahirwe (MB. p. 491).**

**Ku wa gatanu: Urugero Umukristo akwiriye kugeraho ni uruhe? Intumwa Petero yahaye Abakristo rugero ki? 1 Petero 2: 11.**

**Icyitonderwa :** « Intumwa yashatse kwigisha abizera ko ari indatwa kwirinda irari rirwanya ubugingo. Abadashaka kugwa mu mitego ya Satani, bakwiriye kurinda imitima yabo; bakwiriye kwirinda gusoma, kureba se cyangwa kumva ibyabakururira kugira ibitekerezo bibi. Ubwenge ntibukwiriye kwizimba mu bintu umwanzi yaheraho ngo atwoshyoshye. Umutima ukwiriye guhora urinzwe kugira ngo utadukwamo n'ibibi, ugasigara urindagirira mu mwijima.» **A.A. p. 518.**

**Dukwiriye kurwanya ingeso za kamere dute? Abakol 2 : 20.**

**Abazasanganira Yesu ni abafite kubaho kumeze gute? Matayo 5:8; Yohana 3: 2, 3.**

**Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 5

# GUSHYINGIRANWA N'URUGO RWA GIKRISTO

**Icyo kwibukwa:** «Mugandukirane ku bwo kubaha Kristo.» **Abefeso 5: 21.**

**Umugambi w'icyigisho:** Kugaragaza ukuntu umugabo n'umugore bakwiriye gufatanya kubaka urugo rwa Gikristo.

**Interuro**

Kubaho kuboneye ni kimwe mu bya ngombwa ku bashyingiranwe. Umugabo ntagenewe urwe rugero agomba kugeraho n'umugore ngo agenerwe urwe. Bombi bakwiriye gukurikiza ibyo Imana yabategetse.

**Ku wa mbere:**

**Mbese gushyingiranwa ni umuhango Wera?**

**Mbere na mbere Imana yageneye umugabo iki? Itangiriro 2:18, 21, 22.**

**Icyitonderwa:** Yamuremeye umufasha umukwiriye kuko yamuremeye umugore ikuye mu mubiri we bwite. Imana ntiyamukuye ku birenge ngo ejo atazavaho amugira umuja we, ntiyamukuye mu mutwe ngo ejo umugore na we atazibwira yuko amutwara, ahubwo yamukuye mu rubavu, ku mutima we. Ibyo bigaragaza ko bombi ari mahwi.

**Bibiliya ivuga ko umugabo akwiriye kugira abagore bangahe? Tito 1:6; 1Abakorinto 7: 2.**

**Icyitonderwa:** Imana iba yarahaye umugabo abagore benshi, ariko iyo si yo yari inama yayo. Imana yari izi igikwiriye umugabo icyo ari cyo.



Scanned with CamSc

**Ku wa kabiri:**

**Muri iyo nama ya mbere, umugabo n'umugore iyo bamaze gushyingiranwa baba babaye iki? Itangiriro 2: 24; Matayo 19:4-6.**

**Icyitonderwa:** Uwo muhango wo gushyingiranwa wahanzwe n'Imana umuntu ataracumura. Ni nk'Isabato, wahanganywe umugisha w'Imana. Ntiwashyiriweho gusa kugira ngo abantu basabane bagire umunezero, he kuzaba amatiku; ahubwo habe imiryango ihuje y'abanyamurava, baboneye, b'intungane mu bihe byose. Iyo bene uko gushyingiranwa kwategetswe n'Imana mbere hose gukurikijwe, amahame yako akumvirwa, gushyingiranwa kubera bene ko umugisha. Itegeko rishyigikira uwo muhango wo gushyingiranwa ni irihe? **Kuva 20: 14.**

**Ku wa gatatu: Mbese Umukristo yashyingiranwa n'utizera? Twihanangirizwa dute kudashyingiranwa n'utizera? Gut. 7: 2, 4 ; Abakorinto 6: 14.**

**Icyitonderwa:** «Mbese abantu babiri bajyana batasezeranye?»

**(Amosi 3: 3.)** Mu byo gushyingiranwa ibi ni iby'ukuri. Iby'idini ntibibura kuruhanya iteka. Umugore w'umupaganikazi ntiyabura kuyobya abana be inzira y'Imana. Kugira ngo gushyingiranwa kuzagire amaherezo meza, dukwiriye kumvira icyo Imana itwigisha tukacyitondera.

**Iyo iryo tegeko ritumvirwaga, amaherezo yabyo yabaga ayahe? Itangiriro 6: 2, 3; Yosuwa 23: 11-13; Nehemiya 13: 26.**

**Icyitonderwa:** « Burya kwifatanya n'ab'isi bitera akaga. Satani azi neza ko ishyingiranwa ry'abasore n'inkumi kenshi ribabera inkuruzi yo guhakana. Ndetse bigatuma bimura Kristo. » **4T. p. 504.**

« Nta huriro rya Kristo na Beliyali. Nta bwo bombi bashobora guhuza. Kwifatanya n'utizera ni ukurengera ukajya mu gikingi cya Satani. Ubabaza Umwuka w'Imana ukivutsa kurengerwa na yo. None se wowe



Scanned with CamSc

ukwiriye kwigomeka utyo kugira ngo utsindwe n'iyo ntambara y'urudaca ? Nuramuka utari bugire urugo rutarimo mahumbezi, ntuzirirwe wigora ngo wifatanye n'umwanzi w'Imana.» **5T. p. 363.**

**Ku wa kane : Mu rugo rwa Gikristo hakwiriye kumera hate?**

**Umugabo akwiriye kugenzereza umugore we ate? Abefeso 5: 25-29; 1, Petero 3:7; Abakolosayi 3: 19.**

**Icyitonderwa :** «Ujye umenya neza yuko uzengurutswe n'ibyera.... Ukwiriye kwiga ibya Kristo uko bukeye. Uramenye ntukigire kiryana mu rugo rwawe. Umugabo wigize atyo aba yomatanye n'intumwa za Satani. Reka ibyo ushaka bihuze n'ibyo Imana ishaka. Jya ukora uko ushoboye kose ngo imigirire yawe itume umugore wawe amererwa neza, anezerwe. Ijambo ry'Imana abe ari ryo rijya rikugira inama. Imuhira, ujye ugenza uko ijambo ry'Imana rikwigisha. » **AH. p. 213, 124. Umugore akwiriye kugenzereza neza umugabo we ate? 1Petero 3: 1-4; Abefeso 5: 22.**

**Icyitonderwa:** «Mu cyimbo cyo kurohama mu tuntu tw'amanjwe, umugore akwiriye kugira igihe cyo gusoma, ngo asobanukirwe neza uko akwiriye kubera umugabo umufasha no kugira icyo yungura abana be. Akwiriye gukoresha amahirwe yabonye agatuma urubyaro rwe ruzabona ubugingo buruta ubu ngubu. Ntakabure kugira igihe cyo gusabana n›Umukiza ngo amubere ingenzi n›incuti magara. Ajye agira igihe cyo kwiga ijambo ry'Imana.... Mbese agire ihumure nyahumure.» **A H. p. 110.**

**Ababyeyi bakwiriye kurera abana babo bate? Abakolosayi 3: 21.**
**Icyitonderwa:** « Umugabo n'umugore bakwiriye gufatanya mbese bakaba isanga n'ingoyi. Nta matage ukwiye kubabamo. Nyamara ababyeyi benshi bakorana bagashihana, bakaba rero boretse abana babo ... Hari ubwo ababyeyi, umwe aba umugwaneza, undi



Scanned with CamSc

akaba umunyamwaga. Ibyo na byo bituma abana batarereka neza... Nyina ntaba akwiriye guhugenza se ngo atamenya amafuti y'abana be, cyangwa se ngo aboshyoshye gukora ibyo se ababuza gukora... Iyo se na nyina bafitanye amakimbirane, bituma ab'inzu babura uburyo, kandi bombi ntihagira uwubahwa no kwiringirwa kandi ari byo bikwiriye kuba nyambere mu b' inzu. **AH. p. 312.**

**Ku wa gatanu:**

**Ababyeyi bakwiriye kwigisha abana babo buryo ki? Imigani 22:6; Gutegeka 6 : 6, 7.**

**Icyitonderwa:** «Gusenga kw'ab'inzu mu gitondo na nimugoroba, ni urufatiro rwiza rwa Gikristo. Abana babasha gutora indirimbo. Hagasomwa isoma runaka, nyuma hakabaho amasengesho yo gusaba Imana kubarinda no kubayobora. Ni umurimo wa se kubayobora, ariko yaba adahari umugore we akaba ari we ubikora.

**Abana se bakwiriye kubaha ababyeyi babo bate? Abefeso 6:1; Abakolosayi 3: 20.**

**Icyitonderwa:** «Uburyo bwiza bwo kumenyereza abana kubaha se na nyina ni ukureba uko se agirira neza nyina, nyina na we akubaha umugabo we. Kureba urukundo ababyeyi babo bafitanye ni byo bituma abana bumvira itegeko rya gatanu, bakita kuri aya magambo: «Bana, mwumvire ababyeyi banyu muri byose, kuko ibyo ari byo Umwami ashima.» **AH. p. 198.**

**Urugo rwa Gikristo rwasezeraniwe irihe sezerano? Yesaya 8:18; Yesaya 49: 25.**

**Icyitonderwa:** «Abana baragijwe ababyeyi babo, kandi umunsi umwe Imana izababababaza. Dukwiriye rero kurushaho kubarera no kubasabira. **AH. p. 161.**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 6

# IMYAMBARO YA GIKRISTO NO KWIFATA NEZA

**Icyo kwibukwa:** «Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze so wo mu ijuru.» Matayo 5: 6.

**Interuro**

**Umugambi w'icyigisho:** Kwiga uko Umukristo yakwereka ab'isi urugero rwiza mu byambarwa no kwifata neza.

**Ku wa mbere: Tuburirwa iki cy'ubwibone?**

**Imana ireba ubwibone ite? Imigani 16: 5; Imigani 6: 16, 17.**
**Ubwibone bukurikirwa n'iki? Imigani 6: 18; 29: 23.**

**Icyitonderwa:** «Iyo umurima ari wo mutima wirengagijwe, umeramo urwiri, ari rwo bwikanyize, inarijye, bikawupfukira.» Evangelism, p. 342. Ni nde wabaye ibanze ry'ubwibone? Ezekiyeli 28: 12-7.

**Icyitonderwa:** «Ubwibone bwo mu mutima n'akahe byari byizimbye mu mutima wa Satani ni byo byatumye acibwa mu ijuru. Iyo mizi y'ibibi iyo yaritse muri kamere yacu itaranduwe rugikubita, usanga yaduhindanyije, maze ikera ishyari n'amakimbirane biherukwa n›ubuhenebere.» **5T. 242.**

**Ku wa kabiri:**

**Imana irwanya ubwibone ite? Yakobo 4:6; Zaburi 101: 5.**
**Mbese nyine ubwibone ni icyaha? Imigani 21 : 4.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** « Burya nta kintu cyera cyirabura kibabaza Imana kandi kigatera akaga mu bugingo by'umuntu nko kwibona no kwiyemera. Mu byaha byose icyo ni icyago, cyenda kuzimba ibindi. » **COL. p. 154.**

**Ku wa gatatu : Umukristo akwiriye kwambara ate? Abakristokazi bakwiriye kwambara bate? 1 Timoteyo 2: 9.**

**Icyitonderwa**: « Ibi byigisho si by'igitsina kimwe ni iby'abantu bose bubaha Imana. Umurimbo no gusamaza si byo bikenewe. Imana ishaka umurimbo wo mu mutima. Umukristo ntiyambarira gusamaza, ahubwo iteka akwiriye kwambara imyambaro iboneye itagira ico.»

**Mbese Uwiteka agaya bene iyo mirimo y'ubwibone? Yesaya 3:16-21.**

**Icyitonderwa:** «Kwambarira gusamaza ni ukuyoba. Uwahindutse mushya ntakwiriye kwambara atyo... Kwiyoroshya ni kimwe mu nshingano z'Umukristo. Tujye twambara ibiboneye gusa, tureke kwihundazaho ibitare n'imitako n'ibindi nk'ibyo ni ho tuzaba dukomeje kwizera kwacu..» Evangelism p. 268, 269.

**Umukristo akwiriye kubera ab'isi icyitegererezo ki? 1 Yohana 2:15, 16.**

**Icyitonderwa:** «Kugira ngo ubone uko wigisha abagabo n'abagore ko iby'isi nta mumaro, ukwiriye kubayobora kuri ya soko ihoraho, ni yo Kristo, bakanywa, kugeza ubwo imitima yabo isabwamo n'urukundo rw'Imana, Kristo akababera nk'isoko idudubiza kugeza ku bugingo bw'iteka ryose.» Evangelism p. 272. « Benshi bambara nk'ab'isi, ngo bakunde basamaze. Nyamara bikabakururira amafuti y'icyago. Ahubwo nibaramuka bashatse gusamaza mu by'ukuri, bakwiriye gukurikiza kwizera kwabo, kwizera kwabo



Scanned with CamSc

bakakwerekanisha imirimo, bagatandukanya Ubukristo n'iby›isi.... Burya amagambo, n›imyambaro n›imirimo bikwiriye kwerekana Imana.» **1T. p. 132.**

**Ku wa kane: Na none se Umukristo akwiriye kwifata ate?**

**Kristo yadusigiye cyitegererezo ki cyo kwifata neza? Matayo 11:29; 1 Petero 2: 21-23.**

**Icyitonderwa:** « Ni nde muri twe wabimbuye, akaba urwana inkundura arwanya ubwibone bwo mu mutima? Ni nde muri twe urimirije urwanya inarijye, kugeza ubwo izaba itakirangwa mu kubaho kwe? Icyampa ngo ubwo twegereza ibimenyetso byungikanya bitwegereza wa munsi w'urubanza, tukaba duhanze amaso umusaraba wa Kristo ngo ibi byigisho biterwe mu mitima yacu bitume twicisha bugufi, twiyange, tugirirane neza twe kwihugiraho, twe gusebanya, ahubwo duhumurizanye.» **ST. p. 18.**

**Umwuka Wera adufasha kwifata neza mu buryo ki? Abagalatiya 5: 22, 23; Abakolosayi 3 : 13-14.**

**Ku wa gatanu:**

**None se dukwiriye kugenzerezanya dute? Abafilipi 2: 3, 5; Abaroma 12 : 10-21.**
**Yesu yasezeraniye abagwa neza iki ? Matayo 5:5.**

**Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 7

# KWIRINDA

**Icyo Kwibuka:** « Kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana.» 1 Abakorinto 6: 20.

**Umugambi w'icyigisho:** Kumenya inshingano zacu z'uburyo dukwiriye gutegeka ingeso zonona imibiri yacu ari yo nsengero z'Umwuka Wera.

**Interuro**

Kubaho k'Umukristo iteka ab'isi bahora baguhanze amaso. Urugero rwe, urugo rwe, imyambaro ye, mbese imyifatire ye yose burya ivuga ibya Kristo. Imirire ye n'iminywere ye na byo ni uko.

**Ku wa mbere: Ibyokurya bikwiriye umubiri ni ibihe?**

**1. Ikintu cy'ikubitiro Umukristo akwiriye kumenya ni iki? 1Abakor. 3: 16, 17 ; 1 Abakorinto 6 : 19, 20.**

**Icyitonderwa:** «Abantu bose baguzwe icyo kiguzi kitagira akagero. Ubwo Imana yatangaga Kristo, akaza muri iyi si, burya yari itanze ibyo mu ijuru byose, kandi burya yari iguze ubushake, urukundo, n'umutima by'umuntu wese. Burya abantu bose baba abizera, cyangwa abatizera ni ab›Uwiteka. Bose bahamariwe kumukorera, naho rero guhwanya n›uburyo bwiza babonye, bose bazabibazwa kuri wa munsi ukomeye w›urubanza. » **COL. p. 326.**
**Mbere hose Imana yahaye umuntu byokurya ki byo kumutunga? Itangiriro 1: 29.**

**Ku wa kabiri :**
**Ubwo abantu bahabwaga uburenganzira bwo kurya inyama, inyamaswa zatandukanyijwe zite? Abalewi 11: 1-20, 42.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** Inyamaswa zizira n'izitazira zari zizwi na mbere y'umwuzure, kuko inyamaswa zitazira zinjiye mu nkuge ari indwi indwi, ingabo n'ingore, ariko izizira hinjiye ebyiri ebyiri, ingabo n'ingore **(Itang. 7 : 2.)** Abayuda si bo bategetse inyamaswa zitazira n'izizira, ahubwo bumviye itegeko ryayo. Inyamaswa zizira zivugwa mu gitabo cy'Abalewi na bugingo n'ubu ziracyazira, ntabwo rero zikwiriye kuribwa.

**Ku wa gatatu**

**Ni byokurya ki Daniyeli na bagenzi be bariye bigatuma bagira ubwenge bwinshi ? Daniyeli 1: 8, 12-16, 20.**

**Twaburiwe iki tugomba kwirinda? Bibiliya ivuga iki cy'inzoga? Imigani 20 : 1.**

**Icyitonderwa :** « Umuntu wimenyereje ingeso yo kunywa ibisindisha, ari mu y'abagabo. Ntaba agishoboye kwiyumanganya ngo ayibuze. Inda n'ubwonko bye biba byararemaye, imbaraga y'ubushake iba yararombeye, ipfa rye ntiriba rigitegekwa. Wa mutware w'imbaraga z'umwijima amukomereza mu ngoyi ntagire imbaraga zo kuzica. » **3BC. p. 1162.**
**Tubwirwa iki cy'ibisindisha? Imigani 23: 29-32**
**Ibintu bimwe biterwa no kutirinda ni ibiki? Yesaya 28: 7.**
**Mbese umusinzi azashobora kujya mu bwami bw'ijuru? 1 Abakor 6: 9, 10.**

**Ku wa kane: Kuki se imibiri yacu ari iyera? Kwirinda byera mbuto ki? Abagalatiya 5: 22, 23.**

**Mbese nyine burya kwirinda ni yo ntango yo gukurira mu Bukristo? 2Petero 1: 5-7.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa :** Ijambo ry'Imana ritugaragariza ukuri kw'ibi, yuko kamere yacu y'umubiri, izajya ihiganwa n'iy' umwuka. Intumwa itwihanangiriza kwirinda kwifuza kwa kamere, kurwanya ubugingo. Burya irari ryose riteburanwa no kwifuza. Uku kwifuza intumwa yavuze si gushingiye ku itegeko rya karindwi gusa, akayihayiho ko gusogongera kugabanura imbaraga z'umubiri burya ni ukwifuza. Intumwa ivuga yuko ushaka kunesha akazabona ingororano zo gukiranuka, akwiriye kwirinda muri byose.» **4 T. 215.**

**Ku wa gatanu:**

**Imibiri yacu ikwiriye kwegurirwa Imana ite? Abaroma 12: 1. Icyitonderwa:** «Itabi ni uburozi bukora buhoro buhoro, buhenda ubwenge, kandi bugira nabi cyane. Rigaragaza kamere yaryo mu buryo bukoreshejwe ubwo ari bwo bwose ; ni ryo kaga kabi kuko ritera imitsi yumva kwikanga, ndetse nyuma rikazayiremaza. Ritera ubwonko kugira intege nke kandi bugacura umwijima. Kenshi ritera imitsi yumva kurwara kuruta cyane uko inzoga iyitera. Rirushijeho kwiyorobeka, mbese ni kamwica kamwigarika » **MH. p. 327-328.**

« Icyayi gituma umubiri utera indihaguzi, kandi kenshi kikaba amendeze yo gusinda. Umurimo w'ikawa n'uw'uwibindi binyobwa bikundwa n'abantu hose ni kimwe. Ikintu cya mbere ikawa ikora ni ugutera umutima gushabuka.... Ariko, iryo ni ifuti. Icyayi n'ikawa ntibitunga umubiri... Iyo imbaraga yabyo itera umubiri gukora vuba vuba ishize, ya mbaraga itari isanzwe iragabanuka, noneho amaherezo hakaba guhondobera no gucika intege. » **(MH. p. 326.)**

Inzira imwe gusa yo kuboneramo amahoro ni ukudakabakaba, kudasogongera, kudakoresha icyayi, ikawa, itabi n›inzoga. Burya icyayi n'ikawa n›ibindi binyobwa bisa na byo, biri mu murongo umwe n›ibinyobwa birimo alukolo n›itabi, kandi biraruhije gucika kuri iyo ngeso nk›uko bikomereye umusinzi kureka ibisindisha.» **MH. p. 35.**



Scanned with CamSc

**Igihe turya cyangwa tunywa dukwiriye kuba tugamije iki? 1 Abakor 10: 31.**

**Icyitonderwa:** «Kwirinda nyakuri kutwigisha gucika ku kintu cyose cyangiza, tugakoresha ibikomeza ubuzima. Harimo bake gusa biyumvisha yuko ibyo barya ari byo shingiro ry'umuze muke bikaba n'ishingiro ry'imico yabo, no kuba ingirakamaro ku isi, ndetse no kugeza ku buzima bw'iteka. Dukwiriye kurya ibyiza gusa by'ingirakamaro. Umubiri ukwiriye gutegekwa n'umutima, umubiri si wo ukwiriye gutegeka umutima .» **PP. p. 562.**

## Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 8

# UKO ABAPFUYE BAMERA

**Icyo kwibukwa:** «Abapfuye bo ntacyo bakizi» Umubwiriza 9:5.

**Umugambi w'icyigisho:** Gushakashaka icyo Bibiliya yigisha cyerekeye uko umuntu amera amaze gupfa.

**Interuro**

Twize byinshi byerekeye uko umuntu akwiriye kubaho muri iyi si, muri iki cyigisho turi burebe uko amera iyo apfuye. Mbese ajya mu kindi gihugu agakomeza kubaho ?

**Ku wa mbere : Mu by'ukuri kamere y'umuntu ni iyihe?**
**Umuntu yaremwe mu ki ? Itangiriro 2: 7 (ahabanza.)**
**Kugira ngo umuntu abe ubugingo buzima, Imana yakoze iki? Itangiriro 2: 7** (ahahera.)

**Icyitonderwa:** « Ubugingo buzima » ntabwo bwashyizwe mu muntu. Imana imaze kumuhumekera mu mazuru, Adamu ni ho yabaye muzima, noneho ahinduka ubugingo buzima. Mu yandi magambo, umubiri we wari aho umeze nk'umurambo gusa kugeza ubwo umwuka w'ubugingo wamugezemo wagura ibihaha, amaso arareba. Nta bugingo budapfa bwashyizwe mu muntu.

**Ku wa kabiri**

**Mbese uretse umuntu, ibindi biremwa byo bigira umwuka w'ubugingo? Ibyo se bituma bidashobora gupfa? Itangiriro 7:21, 22 ; Umubwiriza 3 : 19.**



Scanned with CamSc

**Ubugingo buzima bwasobanuwe mu yandi magambo yahe? Yobu 27: 3.**
**Ku wa gatanu: Umuntu se iyo apfuye amera ate?**
**Iyo umwuka uvuye mu muntu amera ate ? Umubwiriza 12 : 7.**

**Icyitonderwa :** Umuntu iyo apfuye umwuka umuvamo. Ntuba ukiri ikintu gifite ubwenge bwumva, ahubwo uba ari umwuka gusa. Umubiri ntiwakomeza kubaho utagira umwuka, ni cyo gituma usubira mu mukungugu. Umuntu akaba atakibayeho... Imana izongera imubesheho igihe gikwiriye gisohoye.

**Mbese umuntu upfuye hari icyo aba akizi? Zaburi 6: 5; Zaburi 115:17 ; Zaburi 146 : 4.**

**Icyitonderwa:** Bibiliya ntabwo yigisha yuko iyo umuntu apfuye ajya mu ijuru cyangwa se muri purigatori. Aramutse agiye mu ijuru cyangwa mu purigatori, ntihabaho urubanza, cyangwa umuzuko cyangwa ngo Yesu Kristo yirirwe agaruka. Izi nyigisho zikomeye zihamya yuko umuntu ategerereza mu gituro akazageza mu gihe cyagenwe. **Yobu 14: 14.**

**Ku wa kane: None se upfuye hari icyo yongera gukopfora? Umubwiriza 9: 5, 6.**

**Bibiliya yita urupfu iki ? Yoh 11: 11-14; Daniyeli 12 : 2 ; 1 Abatesaloniki 4 : 13.**

**Icyitonderwa :** Iyaba Lazaro ubwo yapfaga yaragiye mu ijuru, Yesu ntiyajyaga kumugarura muri iyi si y'imburagasani y'ibyaha n'umubabaro. Mbese nyine ubwo Lazaro yazukaga hari ubwo yigeze asobanura ibyo ubwiza bwo mu ijuru? Ashwi ntacyo yari yabonye. Yari yapfuye, ari nta cyo akizi, iminsi ine yose. Bibiliya yita urupfu



Scanned with CamSc

n'ibitotsi. Ubusanzwe iyo umuntu asinziriye akiri na muzima nta cyo amenya kugeza ubwo ari bukanguke. Urupfu ni ko rumeze.

**Ku wa gatanu: Ubugingo buhoraho bubonerwa hehe?**

**Ni nde ufite kudapfa wenyine? 1 Timoteyo 6: 15; 16.**

**Icyitonderwa:** Imana ni yo yonyine soko y'ubugingo buhoraho. Ibindi biremwa byose, ari abamarayika, ari abantu, babuhabwa n'Imana.

**Aho tubonera kudapfa ni hehe? 2 Timoteyo 1:10**
**Ni bande basezeraniwe ubugingo buhoraho? Yohana 14:6; Yohana 10: 27, 28; 1 Yohana 5: 11, 12.**

**Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange**



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 9

# UMUZUKO

**Icyo kwibukwa :** « Yesu aramubwira ati: « Ni jye kuzuka n'ubugingo.» **Yohana 11: 25.**
**Umugambi w'icyigisho:** Gusobanukirwa na ya mizuko yombi Yesu yavuze.

**Interuro**
Umuntu yavuye mu mukungugu; iyo apfuye asubira mu mukungugu. Asinzirira mu mukungugu wo ku isi, akigumiramo kugeza ubwo azahindurwa ukundi Kristo agarutse, ari na bwo hazaba umuzuko.

**Ku wa mbere: Umuzuko uzazanwa na nde?**

**Umuntu yazanye iki ku isi ? 1 Abakorinto 15 : 21, 22 (ahabanza).**
**Ni nde gusa ubasha guhindura abantu bazima? 1 Abakorinto 15: 21, 22.**

**Icyitonderwa:** Kristo yagize kamere imwe n'iyacu kugira ngo tugire Umwuka umwe na we. « Iyo mbaraga dufatanyije na we ni na yo izatubashisha kuzuka mu bapfuye, ntibiterwa n'imbaraga ya Kristo gusa, ahubwo ni n'uko kwizera kwatumye ubuzima bwe buhinduka ubwacu. Abitegereza imico ya Yesu nyakuri, bakamwakira mu mutima, bafite ubugingo buhoraho. Kristo abanira natwe mu Mwuka, kandi iyo twakiriye Umwuka w'Imana ku bwo kwizera, iba ibaye intango y'ubugingo buhoraho.» **(DA. p. 388.)**

**Ku wa kabiri**

**Kristo yakoze iki cyatumye atsinda urupfu? Ibyakozwe 13:30, Yohana 11: 25, Ibyahishuwe 1: 18.**



Scanned with CamSc

**Hazabaho kuzuka kw'iyihe mitwe ibiri ? Ibyakozwe 24: 15 ; Yoh 5 : 28 ,29.**

**Ku wa gatatu: Tubwirwa iki cy'umuzuko wa kabiri ?**

**5. Umuzuko wa mbere uzaba ryari? Abates 4: 16; 1 Abakor 15: 23.**

**Icyitonderwa:** « Imana mu gihe cyayo bwite izahamagara abapfuye, yongere ibahe umwuka w'ubugingo, itegeke amagufwa yumye kubaho. Ikimero umuntu yari asanganywe kizazuka, ariko kitakiranganwa indwara n'umuze uwo ari wo wose. Azongera abeho, afite ka kamero yahoranye, ibi bituma bagenzi be bazamumenya... Imana izaha abakiranutsi umubiri uzayishimisha. Pawulo abisobanura ko ari nk'imbuto yatewe mu murima. Iyo mbuto ibanza kubora, nyuma ikagondora. Ako kabuto ntikaza ari mahwi n'akatewe, ahubwo Imana ni yo igaha umubiri yishakiye uyishimishije. Umubiri w'umuntu uzaba utatswe ubwiza, kuko azaba ari ikiremwa gishya, avutse bundi bushya. Uterwa ari umubiri wa kamere, ukazuka ari umubiri w'umwuka. » **BC. p. 1093.**

**6. Uwo muzuko witwa uwa ba nde? Luka 14 : 14**
**7. Ni ba nde bazahindurwa ukundi muri uwo muzuko? 1 Abates 4: 17. 6.**

**Ku wa kane**

**8. Sobanura iryo hinduka rizaba muri uwo muzuko. 1Abakor 15: 51-54.**

**Icyitonderwa:** «Ijwi ry'Umwana w'Imana rizahamagara abera bazaba barasinziriye. Azitegereza ibituro by'abakiranutsi maze atunge ukuboko kwe ku ijuru arangurure ati : 'Nimukanguke, nimukanguke, mwebwe abasinziriye mu mukungugu, ni mukanguke.' Abasinziriye



Scanned with CamSc

bazumva, iryo jwi, bapfu-pfunuke impande zose z'isi, kandi abazaryumva bazabaho. Kandi ku isi yose hazumvikana imirindi y'inteko ikomeye ivuye mu moko yose, mu ndimi zose, n'abantu bose. Bava mu nzu y'imbohe ari yo rupfu bazaba bambaye ubwiza bwo kudapfa, barangururé bati: 'Wa rupfu we, kunesha kwawe kuri he? Wa rupfu we, urubori rwawe ruri he?' **1 Abakor 15 : 55**. Maze abakiranutsi bazaba bakiriho hamwe n'abera bazutse bazanimbikira amajwi yabo hamwe bishongora kuko banesheje.» **(GC. p. 644.)**

**Ubwo Kristo azagaruka abazazuka bazamera bate? Ibyahishuwe 20: 6.**

**Icyitonderwa:** Intumwa Pawulo yavuze yuko abakiranutsi bazasanganira Umwami mu kirere. Ntabwo bazaguma ku isi. Kristo yabasezeraniye ahantu nk'uko byanditswe muri Yohana 14 : 2, 3.

Ubwo bazagera mu ijuru bazahabwa umurimo wo guca urubanza nk'uko byanditswe mu 1 Abakorinto 6 : 2. Uwo murimo uzamara imyaka igihumbi. **Ibyahishuwe 20: 6.**

**Ku wa gatanu : Ni bande bazazuka mu muzuko wa kabiri? Uwo muzuko uzabaho ryari? Ibyahishuwe 20: 5.**

**Icyitonderwa:** Kuko inkozi z'ibibi zitazajya mu ijuru bitewe n'uko zitemereye Kristo ko azibera Umukiza, nta mpamvu yazatuma bazuka ubwo Kristo azaba agarutse. Ahubwo bazaguma mu bituro byabo kugeza ubwo imyaka 1000 izaba ishize. Ni bwo bazazukira gucirwaho iteka. Abakiranutsi bazaba baramaze gusesengura urubanza rw'inkozi z'ibibi baranyuzwe n'uko Imana ari intabera.

**Mbese abanyabyaha bazazukira iki? Ibyahishuwe 20 15. Abazahabwa igihano muri icyo gihe ni bande? Ibyahishuwe 21: 8.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** «Nubwo bidashoboka ko Imana ku bwo ubutabera bwayo n'imbabazi zayo itabasha gukiza umunyabyaha akibirimo, ahubwo ibanza kumwamururaho akamero k'ibyaha kari karamugwabije. Uwandikishijwe n'Umwuka yaravuze ati: 'Kuko hazabaho igihe gito, umunyacyaha ntabeho; ni koko uzitegereza ahe, uhabure.'**Zaburi 37 : 10.** ' Kandi bazamera nk'abatigeze kubaho.' (Obadia 16). Bazaba bagize ipfunwe, bari mu kangaratete, babe akaraha kajya he .» **GC. p . 544.**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange**

SEVENTH DAY ADVENTIST CHURCH
ASA UR-NYARUGENGE
EAST CENTRAL RWANDA CONFERENCE



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 10

# UMURIMO W'ABAMARAYIKA BABI

**Icyo kwibukwa :** « Mwirinde ibisindisha, mube maso; kuko umurezi wanyu Satani azerera nk'intare yivuga, ashaka uwo aconcomera.» **1 Petero 5 : 8.**

**Umugambi w'icyigisho:** Gusobanukirwa n'uburyo abamarayika babi bibasira Imana n'ukuri kwayo ku isi yose.

**Interuro**

Ubwo Satani yacibwaga mu ijuru, yazanye n'abamarayika benshi. Abo bafatanyije na we kugomera Imana.

**Ku wa mbere :**

**None se umurimo w'abadayimoni ni uwuhe?**
**Ni ba nde bacanywe na Satani mu ijuru ? Ibyahishuwe 12: 9.**
**Abo badayimoni baba hehe? 1 Petero 2:4; Yuda 6.**
**Mbese bafite ububasha bwo gukora ibitangaza? Ibyah 16:13, 14.**

**Ku wa kabiri:**

**Mbese Kristo yategekaga abadayimoni?**
**Mbese abadayimoni bamenye Yesu ubwo yazaga ku isi?**
**Matayo 8 : 29. Yesu yababujije gukora iki? Mariko 1:4; Luka 4:41.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** Igihe cy'ubugabura Kristo yamaze mu bantu yakigizemo umuhati wo kurwanya ubwami bw'umwijima. Satani n'abamarayika be bamaze igihe kirekire bashaka kwigarurira imibiri n'imitima by'abantu, babatererereza ibyaha n'imibabaro; maze ibyo bakabihererereza ku Mana. Yesu yagaragarije abantu imico y'Imana... Satani yakoresheje imbaraga ze zose ngo arwanye intambwe yose y'umurimo w'Imana. Na none uko ni ko bizamera muri ya ntambara iheruka y'abakiranutsi barwanya ibyaha. Ubwo abigishwa ba Kristo bahabwa ubuzima bushya n'umucyo n'imbaraga bivuye mu ijuru, ku isi na ho ntihabura kumva imbaraga za Satani. Iyo mbaraga ihora yiyongera uko bukeye. Ubucakura bwaramye imyaka myinshi bw'uwo mutware w'imirimo mibi, buhora bwihinduriza.» **DA. p. 257**.

**Kristo yatabaye abantu batewe n'abadayimoni ate? Matayo 8: 16; Luka 4 : 33-36.**

**Ku wa gatatu: Twihanangirijwe iby'ubushitsi dute?**
**Abana b'Imana bakwiriye kwirinda iby'abashitsi bate?**
**Abalewi 19 : 31; 20 : 6.**

**Icyitonderwa:** «Abaheburayo bari barabujijwe rwose imiterekero yose... Imana yabibuzanyije rwose ubwo yavugaga iti: 'Abapfuye bo ntacyo bakizi, kandi nta ngororano bakizeye; kuko batacyibukwa.' **Umubwiriza 9: 5, 6**. Abo badayimoni ntibari abazimu, ahubwo ni abamarayika babi, ari bo ntumwa za Satani.» **(PP. p. 685.)**

**8. Mbese iby'ubupfumu n'ubushitsi twarabihawe? Gutegeka 18: 10-13.**

**Icyitonderwa:** «Hariho benshi usanga babuze ibyicaro bitewe n'uko batazi uko bagiye kumera. Bananirwa kwiyumanganya, ntibabashe kwihangana ngo bategere kureba agakiza k'Imana. Ibibi bikabigarurira babererekeye ibitekerezo by'ubugome, bakagumya gucuragana bafite agahinda, bagashaka icyabishe icyo ari cyo... Bene ubwo buyobe Imana ntibwishimira. Uko kwihangana guke gukuraho inyegamo maze tukagaragarizwa kutizera Imana kwacu, noneho tukaba twuguruye inama za wa mushukanyi. Satani atererereza abantu



Scanned with CamSc

gushikisha ngo bamenye ibyababayeho kera bakizera yuko abashitsi bazababwira ibizababaho. Kubera ko ari inararibonye akababwira ibitera ibyo n'amaherezo yabyo, kandi kenshi haba ubwo baragura bagahuza n'ibizaba mu kubaho kw'abantu. Noneho rero kakaba kabaye, mbese akaba abafashe mpiri. » **PP. p. 687.**

**Ku wa kane**

**Mbese mu minsi y'imperuka hazabaho imyuka iyobya? Ibyah.l2:12; Timoteyo 4: 1.**

**Icyitonderwa :** «Satani n'abamarayika be bazi amategeko y'ibyaremwe maze bakabiterereza ibyorezo by'indwara n'urupfu uko bashoboye kose, kuko ari abanzi b'Imana, kandi ukuri kw'Imana bakaguhindura ukundi bagashyira amanjwe mu cyimbo cyako. Bazi neza kuruta abatuye isi yuko amaherezo y'ibintu byose ari bugufi kandi bafite igihe kigufi cyo gukora. **(BR. p. 522.)**

**Umuhati wa Satani usobanurwa ute? 1 Petero 5: 8; 2 Abakor.11:14.**

**Icyitonderwa:** «Satani azajya akoresha ubucakura, yiyite Kristo. Mu mpande nyinshi z'isi, Satani azajya yiyamamaza mu bantu nk'umwami w'icyubahiro... Ndetse impundu zizavuga urwunge ngo 'Kristo yaje !' Abigishijwe ibyanditswe byera basa bakaba barakiriye urukundo rw'iby'ukuri ni bo bazakingirwa bahushe iyo mbaraga y'umushukanyi ifata abantu mpiri. Nk'uko Bibiliya ibihamya, abo ni bo bazahonoka ubuhendanyi bw'uwo mushukanyi ..» **(GC. p. 624,625).**

**Ku wa gatanu**

**Umukristo yatsinda ate mu rugamba rw'iyo myuka mibi? Abefeso 6: 11-13.**
**Kristo yasezeranye mbaraga ki yo kunesha? Luka 10 : 19, 20.**

**Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 11

# UBUROZI

**Icyo Kwibukwa :**« Kuko Imana itaduhaye umwuka w'ubwoba ahubwo yaduhaye uw'imbaraga n'urukundo no kwirinda.» 2 Timoteyo 1

**Umugambi w'icyigisho**: Kugaragaza ko uburozi bukomoka kuri Satani kandi ko Imana ibwanga urunuka.

**Interuro**

Umwanzi n'abamarayika be bari ku rugamba rwo kurwanya Imana. Inama yabo ni ugutera ubwoba mu mitima y'abantu, kugira ngo bagume mu bubata bw'imihango ya gipagani ngo be kumenya umudendezo wishimirwa n'uwahindutse umwana w'Imana.

**Ku wa mbere:**

**None se ubwoba hari uwo buha umudendezo? Abisirayeli biroshye mu bubata bate bimuye Imana? Zab.106: 20.**

**Ibitambo byose byatangwaga bitategetswe n'Imana biterekerezwa ba nde? 1 Abakorinto 10: 20.**

**Ku wa kabiri : Amaherezo y'uburozi ni ayahe ?**
**Imana yategetse iki cyerekeye imitukiro (gushikisha)? Abalewi 19: 31 ; Abalewi, 20 : 27.**

**Icyitonderwa:** «Imana yahananye ibyerekeye imiterekero byose.
Mu gihe cy'Abaheburayo hari hariho abantu bitwaga abagirwa ba



Scanned with CamSc

za biheko, nyabingi, ibitega n'ibindi. Bene abo ni bo bashitsi, Bibiliya ibita imyuka mibi. Umurimo w'ubushitsi Imana yarawugaye rwose ndetse ababikora bakaba bakwiriye gucirwaho iteka ryo gupfa.» **(GC. p. 556.)**

**Umwami Sawuli yishe iryo tegeko ate? 1 Samweli 28: 3,7-20.**

**Icyitonderwa:** Sawuli ntiyavuganye na Samweli ahubwo yavuganye n'umwuka mubi umuhanzemo. Umuhanuzi Samweli yari yarapfuye. « Abapfuye nta cyo bazi.» Ni cyo gituma Samweli atajyaga kubasha kuvuga. Uwo mushitsi yashatse gushika Samweli. Nyamara ntiyari afite imbaraga yo gukingura igituro. Ibyo byabashwa na Kristo ubwe. Ndetse naho Samweli yaba yarazuwe (icyakora ntitubibwirwa) Imana yajyaga kwemera se ko azanwa ku isi n'umwuka mubi? Imana yari yanze kugira ihuriro na Sawuli none yajyaga kwemerera intumwa za Satani kubikora? Muri iryo joro, umwuka mubi yihinduye Samweli mu isenga, Sawuli yakutse umutima, acika intege biza kumukoraho.

**Ku wa gatatu**

**Ibyanditswe bivuga iki cy'umwami Sawuli cyo kutumvira itegeko ry'Imana? 1 Ingoma 1: 2, 16.**
**Undi mwami w'Abisirayeli waraguje ni nde kandi amaherezo ye yabaye ayahe? 1 Abami 1: 2, 16.**

**Ku wa kane**

**Mbese kwiringira uburozi bizavutsa abantu ubwami bw'Imana? Galatiya 5: 19-21.**

**Icyitonderwa:** Uburozi bubaranywe n'uru rutonde rw'ibyaha bya kamere bizavutsa abantu ubwami bw'Imana. Kwizera imbaraga y'imitukiro, ugahorana igishyika cyabyo, ni ukugomera Imana kimwe no kubikora weruye.



Scanned with CamScanner

**Abavuga yuko barindirijwe inyanja yaka umuriro ni ba nde? Ibyahishuwe 21 : 8.**
**Icyitonderwa:** Uretse n'abarozi bazajugunywa mu nyanja yaka umuriro n'abashitsi, abanyamitukiro, n'ibindi bigashari byose bibariwemo.

**Ku wa gatanu: Imana iturinda imitukiro ite?**

**Ubwoko bw'Imana bukwiriye gushaka iki? Yesaya 8: 19, 20.**
**Mbese dukwiriye gutinya kurogwa (gutukirwa)? Kubara 23:23.**
**Imana yasezeranye ko izajya iturinda ite? Zaburi 91: 1-16.**

**Icyitonderwa:** Amagambo yo muri iri somo ryo muri Zaburi tuyafate mu mutwe.

**Mbese Umukristo akwiriye guhorana ubwoba mu bugingo bwe? 2 Timoteyo 1: 7 ; 1 Yohana 4 : 18.**

**Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 12

# UMURIMO W'ABAMARAYIKA

**Icyo kwibukwa:** « Marayika w'Uwiteka abambisha amahema yo kugota abamwubaha akabakiza.» **Zaburi 34: 7.**

**Umugambi w'icyigisho:** «Gusobanukirwa n'ukuntu abamarayika babasha kudufasha, twebwe abazaragwa agakiza.»

**Interuro**

Umugabane munini w'abamarayika wakomeje kuyoboka Imana ntiwayoboka Satani ngo bagomere Imana. Bita cyane ku bakorera Imana bagatabara abana b'Imana bageze mu y'abagabo.
**Umuntu afitanye sano ki n'abamarayika? Zaburi** 8 : 5.
**Abamarayika bangana iki? Ibyahishuwe 5:11 ; Abaheburayo 12:22.**

**Ku wa kabiri**

**Abamarayika bavugwa ko bafite imbaraga n'imico bimeze bite? Zaburi 103: 2.**

**Ubwo abamarayika bagendereraga abantu byagenze bite? Abaheburayo 13: 2. Itangiriro 19: 1-3.**

**Icyitonderwa :** «Ni mugoroba, abashyitsi babiri bageze hafi y'irembo ry'umudugudu. Bari baje gucumbika ngo baharare iryo joro. Nta muntu wajyaga gufora iby'abo bagenzi b'intumwa z'Imana. Ubukubaganyi bw'abantu bo mu mudugudu ntibwabakundiye kumenya ko ibyo bakoraga byajyaga gukora ku mudugudu wabo w'icyogere. Nyamara hariho umugabo umwe wabagiriye neza



Scanned with CamSc

ajya kubacumbikira. Loti ntiyari azi imico yabo, ariko yagiraga ikinyabupfura agakunda gucumbikira abashyitsi; wari n'umwe mu mico yo gukomeza idini ye, kandi yari yarakuye icyo cyitegererezo kuri Aburahamu. Iyaba umuntu utitonda, aba yarapfanye n'Abanyasodomu. Abantu benshi banga gucumbikira abashyitsi bakivutsa umugisha, ibyi-ringiro n'amahoro..» **(PP. p. 158.)** Iyo wugururiye imbabare za Kristo, uba ucumbikiye abamarayika utabareba. «Uba ushyikiranye n'abo mu ijuru.» **(DA. p. 639.)**

**Ku wa gatatu : Ni ba nde kenshi barokora abantu?**

**Umumarayika umwe yakoze iki cyo gukiza ubwoko bw'Imana igihe kimwe? 2 Abami 19: 35.**

**Abagaragu b'Imana barindiwe i Babuloni bate? Daniyeli 3: 23, 28; 6:22.**

**Sobanura uko intumwa Petero yakirijwe mu nzu y'imbohe? Ibyak 12: 6-11.**

**Ku wa kane**

**Abamarayika barinda abakiranutsi bate? Zab 34: 7; 91: 11; Mk 18: 10.**

«Umuyoboke wese wa Kristo yategekewe umumarayika umurinda. Abo barinzi bo mu ijuru bakingira ingabo umukiranutsi ngo imbaraga y'umubi itamwivugana..» **(GC. p. 512.)** « Nuko mu bihe byose abamarayika bahora iruhande rw'abayoboke ba Kristo.

Imyambi y'umubi ntibura kwibasira abaharanira gutsinda, ariko Kristo we ashaka ko tureba ibintu bitagaragara, tugahanga amaso ingabo zo mu ijuru zigota abakunda Imana, zikabakiza. Mu kaga kagaragara n›akatagaragara, turindwa n›abamarayika, bene ibyo ahanini tuzabimeya tugeze muri wa mucyo w'iteka ryose, ni ho tuzareba



Scanned with CamSc

neza amahirwe y›Imana. Maze tumenye neza yuko umuryango wo mu ijuru wose wari witaye ku muryango wo ku isi, kandi ko intumwa zavaga ku ntebe y›ubwami y›Imana zahoraga zirinze intambwe zacu buri munsi..» **(DA. p. 240.)**

**Abamarayika bafashe umurimo w'agakiza bate ?**
**Abamarayika bagaragaza ko bita ku gakiza k'abantu bate?**
**Luka 15 : 11-24; Abaheburayo 1 : 14.**

**Icyitonderwa :** « Abamarayika bahora barekereje kujyana amakuru mu ijuru y'umunyabyaha umwe wihannye. Ingabo zo mu ijuru zihora zirekereje, ziteguye gucuranga, no kuririmba indirimbo z'ibyishimo yuko hagize umunyabyaha wihana akemera ubutumwa.» **(COL. p. 237.)**

**Ku wa gatanu**

**Kuki se abamarayika bazagomba kuhaba kuri wa munsi w'urubanza? Daniyeli 7 : 9-10.**

**Icyitonderwa:** Hariho umumarayika utagaragara uhora aturinda. Ijambo ryose n'umurimo wose byandikwa mu bitabo byo mu ijuru. Ntasobwa, dukwiriye kujya twitonda. Umubwiriza 5 : 6.

**Mbese ubwo Yesu azagaruka, abamarayika bazaba bahari?**
**Matayo 16 : 27.**

**Cyane cyane umurimo wo muri icyo gihe uzaba uwuhe ?**
**Matayo 24 : 31.**

**Ku wa Gatandatu: Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

# ICYIGISHO CYA 13

# ISUZUMABUMENYI

**Icyo kwibukwa** : Musubire mu byo kwibukwa 12 n'amasomo yabyo.
**Umugambi w'icyigisho :** Mwihatire gusubiza ikibazo cyose kibajijwe muri ibi bikurikiyeho, kandi musobanukirwe n'ibyigisho.

**Interuro**

Nudashobora gusubiza ikibazo kimwe muri ibi bibazo, usubire muri icyo cyigisho ucyige neza.

**Ku wa mbere**

**1.Itorero ry'Imana ryubatswe kuri nde? Icyigisho cya 1.**
**2.Ni ibihe bimenyetso bizagaragaza itorero ryo mu gihe cy'imperuka? Iryigisho cya 1.**
**3. Abakristo bo mu Itorero babasha bate gufasha umurimo w'Imana ku isi ku bwo amikoro yabo? Icyigisho cya 2.**
**4.Vuga izina ry'umuntu wagerageje guhendana ubwenge abeshya? Yabaye ate bitewe n'uko yanze kwihana icyo cyaha? Icyigisho cya 3**

**Ku wa kabiri**
**Mbese kugira ukubaho gutungana ni ngombwa? Icyigisho cya 4.**
**Sobanura uko gushyingiranwa kwahanzwe. Icyigisho cya 5**
**Umukristo ashyingiranywe n'utizera bizana kaga ki?**

**Icyigisho cya 5.**
**Ni iki kigize urugo rwa Gikristo? Icyigisho cya 5.**
**Ku wa gatatu**



Scanned with CamSc

Umukristo akwiriye kwifata ate no mu myambaro? Icyigisho cya 6.
Inyamaswa zizira n'izitazira zimenyekanishwa n'iki? Icyi-gisho cya 6.
Vuga ibyokurya n'ibinyobwa byonona ubuzima. Icyigisho cya 7.
Umuntu yaremwe ate? Icyigisho cya 8.

**Ku wa Kane**

Umuntu iyo apfuye amera ate? Icyigisho cya 8.
Umuntu ahabwa kudapfa ryari? Icyigisho cya 9.
Sobanura iby'imizuko ibiri. Icyigisho cya 9.
Umurimo w'abadayimoni ni uwuhe? Icyigisho cya 10.

**Ku wa Gatanu**
Bibiliya ivuga iki cy'imitukiro ? Icyigisho cya 11.
Sobanura iby'abami babiri b'Abayisirayeli bashikishije bakaraguza.

Icyigisho cya 11.
Umuntu yatsinda ate ubwoba n'uburozi? Icyigisho cya 11.
Umurimo w'abamarayika beza ni uwuhe? Tanga icyitegererezo.

Icyigisho cya 12.

**Ku wa gatandatu**
Nimusubire mu bibazo byose; ibiruhije muri byo mwongere mubyige.

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange.**

---



Scanned with CamSc

# INTERURO

# Y'IBYIGISHO BY'IGIHEMBWE CYA KANE

Ubwoko bw'Imana iteka ryose buhora ari ubunyamahirwe. Ijya ibumenyesha ibyagiye biba ibihe byose muri iyi si. Ubundi ibahishurira ibizabaho mu buhanuzi bya ngombwa bakwiriye kumenya. Imana yashyize mu itorero impano z'Umwuka, Abakristo bo muri ryo ni zo bakwiriye kubakwaho, zikabatunganya, zikabakomeza. Umurimo ubwoko bw'Imana bugenewe ni ukuyamamaza ku isi y'ababi. Ubwo Yesu yatekerezaga iby'abana b'igiciro cyinshi, n'umwanya bafite mu bantu, yaravuze ati « Muri umucyo w'isi. » **Matayo 5: 14.**

Intumwa Petero yari azi imigisha izanwa no kwamamaza ubutumwa ni ko kwandika ati « Ariko mwebwe muri ubwoko bwatoranyijwe, abatambyi b'ubwami, ishyanga ryera, n'abantu Imana yaronse, kugira ngo mwamamaze ishimwe ry'Iyabahamagaye ikabakura mu mwijima, ikabageza mu mucyo wayo w'itangaza.»**1 Petero 2 : 9.**

Imana ntisezeranya yuko iteka ryose muzibera mu mudamararo, mutaganya. Ahubwo ibiri amambu, yasezeranye ko amagorwa atazabura kubaho. « Abashaka kujya bubaha Imana bose, bari muri Kristo Yesu, bazarenganywa. » **2 Tim 3:12.** Icyakora dukwiriye kumenya neza ko itazaduhana, kuko ivuga iti: « Dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi.» **Mat 28: 20.**

Shishikarira kwiga ibyigisho by'iki gihembwe maze ukuri kubirimo kube ari ko kugenga ubugingo bwawe. Ni byo bizatuma unesha ukishimira amasezerano yasezeraniwe abazanesha bakazagera muri cya gihugu kirushaho kuba cyiza.



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 1

# UBUSONGA BWA GIKRISTO

**Icyo kwibukwa:** « Kandi ibisonga bishakwaho ko biba ibinyamurava. » **1 Abakor. 4 : 2.**

**Umugambi w'icyigisho:** Gusobanukirwa n'ubusonga bwa Gikristo iryo ari cyo.

**Interuro**

Igisonga gihuza na shebuja. Cyemera inshingano y'ubusonga, kandi kigakora mu cyimbo cya shebuja, gikora nk'ibyo shebuja yajyaga gukora, iyo ahibera. Icyo shebuja akunda, na we agakunda icyo.» **(CS. p. 113.)**

**Ku wa mbere: Mbese abantu bose bafite impano?**

**Sobanura umugani w'italanto Mat 25: 14-30.**

**Icyitonderwa:** « Umugani w'italanto, birumvikana neza ko ubuzanya kwifuza, ari ko Imana yita gusenga ibishushanyo. » **(CS. p.114.)** «Ubwoko bw'Imana bukwiriye kumenya ko Imana itabuhereye impano kugira ngo bwikungahaze mu by'isi, ahubwo ko ari ukugira ngo bizigamire urufatiro rwiza rw'igihe kizaza, ndetse kugeza ku bugingo buhoraho.» **(CS. p. 117.)**

**Kuki ibyo bisonga byombi byategetswe kwinjira mu munezero wa shebuja? Mat 25: 21, 23.**

**Icyitonderwa:** « Italanto naho zaba nto zikwiriye gukoreshwa. Icyo dukwiriye kwibaza si iki ngo: "Nahawe ibingana iki?" Ahubwo ngo: "Mbese icyo yampaye nagikoresha iki?" « Amajyambere



Scanned with CamSc

n'imbaraga twagabiwe ni inshingano yacu ku Mana no kuri bagenzi bacu. Burya umuntu udakura uko bukeye ngo abe ingirakamaro ntabwo asohoza ikigamijwe mu bugingo.» **(COL. p.329.)**

**Ku wa kabiri**

**Kuki se ikindi gisonga cyaciriweho iteka? Matayo 25: 26-28.**

**Icyitonderwa:** «Italanto yose igaruriwe Umukiza, izasuzumwa. Ibyo abagaragu b'Imana bakora n'ibyo babikijwe ntibizatekerezwa ko ari ikintu cy'imfabusa. Umuntu wese ubwe azabazwa italanto yabikijwe, ko yayigenzuye cyangwa se ko yayipfushije ubusa. Ingororano izahwana n'italanto wagenzuye. Igihano na cyo kizahwana n'italanto wapfushije ubusa.» **(CS. p. 119-120.)**

Nta muntu, yaba umukire, yaba umukene, wabasha guhimbarisha Imana ukubaho k'ubunebwe. Icyo abantu bose bagira naho ari abakene ni igihe n'imbaraga y'umubiri; nyamara kenshi bakabipfusha ubusa bitewe no gukunda kwidamararira no kuba abanyabute, ntibagira icyo bazanira Uwiteka cy'icyacumi n'amaturo.» **(CS. p. 121.)**

**Italanto zimwe twahawe ni izihe?**

**Kuvuga ni italanto:** Mu mpano zose abantu bahabwa, ntayo ikwiriye kuturutira impano yo kuvuga.» **(CS. p. 115.)**

**Imbaraga ni italanto:** Dukwiriye kuyihimbarisha Imana. Imibiri yacu ni iyayo **(C. p. 115.)**

**Kureshya ni italanto:** Kugira imbaraga yo gukora ibyiza iyo umurimo w'Imana wakiye mu murimo wacu. **(CS. p. 115.)**

**Isambu ni italanto:** Burya ibyo dufite byose ni iby'Uwiteka, nta shiti. Aduhwiturira gukanguka, ngo twakirane imitwaro mu murimo we ukuza amajyambere. Umukristo wese akwiriye kuba igisonga gikiranuka. **(CS. p. 114.)**



Scanned with CamSc

**Igihe ni italanto:** «Mu italanto zose ntayo Imana izatubaza kuruta igihe cyacu. » **(COL. p. 342.)**

## Ku wa gatatu

**Ubwoko bw'Imana bugarutse buvuye mu bunyage, icyo bwayobyeho ni iki? Hagayi 1 : 3-6.**
**Ni iki cyabadindije? Hagayi 1 : 9.**

**Icyitonderwa :** Biberaga mu byo kwiyubakira bakaba ari byo bahungiramo kuruta gutunga umurimo w'Imana. Bizimbaga mu byaha byo kwikanyiza no kwifuza. Byatumye Imana, itabahira.

**Ahandi ho muri Bibiliya dusoma ko Imana izimana imigisha yayo ni hehe? Malaki 3: 8, 9.**

**Icyitonderwa :** « Umuhango wo gutanga icyacumi n'amaturo washyiriweho guhugura imitima y'abantu ku by'ukuri bikomeye, kuko Imana ari yo soko y'imigisha yose ku byo yaremye, kandi umuntu akwiriye kwishimira impano yahawe na yo.» **(PP. p. 525.)**

«Kuko Imana ari yo itanga imigisha yose, ishaka ko tuyiha umugabane w'ibyo dutunze byose, ibyo ni byo yageneye umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Iyo tugaruriye Imana ibyayo, tuba tugaragaje ko dushimye impano zayo. Ariko se turamutse tuyimye ibyayo, twayitegaho umugisha dute? Niba turi ibisonga bikiranirwa mu by'isi, twakwizigira dute ko izatubitsa ibintu byayo byo mu ijuru? Wenda ibi ni byo bijya bituma amasengesho yacu atumvirwa. » **(COL. p. 144.)**

## Ku wa kane

**Igisonga gikiranuka, kizagororerwa gite? Malaki 3 : 10-12.**
**Icyitonderwa:** Imana ishaka ko tuzajya tuyigarurira icyacumi cyose. Gupfa kugena udufaranga runaka, ukadutangaho icyacumi,
utarubije ubara neza icyacumi gishyitse, Imana ntibyemera. Icyo twungutse cyose cy'imyaka twejeje mu murima, cy'amatungo yacu,

n'ibihembo, mbese n'ibindi byose dutunze, dukwiriye kubigabanyamo imigabane 10. Maze tugatanga icyacumi gishyitse, bitabaye bityo, burya ntituba dutanze icyacumi. Burya Abakristo bapfa gutanga udufaranga bigeneye, baba babeshya Imana, si icyacumi baba batanze. Turya dufaranga, ahubwo aba ari amaturo iyo batanze batabaze neza icyo bungutse. Bene ibyo bituma abantu benshi badahabwa imigisha yasezeranywe.

**Igisonga nyakuri kimera gite? Inshingano ebyiri igisonga gikwiriye kubazwa ni izihe? Luka 16 : 2, 5.**

**Icyitonderwa:** « Murikira ibyo nakubikije » Ikindi « Harya data buja akwishyuza iki ? » Izi nshingano dukwiriye kujya duhora tuzibuka. Icyacumi dutanga cyandikwa mu ijuru. Twahenda abantu ubwenge, ariko Imana yo ntitwayihenda ubwenge.

**Ku wa gatanu**

**Ibituma igisonga kigira ubwenge kigakiranuka ni ibiki? Luka 12: 33, 34, 42.**

**Icyitonderwa:** «Abantu Imana yagize ibisonga byayo bajijishwa n'ubutunzi bwo muri iyi si ntibamenye ko kwikanyiza no kwifuza atari ukwiba Imana icyacumi n'amaturo gusa, ahubwo ko bituma nabo bivutsa ubutunzi butazashira. Babasha kwibikira ubutunzi mu ijuru baramutse bakoze umurimo Uwiteka yabasigiye gukora, kandi akaba yarawubabikije hamwe n›amikoro yo kubabashisha kuwukora. » **(2T.p. 653.)**

**11. Igisonga cyiza kigenza gite? 1 Petero 4: 10.**

**12. Vuga umuco uheruka igisonga cyiza gikwiriye kugira. Urawufite se? 1 Abakor 4 : 1, 2.**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange**

---

## ICYIGISHO CYA 2



Scanned with CamSc

# UKO UMUNTU AKWIRIYE KUYOBOKA UBUTEGETSI

**Icyo kwibukwa:** « Ibya Kayisari mubihe Kayisari, iby'Imana mu bihe Imana. » Matayo 22 : 21.

**Umugambi w'icyigisho:** Gusobanura uko umuntu akwiriye kuyoboka ubutegetsi bw'isi n'ubw'ijuru.

**Interuro**

Umukristo wamenyereye kumvira amategeko y'Imana ntiyananirwa kumvira amategeko y'igihugu atuyemo.

**Ku wa mbere : Mbese Abakristo bakwiriye kubaha ubutegetsi ?**

**1.Ni nde se wimika ubwami bw'abantu ? Daniyeli 4 : 32, (ahahera).**
**2.Ubutware bw'abantu buva kuri nde? Abaroma 13: 1.**
**3.Ubutegetsi buberaho iki? Abaroma 13: 3, 4.**
**Ku wa kabiri: Abakristo bakwiriye kugandukira abategetsi bate?**
**4. Umukristo akwiriye kugenzereza ubutegetsi ate ?**
**Abaroma 13: 1, 2 ; Tito 3 : 1 ; 1 Petero 2 : 13-17.**
**Kristo yavuze yuko Abakristo bakwiriye kugandukira abategetsi n'Imana bate ? Luka 20: 25.**

**Icyitonderwa:** « Abategetsi bo mu gihe cya Yesu bari indakorerwa, bahata. Imiborogo yari hirya no hino bitewe n'akarengane n'urugomo. Nyamara Umukiza Ntarakarushya agerageza kwihangira ubwe butegetsi. Nta shyanga yigeze yendereza cyangwa se ngo aricireho iteka naho ritamukunze. Ntabwo yigeze arogoya ubutegetsi bw 'abategeka. Uwo wari ibyitegererezo cyane yibujije ubutegetsi bw'isi **(DA. p. 509.)**

**Mbese Kristo yatanze umusoro? Mat 17: 24, 27.**

**Ku wa gatatu**



Scanned with CamSc

**Ubutegetsi bwo ku isi rimwe na rimwe buhiganwa bute n'amategeko y'Imana? Daniyeli 3:1, 4-6.**

**Icyitonderwa:** Rya tegeko ryo gusenga igishushanyo cy'izahabu ryahiganwaga n'itegeko rya kabiri ry'Imana. Kugeza icyo gihe ba baheburayo uko ari batatu bari bagaragaje ko bagandukira umwami mu huryo bwose. Noneho bategekwa kwica itegeko ry'Imana. Umutima uhana ubumvisha ko badashobora kubikora, maze babibwira umwami.

**Abagaragu b'Imana bumvise itegeko ry'umwami bakoze iki? Daniyeli 3: 6-18.**

**Ku wa kane**

**Imana yabarinze ite? Daniyeli 3: 28.**

**Icyitonderwa:** «Ibyigisho by'igitekerezo cy'abasore b'Abaheburayo mu kibaya cya Dura ni ingenzi bikwiriye kwigwa. Muri iki gihe, abagaragu b›Imana benshi bazahorwa agatsi n›aboshyoshywa na Satani, bitewe n›amahari y›amadini. Cyane cyane bazarakarira abubahiriza Isabato yo mu itegeko rya kine; hanyuma ab›isi bazategeka ko bene abo bakwiriye kwicwa. » **(PK. p. 512.1)**

**Daniyeli we se byamubayeho bite? Daniyeli 6: 7, 8, 22.**

**Icyitonderwa:** «Nubwo Daniyeli yari azi amaherezo yo kuna-mba ku Mana, ntarakarushya aganira. Imbere y'abashinyaguzi, Daniyeli ntiyaruhije anagaragaza ko gukorera ijuru ari ingume. Daniyeli yumviraga itegeko ry'umwami mu buryo bwose. Ariko itegeko ry'umwami ntirirakamuhindura ngo areke kumvira Umwami w'abami. » **(PK. p. 542.)**

**Ku wa gatanu**

**Intumwa Petero atubwira gukora iki igihe dukwiriye guhitamo hagati y'itegeko ry'Imana n'iry'abantu ? Ibyakozwe 5: 29. Abakristo bakwiriye gusabira ba nde? 1Timoteyo 2: 1-3.**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange.**

---

**ICYIGISHO CYA 3**



Scanned with CamSc

# KRISTO UMUTAMBYI WACU MUKURU

**Icyo kwibukwa :** «Mukwiriye gutekereza Yesu, ni we ntumwa n'umutambyi mukuru w'ibyo twizera tukabyatura. » Abaheburayo 3:1.

**Umugambi w'icyigisho:** Gusobanukirwa n'ubutambyi bwa Kristo.

**Interuro**

Mwongere murebe icyigisho cya 3 cy'igihembwe cya kabiri. Uhereye mu gihe Yesu asubiye mu ijuru, aduhagararira imbere y'intebe ya Se. Yabaye umutambyi wacu mukuru, ni we Muhuza wacu mu ijuru.

**Ku wa mbere: Rya hema ryo ku Isi ryari rimeze rite?**

**Imana yategekesheje Mose Abisirayeli gukora iki? Kuva 25: 8.**

**Icyitonderwa:** Gutoranywa k'ubwo buturo bwera n'iringanizwa ryabwo n'imihango yabukorerwagamo byari ibyo kwigisha abantu iby'inama y'agakiza.

**Icyumba cya mbere cy'Ahera cyarimo ibiki n'ibiki? Abaheburayo 9: 2.**

**Icyitonderwa:** Igitereko cy'amatabaza cy'izahabu, cyamurikiraga Ahera cyagereranya Kristo, ari we mucyo w'isi. Yoh 8: 12. Ameza n'imitsima iyateretseho yagereranyaga cyangwa se yasuraga amashengesho y'ubwoko bw'Imana asohozwa na Kristo.

**Ni ibiki byari biri mu cyumba cya kabiri, ari ho hera cyane? Kuva 26 : 34 ; Abah 9 : 6, 7.**

**Icyitonderwa:** Isanduku y'izahabu yari irimo ibisate bibiri by'amabuye byanditsweho amategeko cumi. Hejuru yayo hari intebe y'imbabazi itwikiriwe n'abakerubi babiri. Aho ni ho Imana yiyerekaniraga ije



Scanned with CamSc

Ahera ho ku isi. Intebe y'imbabazi yabaga hagati yayo n'amategeko umuntu yari yishe.

**Ku wa kabiri**

**4. Imirimo yahakorerwaga yasohozwaga ite? Abah 9: 6, 7.**

**Icyitonderwa :** Umunyabyaha yagombaga kuzana umwana w'intama utagira inenge. Yaramburiraga ibiganza bye kuri uwo mwana w'intama akatura ibyaha bye. Iyo yamaraga kuyisogota, amaraso yayo yajyanwaga Ahera, ibyo byabaga ukwigisha umunyabyaha yuko amaraso atavuye, ari nta kubabarirwa ibyaha kwabaho. Abah 9:22.

**5. Ibitambo se byacureraga iki? Yoh 1: 29; Yes 53: 6,7**
**Ibyah 13: 8 (ahahera.)**
**Imihango yakorerwaga mu buturo bwo ku isi yarorereye ryari? Mat 27: 50, 51.**

**Icyitonderwa:** « Igitambo cy'Umwana w'intama i Kaluvari cyashoje ibyacurerwaga byose muri bwa buturo bwa kera. Igitambo cy'ibyaha cyari gitambwe. Kugaragaza ko ibyakorerwaga muri urwo rusengero birangiye, inyegamo ikingiriza Ahera cyane, yatabuwemo kabiri n'ukuboko kutagaragara. Uhereye ubwo abantu bari bakwiriye kurangamira urusengero rwo mu ijuru. »

**Kuwa gatatu : Urusengero rwo mu ijuru rusa rute?**
**Mbese urusengero rwo ku isi rwari igishushanyo cy'uruhe rusengero rukomeye? Ibyah 15: Ibyah 11: 19; Abaheburayo 8: 5, 2.**
**Ni nde ukorera mu rusengero rwo mu ijuru? Abah 3: 1; Abah 9: 12.**
**Icyitonderwa :** « Nubwo ibyakorerwaga ku isi byimuriwe mu rusengero rwo mu ijuru, nubwo Ahera n'umutambyi wacu mukuru bitari bikibonwa n'amaso y'abantu, ntacyo byari bitubijeho intore ze. Ndetse nta n'ubwo bumvise ko babaye inkehwe, ntabwo batubiwe



Scanned with CamSc

n'imbaraga kuko Yesu atakibarimo. Ubwo Yesu akora mu buturo bwo mu ijuru, na bugingo n'ubu aracyakorera itorero ryo ku isi ku bw'umwuka we.» (DA. p. 166.)

**Kuwa kane: Umurimo wa Kristo mu ijuru ni uwuhe?**

**Dufite umutambyi mukuru umeze ate ? Abah 2 : 17.**
**Aduhagararira mu ijuru buryo ki? 1 Yoh 2 : 1, 2.**

**Icyitonderwa:** « Abihannye ibyaha byabo bose by'ukuri, bakaba ku bwo kwizera bemera ya maraso ya Kristo ko yababereye igitambo cy'impongano, imbere y'amazina yabo mu bitabo byo mu ijuru handitswe imbabazi. Kuko rero baba bafatanije na Kristo gukiranuka kwe, kandi ingeso zabo zikaba zitanyuranyije n'amategeko y'Imana, ibyaha byabo bizahanagurwa, maze rero bazabe bakwiriye guhabwa ubugingo buhoraho.» **(GC. p. 483.)**

**Ku wa gatanu**

**Amaraso ye atwezaho ibyaha ate? Abah 7: 25; 1 Yoh 1 : 7**
**Turarikirwa dute gusanga uwo Mutambyi wacu mukuru? Abah 4:14-16.**

**Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 4

# IRANGIRA RY'IMBABAZI

**Icyo kwibukwa :** « Kuko ubwanyu muzi neza yuko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'uko umujura aza nijoro.» **1 Abates 5 : 2.**

**Umugambi w'icyigisho:** Gusobanukirwa n'uko bizamera Yesu yenda kugaruka.

**Interuro**

Ibimenyetso byinshi bigaragaza yuko iherezo rya byose riri hafi. Kristo najya kugaruka hazabanza habeho igihe cy'amakuba akomeye, ubwo ibyago birindwi bizasukwa. Ubwoko bw'Imana bukwiriye kwitegura icyo gihe. Icyo gihe rero ni bwo Umwuka Wera azakurwa ku isi.

**Ku wa mbere:**

**Imana izaburira abantu ubuheruka ite?**
**Imana yihanganira abanyabyaha ite? 2 Pet 3:9; Yoh 3 : 16**
**Imana yamenyesheje ab'isi urukundo rwayo buryo ki? Mat 24 : 14.**
**Ni ubuhe butumwa bw'iteka ryose buheruka bukwiriye kumenyeshwa abantu bose? Ibyah 14 : 6, 7.**

**Icyitonderwa :** Abamarayika ntibabwiriza ubutumwa. Ayo mahirwe yayageneye abantu. **Reba Mat 28: 19, 20.** Muri iyi mirongo umumarayika ageraranya iyamamazwa ry'ubutumwa rikwiriye ku isi yose rivuga imiburo iheruka ivuye ku Mana. Ab'isi babwirwa yuko urubanza rwatangiye mu ijuru, kandi ko bose bakwiriye kuramya Imana Rurema, kandi ko bakwiriye kwibuka kweza umunsi w'Isabato.

**Ku wa kabiri**
**Indi miburo yavuzwe ni iyihe? Ibyah 14 : 8 -11.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa :** Iri zina Babuloni ryakomotse ku munara w'i Babeli. **(Itang.11 :l-9.)** Risobanurwa ngo, 'umuvurungano'. Mu gitabo cy'Ibyahishuwe ho iryo zina risobanurwa ko ari amatorero yigisha inyigisho z'abantu. Ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo ni imbaraga ishyigikira imyigishirize yayo. Abantu bose baraburirwa ngo bayasohokemo. Reba Ibyah 18:1,3,4.

Mu bihe byose imbabazi zijya zishira. (Imbabazi zivugwa aha ni amahirwe abantu babonye yo kwihana ibyaha byabo.) Kuri bamwe imbabazi zishira bakiriho, kuko bananiye Imana ibahamagarira agakiza. Ariko abenshi imbabazi zishira igihe bapfuye; intumwa Pawulo yaravuze ati: « Abantu bose bagenewe gupfa rimwe, hanyuma hakaza urubanza» Icyakora Yesu najya kugaruka ku isi azareka guca urubanza. Imana yagennye igihe urubanza ruzarangirira, ubwo imanza zose zizaba zimaze gukemurwa. Ubwo rero igihe cy'imbabazi kizaba gishize.

**Mu irangira ry'igihe cy'imbabazi Yesu azatangaza iki gikomeye? Ibyah 22: 11.**
**Daniyeli asobanura ate iby'igihe cy'amakuba azaherako aba igihe imbabazi zizaba zirangiye? Daniyeli 12 : 1.**

**Icyitonderwa:** «Igihe cy'umubabaro utigeze kubaho, kirenda kutugeraho. Dukwiriye kuzaba twarahindutse ukundi kutari uko tumeze ubungubu, nyamara dore benshi batereye agati mu ryinyo. Kenshi haba ubwo haba agakabyo k›umubabaro wenda gutera; ariko umubabaro tugamije wo si ko biri. Ahubwo ibiri amambu inkuru mbarirano iratuba. Muri icyo gihe cy›umubabaro, umuntu wese azirwanaho ukwe imbere y'Imana. **(GC. p. 28, 29.)**

**Umujinya w'Imana uheruka uzibasira abanyabyaha batihannye ute? Ibyah 15: 11.**

**Icyitonderwa :** «Ibi byago ntibizakwira isi yose. Nyamara bizaba ari ishyano ribi kuruta andi mahano yigeze kugera ku bantu. Mu bindi bihe byose kugeza gihe cy'imbabazi kizaba kirangiye,



Scanned with CamSc

imanza zageraga ku bantu zabaga zivanze n'imbabazi. Guhendahenda kw'amaraso ya Kristo kwaki-ngiraga umunyabyaha ntahorerwe ibyaha bye byose, nyamara mu ndunduro y'urubanza hazasukwa umujinya utavanze n'imbabazi. **(GC. p. 28, 29.)**

**Itegeko rizatangazwa ko ari nta munyabyaha uzabasha kwihana mu gihe cy'ibyo byago ni irihe ? Ibyah 22 : 12 ; ibyah 16 : 11.**

**Ku wa kane**

**Icyago giheruka kizarangira gite? Ibyah 16 : 17-21.**
**Inkozi z'ibibi zizaboroga zite ubuheruka? Ibyah 6: 16, 17 ; Yeremiya 8: 20.**

**Icyitonderwa:** « Imperuka izasohora vuba kuruta uko abantu babyibwira.» **(GC. p. 631.)**

**Ku wa gatanu:**

**None se muri icyo gihe cy'umubabaro umuntu yabona ubuhungiro?**
**Ubwoko bw'Imana bwahawe irihe sezerano ry'uko buzarindwa? Zab 91: 1, 7, 10, 11.**
**Abakiranutsi se bazarindwa bate? Yes 26: 20, 21; 33: 16, 17.**

**Icyitonderwa:** « Umukiza mwiza azadutabara igihe tuzaba tubikeneye. Inzira ijya mu ijuru ni we wayihanze n'ibye birenge. Ihwa ryose riduhanda ni we ryabanjije guhanda. Umusaraba wose duhamagarirwa guheka, ni we wabanje kuwuheka. Uwiteka akundira amakuba kuza kugira ngo atunganirize umuntu amahoro. Igihe cy'umubabaro giteye ubwoba mu bwoko bw'Imana, ariko kizaba ari igihe uwizera nyakuri azaba akwiriye kurarama akareba mu ijuru, maze ku bwo kwizera azabona umukororombya wa rya sezerano umugose.

**Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 5

# IGIHANO CY'INKOZI Z'IBIBI

**Icyo kwibukwa:** «Umurama wo azawucanisha umuriro utazima. » **Mat 3: 12**
**Umugambi w'cyigisho:** Dusobanukirwe n'igituma Imana izatsembaho abanyabyaha.

**Interuro**

Nubwo Imana yihanganira abanyabyaha, ikaba idashaka ko hagira urimbuka, nyamara igihe kizaza ubwo ibyaha n'abanyabyaha bizashiraho ku isi. Ibyaha nta mwanya bifite mu ngoma y'Imana.

**Ku wa mbere:**

**Mbese nyine urupfu rwa kabiri rusobanurwa ngo iki?**
**Ubwo Kristo azagaruka inkozi z'ibibi zizamera zite? 2 Abates 1: 7-9.**

**Icyitonderwa:** Ubwo Kristo azagaruka, nta muzuko w'inkozi z'ibibi uzabaho, hazabaho uw'abakiranutsi. Abanyabibi bazazukira gucirwaho iteka. (Yoh 5: 29). Abanyabyaha bazapfa ubwo Kristo azagaruka bazarambarara ku isi batagira gihamba. Bazaribwa n'ibisiga. **Ibyah 19: 17, 18.**

**Kuki abanyabyaha bapfa? 2 Abates 2: 10.**

**Mbese iyo abanyabyaha bamaze gupfa baherako bajya mu ihaniro ? 2 Pet 2 : 9.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** Abanyabyaha ntibajya muri gihenomu cyangwa muri purigatori iyo bapfuye. Abapfuye abo ari bo bose ni kimwe. Ntacyo bakizi. Imana irindiriza abakiranirwa umunsi w'urubanza ruzakemurwa ngo bahanwe.

**Ku wa kabiri**

**Inkozi z'ibibi zizaba ziri he muri ya myaka igihumbi ubwo abakiranutsi bazaba bari mu ijuru? Ibyah 20: 5.**
**Bazacirwa imanza bahereye kuki? Ibyah 20: 11-15.**

**Icyitonderwa:** Urupfu rwa kabiri ni rwo herezo. Ntawe uzarwizibukira. Keretse gusa yuko « uzanesha urupfu rwa kabiri rutazagira icyo rumutwara. » **Ibyah 2 :11.**

**Ku wa gatatu:**

**Abanyabyaha bazagenzwa bate?**
**Ibihembo by'ibyaha ni iki ? Abaroma 6 : 23.**
**Abazajugunyanwa muri ya nyanja yaka umuriro ni bande ?**
**Mat 25: 41.**

**Icyitonderwa:** Uwo muriro witwa umuriro utazima bitewe n'icyo uzakora. Ni umuriro utazima kuko ari ntawe uzawuzimya. Si uko utazazima rwose, ahubwo ni uko uzazima urangije umurimo wawo.

**Abanyabyaha bazatsembwaho bate? Malaki 4:1, 3; Obadia 16 Zab 37: 10.**

**Icyitonderwa:** Abanyabyaha bazatsembwaho pee bakongokere mu myotsi, bahinduke ivu. Bihitiyemo urupfu no kurimbuka. Ni cyo gituma bagereranywa n'umurama n'ibisura n'amahwa. Erega nta kizaba gipfuye. Biyishe kare banga kwakira ubugingo buhoraho.



Scanned with CamSc

Kugira ngo Imana ibarimbure bizaba ari ukubagirira imbabazi no kubakunda. Nta cy'ingirakamaro kizaba gipfuye. (Uwiyishe ntaririrwa.)

**Ku wa kane**

**Ibyaha bizatsembwaho bite? 2 Pet 3: 7, 12,10.**
**Abamarayika bazafasha bate gutsemba ibyaha? Mat 13 : 1, 42.**

**Ku wa gatanu : None se umuntu azongera guhabwa ubundi buryo bwo kwihana?**

**Kuki se Imana itazongera guha abanyabyaha andi mahirwe ? Abah 9 : 27 ; Luka 16 : 31.**
**Icyo abantu bose bihanangirizwa ni iki ? Abah 3 : 7, 8, 13.**

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange.**

---

SEVENTH DAY ADVENTIST CHURCH
EAST CENTRAL RWANDA CONFERENCE
ASA UR-NYARUGENGE



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 6

# ISI NSHYA N'INGORORANO Z'ABAKIRANUTSI

**Icyo kwibukwa:** « Ngiye kubategurira ahanyu. » Yoh 14 : 2
**Umugambi w›icyigisho:** Kugaragarizwa ibyo Imana iringaniriza abayikunda.

**Interuro**

Inama y'Imana ya katanga ka mbere yo gutuza ku isi abantu b'abaziranenge izasohora nubwo yatindijwe n'ubugome. Isi nshya izaringanizwa kuba iwabo w'abakijijwe. Muri yo nta mwanya w'icyaha cyangwa abanyabyaha uzahaba.

**Ku wa mbere:**
**Ibyo Kristo aringaniriza abakiranutsi ni ibiki?**
**1. Ni ba nde bazaragwa isi? Mat 5 : 5.**
**2. Isi izagirwa iwabo w'abakijijwe ite? 2 Pet 3 : 12,13.**

**Ku wa kabiri**
**3. Ibitazaba ku isi nsha ni ibiki ? Ibyah 21 : 4.**
**4. Mbese nyine hari ubwo ibya kera bizatekerezwa? Yesaya 65: 17.**

**Ku wa gatatu**
**Ubwo bugingo bushya buzaba bumeze bute?**
**None se ku isi nshya hazaba amahoro ameze ate? Yesaya 11: 6 -9 ; 65 : 25.**
**Ibizamera ku isi nshya ni ibiki n'ibiki ? Yesaya 35 : 1, 2, 7.**
**Abacunguwe bazakora mirimo ki ? Yesaya 65: 21, 22.**

**Ku wa kane**
**Mbese nyine bazagubwa neza bate? Yesaya 65 : 23, 24.**



Scanned with CamSc

**Mbese ku isi nshya hazaba ururembo ?**
**Ururembo rwo ku isi nshya ruzaba uruhe? Ibyah 21: 1.**
**Sobanura ibya Yerusalemu nshya. Ibyah 21: 10-21.**

**Icyitonderwa:** Urwo rurembo ruzaba rungana impande zose. Uruhande rwose ni Km 600 ni ukuvuga ko ururembo rwose ari Km 2400 z'umuzenguruko. Abakiranutsi bazarubamo imyaka igihumbi. Hanyuma yayo, ubwo abanyabyaha bazacirwaho iteka ryo gupfa, ruzamanuke ruze ku isi.

**Ku wa gatanu**

**Intebe y'ubwami y'Imana izaterekwa hehe nyuma y'imyaka igihumbi? Ibyah 22 : 1-3.**

**Icyitonderwa :** Ingobyi ya Edeni yagumye muri iyi si igihe Kirekire umuntu amaze kuyirukanwamo... ubwo ibyaha byari bimaze gukwira ku isi bikaba byari bibaye ngombwa ko ibibi bituma abantu barimbuzwa umwuzure, ukuboko kwari kwarahanze Edeni ni ko kwayikuye ku isi. Ariko amaherezo izakomorwa, ubwo hazabaho ijuru rishya n'isi nshya, izaba irushijeho cyane gutakwa ubwiza kuruta mbere. » **(PP. p. 62.)**

**Ni bande bazanyura mu marembo y'urwo rurembo kandi bazajya baruhuka uwuhe munsi? Ibyah 22 : 14. Yesaya 66 : 22, 23.**

**Icyitonderwa :** « Muri Bibiliya gakondo y'abakijijwe yitwa igihugu. Umushumba wo mu ijuru azajya yuhira ubushyo bwe ku masoko amazi y'ubugingo. Igiti cy'ubugingo cyera imbuto buri kwezi kandi ibibabi byacyo bizaba ari ibyo kugaburirwa amoko. Hari inzuzi zitemba, zikabengerana nka yasipi, kandi zikikijwe n'ibiti biteye igicucu mu nzira z'abakijijwe n'Uwiteka. Hari ibibaya mu misozi myiza, kandi imisozi y'Imana izaba itumburutse. Muri ibyo bibaya bidendejwemo amahoro, bikikiye imigezi y'ubugingo, ni ho ubwoko bw'Imana bwabaye inzimizi igihe kirekire, buziturira. » (GC. p. 675.)

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa usange.**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 7

# IMPANO Z'UMWUKA

**Icyo kwibukwa : « Nimwifuze cyane impano ziruta izindi.» Abakor 13 : 31.**
**Umugambi w'icyigisho:** Gusobanukirwa n'iby'impano z'Umwuka Wera, no kumenya umwanya wazo mu Itorero.

**Interuro**

Umwuka Wera yahawe itorero ngo aribere umuyobozi. «Azabayobora mu kuri kose. » (Yoh. 16: 13) Uko ayoboresha impano ze dukwiriye kubyiga tubyitayeho.

**Ku wa mbere : None se imbuto z'Umwuka ni izihe?**
**Umwuka Wera yasimbuye nde ku isi? Yoh 14: 16**
**Adufasha ate kunesha imyifurize ya kamere? Abagal 5: 16.**

**Icyitonderwa:** «Abiyeguriye imbaraga zayo bose, uko bangana, Umwuka w'Imana abakongorera ibyaha.» **(DA. 107.)** « Ni amahirwe y'Umukristo wese kwishimira ko Umwuka w'Imana amusabamo.» **(1T. p. 159.)**

**Ku wa kabiri**
**Imbuto z'Umwuka ni izihe? Abagal 5 : 22, 23.**

**Icyitonderwa :** « Ijambo ari ryo kuri ni ryo soko Uwiteka agaragarizamo - Umwuka we, ni imbaraga. Kumvira ijambo ni ko guhesha kwera imbuto zikwiriye - urukundo rutagira kirogoya rwa kivandimwe. Bene urwo rukundo rukomoka mu ijuru, rugatera kutikanyiza.» **(AA. p. 520.)**



Scanned with CamSc

**Urukundo rutuma tumera dute? Abakol 3: 14**

**Ku wa gatatu**

**Impano zikwiriye kuboneka mu Itorero ni izihe?**
**Ubwo Kristo yazamurwaga mu ijuru yahaye Itorero iki? Abef 4 : 8.**

**Icyitonderwa:** «Abantu bose ntibahawe impano zimwe, ahubwo buri mugaragu w'Imana yagize impano z'Umwuka zasezeranyijwe ahabwa. **(COL. p. 327.)**

**Ese ni ikintu cy'ingenzi gusobanukirwa n'impano z'Umwuka? 1 Abakor 12: 1.**

**Icyitonderwa :** « Isezerano ryo muri (Mat 28 :18, 19, 20) ni itegeko rikwiriye gusohozwa. Uwizera si ko yahabwa impano zose. Umwuka agabira umuntu wese uko ashaka. Ariko impano z'Umwuka zasezeraniwe uwizera wese guhwanya n'uko azikeneye ku bwo umurimo w'Uwiteka. Iryo sezerano riracyari ihame nk'uko ryari riri mu gihe cy'intumwa. » **DA. p. 823.**

**Ku wa kane**

**Impano zimwe z'Umwuka ni izihe? Abef 4 : 11.**

**Icyitonderwa :** « Imana yashyize mu itorero impano zitari zimwe. Izo zose ni ingirakamaro mu myanya wazo, kandi zose zigira icyo zikora cyo guteguriza abantu kugaruka kwa Kristo bidatinze.» **(GW. p. 481.)**

**None se impano z'Umwuka zatangiwe iki ? Abef 4 : 12, 13.**
**Mbese izo mpano z'Umwuka zitangwa zite? 1 Abakor 12 : 4, 5, 13.**



Scanned with CamSc

**Ku wa gatanu :**

**Vuga Impano iruta izindi kuba indatwa.**
**Impano imwe y'ingenzi mu mpano z'Umwuka ni iyihe?**
**1 Abakor 14 : 1,39.**
**Imana ivugira mu bahanuzi ite? Kubara 12 : 6 ; Hoseya 12: 10.**
**Mbese impano y'ubuhanuzi izaboneka mu Itorero ryasigaye?**
**Ibyah 12: 17.**

**Icyitonderwa:** «Guhamya kwa Yesu ni Umwuka w'Ubuhanuzi » Ibyah 19:10. Umwuka w'Ubuhanuzi ni uburyo bumwe bw'imena Imana yimenyekanishirizagamo mu bihe byashize. Ntibyaba nk'ikintu cy'inzaduka Imana yishakiye kubikora no muri iki gihe cy'imperuka.

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange.**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 8

# UMWUKA W'UBUHANUZI

**Icyo kwibukwa** : « Mwizere Uwiteka Imana yanyu, mubone gukomezwa; mwizere n'abahanuzi bayo, mubone kugubwa neza. » **2Ngoma 20 : 20.**

**Umugambi w'icyigisho:** Gusobanukirwa n'ibyerekeye umwanya w'ubuhanuzi mu Itorero, mu gihe cya kera, no muri iki gihe.

**Interuro**

Imwe mu mpano z'Umwuka Wera mu Itorero ni impano y'ubuhanuzi, ubundi byitwa Umwuka w'Ubuhanuzi. Ubwo ni uburyo bumwe Imana yimenyesherezamo abantu. Umwuka w'Ubuhanuzi uzajya uboneka mu Itorero kugeza ubwo Yesu azagaruka.

**Ku wa mbere:**

**Ubuhanuzi buberaho iki?**
**Ni iki gituma Imana itanga impano y'ubuhanuzi? Amosi 3 :7 ; Hoseya 12 :13.**

**Icyitonderwa :** Impamvu eshatu z'ingenzi ni izi: guhishura, kuyobora no kwigisha. «Kristo yahatiye intore ze kwiga iby'ubuhanuzi... Amaze kuzuka yasobanuriye abigishwa be iby'abahanuzi n'ibyanditswe kuri we. (Luka 24:27.) Umukiza yavugiye mu bahanuzi bose... Imana niyo yaduhaye ibi bintu byose, abigana ibyanditswe bya gihanuzi bubaha, basenga, ntibazabura guhabwa umugisha.» (DA. p. 234.)

**Icyagaragaza umuhanuzi ko yatoranyijwe n'Imana ngo ubutumwa bwayo ni iki ? Kubara 12: 6.**
**Ibyahishuriwe abahanuzi ni ibya nde ? Gut 29 : 29.**
**Icyitonderwa :** Kwibwira ko hariho imigabane imwe n'imwe yo muri Bibiliya itabasha gusobanuka byatumye ukuri ko muri yo ndetse kw'imena kwirengagizwa. Ibyo ntibikwiriye kuvuga ko yashatse guhisha



Scanned with CamSc

ukuri, ahubwo byatewe n'intege nke zacu n'ubujiji bituma tudafudukirwa ni iby'ukuri. Si imigambi yayo, ahubwo ni twe twinaniwe. Irya migabaney'ibyanditswe tutitaho ngo ntibyashoboka ko bidusobanukira, Imana yifuza ko bidusobanukira uko bishoboka kose kugeza aho ubwenge bwacu bugarukira. » **(Education p. 171.)**

**Ku wa kabiri**

**Ni mbaraga ki yahishuriwe mu murimo w'abahanuzi ? 2 Pet 1: 21.**

**Icyitonderwa:** Nyamara nubwo Imana yahishuriye abantu ibyo ishaka mu Ijambo ryayo, si byo byatumye bakomeza kuyoborwa n'Umwuka Wera. Ahubwo biri ukundi. Umukiza yadusezeraniye Umwuka, ko azajya abumburira abagaragu be Ijambo rye, akabamurikira bakanakurikiza inyigisho zaryo. Ubwo rero ari Umwuka w'Imana wahumekewe muri Bibiliya, ntibyashoboka ko inyigisho z'uwo Mwuka zinyurana n' iz'iryo jambo. **(GC.p.ii.)**
**Mbese ubutumwa bwose bwa gihanuzi biroroshye kubumenya 1Pet 1: 10, 11; Daniyeli 9: 2.**

**Icyitonderwa:** Biragaragara yuko kenshi abahanuzi batasobanukirwaga rwose n'ubutumwa bandikaga. Bagombaga gucukumbura, ndetse n'uwo muhanuzi ngo abone gusobanukirwa.

**Ku wa gatatu:**

**Abakwiriye kuba abahanuzi ni abameze bate?**
**Ni nde utora abahanuzi? Amosi 7 : 14, 15 ; 2 Pet 1 : 21.**
**Yesu yaburiye itorero ngo ryirinde bantu ki? Mat 24: 11, 24.**

**Icyitonderwa:** «Hariho itsinda ry'abantu ryagayishaga umurimo w'Umwuka Wera bigamba ko bamurikiwe ngo ntibagikeneye kuyoborwa n'ijambo ry'Imana. Bategekwa n'undi mwuka uba wabinji-yemo bakiyumvisha ko ari ijwi ry'Imana ribari mu mutima. Nyamara uwo mwuka ubagenga si



Scanned with CamSc

uw'Imana. Uwo mwuka uba wabinjiyemo utuma birengagiza Ibyanditswe, ni wo ubayobora mu muvurungano gusa, no ku buriganya burimbura. Bene ibyo ni ugukorera umwanzi. Kuko rero umurimo w'Umwuka Wera ari imena mu Itorero rya Kristo, Satani yihatira kuyobya ubwoko bw'Imana bwirengagiza iyo soko y'imbaraga yagabwe n'Umwami wacu ubwe. »

**Uhamya ute ko iyo mpano y'ubuhanuzi itahabwa igitsina gabo gusa? Mbese ubutumwa bwose bwa gihanuzi biroroshye kubumenya 1Pet 1: 10, 11; Daniyeli 9 : 2.**

**Icyitonderwa:** Kuva 15: 20, 21 «Miriyamu, umuhanuzikazi.» Abac 4 :4 ,5 « Debora yari umuhanuzikazi. » 2Abami 22: 14 « Hulida yari umuhanuzikazi » Luka 1 : 41-43 « Elizabeti, yari yuzuwe n'Umwuka Wera. » Luka 2: 36-38 « Ana umuhanuzikazi. » Ibyak 21 : 8, 9 « Abakobwa bane ba Filipo barahanuraga .»

**Ku wa kane :**

**Ikimenyetso kimwe cy'Itorero ryasigaye ni ikihe?**
**Mbese Itorero ritegereje kugaruka kwa Kristo rizagira Umwuka w'ubuhanuzi ? 1 Abakor 1: 4-8.**

**Icyitonderwa:** Guhamya kwa Yesu Kristo ni Umwuka w'ubuhanuzi.
**(Ibyah 19: 10)**
**Ikimenyetso kimwe cy'itorero ryasigaye ni ikihe? Ibyah 12:17; Ibyah 19 : 10.**

**Ku wa gatanu:**

**Ni iyihe migisha imwe izanwa n'Impano y'Ubuhanuzi?**
**Iyo hatari Umwuka w'Ubuhanuzi, itorero rimera rite? Imigani 29:18.**
**Kwemera ubutumwa bw'umuhanuzi bikurikirwa n'iyihe migisha? Mat 10 : 41; 2 Ngoma 20 : 20.**

**Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 9

# URWIBUTSO RWA GIKRISTO

**Icyo kwibukwa:** « Mujye mukorera mutya kugira ngo munyibuke.» **Luka 22: 19.**
**Umugambi w›icyigisho:** Kugira ngo dusobanukirwe n'impamvu z'urwibutso Yesu yadusigiye kuba icuzo ry'igitambo yadutambiye.

**Interuro**

Kenshi urwibutso ruberaho kwibutsa ibintu by'imena byagiye biba. Itorero ryahawe icyo kuryibutsa igitambo gikomeye Kristo yadutambiye.

**Ku wa mbere : None se urwo rwibutso ni uruhe ?**

**Abisirayeli bizihizaga ibya Pasika bate? Kuva 12 : 3, 6-8, 11.**
**Pasika yacu ni nde? Abakor 5: 7.**

**Icyitonderwa:** «Pasika yari urwibutso ikagira n'icyo icurera. Ntiyagaragazaga gusa uko babatuwe mu Misiri, ahubwo yacureraga n'uko Kristo azabakura mu bubata bw'ibyaha. Intumwa yaravuze iti: ‹Pasika yacu yatambwe, ari we Kristo.› Gusogota umwana w›intama gusa ntibyari bihagije; amaraso yagombaga gusigwa ku nkomanizo z›umuryango; ni ko amaraso ya Kristo yagombaga kuminjagirwa ku mutima. Dukwiriye kwizera ko atapfiriye ab›isi gusa, ahubwo yapfiriye buri muntu muri twe. Dukwiriye kudacikanwa kuri icyo gitambo cy›impongano. » **(PP. p. 277.)**

**Ni iki cyatumaga imitsima iterekwa Ahera kera? Abalewi 24: 5-7.**

**Icyitonderwa :** Yari urwibutso.



Scanned with CamSc

**Ku wa kabiri**

**Yagereranyaga nde? Yohana 6: 35.**
**Ibitambo byatambirwaga muri rya hema byasuraga iki? Abah 9: 13, 14 ; Yohana 1 : 29.**

**Icyitonderwa:** «Abayuda bamaze kwimura Imana, bahereyeko bateshuka ibya gahunda y'inyigisho. Ibyo byari byarahanzwe na Kristo ubwe. Kandi mu buryo bwose ni we byasuraga, byari byuzuyemo ubuzima n'iby'umwuka. Noneho Abayuda bateshuka iby'umwuka byari biri mu buryo bwo gusenga, ahubwo bahugukira mu by'imihango y'abapfuye. Bya bitambo na ya migenzo baba ari byo barangamira, nk'aho barangamiye uwo byasuraga. « Mu mihango yagereranyaga, hari harimo ibyiza, iyo nyir'ukubikora byamwerekezaga kuri Kristo Umukiza wabo.» **(DA. p. 29, 82.)**

**Ku wa gatatu:**

**Ibindi bimenyetso bitwibutsa igitambo cya Kristo ni ibihe? Urwibutso Kristo yahanze rutwibutsa urupfu rwe ni uruhe? Mat 26: 26-28.**

**Icyitonderwa:** «Ubwo yavugaga ati: 'Uyu ni umubiri wanjye n'amaraso yanjye', Yesu ntiyavugaga umubiri n'amaraso bye bwite, ahubwo byari ikigereranyo kiri muri iyo mihango yakorwaga. Nta kugoka tubisobanura, bihwanye na bya bindi yavugaga ati: 'Ni jye rembo', kandi ati : 'Ndi umuzabibu.' Ibimenyetso byinshi byerekanaga urupfu rwe byari icurere gusa. Ndetse ubwo Kristo yahangaga uwo mugenzo yari atararushya apfa, ni cyo gituma rero wa mutsima na vino bitajyaga kuba umubiri we n'amaraso ye bwite. (Memorials of Calvary, p. 14, 15.)

**Icyatumye Kristo ashyiraho umuhango w'umutsima na vino ni iki? Luka 22: 19.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** « Ntawe ukwiriye guhezwa ku ifunguro, wenda habamo abadakwiriye. Umuntu wese yahamagariwe mu ruhame, ahamya ko yemereye Kristo kumubera Umukiza... Abarizaho bose bamwizeye koko bazironkera umugisha mwinshi. Abirengagiza ubusobanuro bw'ayo mahirwe y'Imana bazaba bagatoye. » **(DA. P. 656.)**

**Ku wa kane**

**Uwo muhago ukwiriye gukorwa kugeza ryari? 1 Abakor 11:23-26.**

**Icyitonderwa:** «Ifunguro ryera ryerekana kugaruka kwa Kristo. Ryagenewe gukomeza ibyiringiro mu mitima y'abayoboke be.» **(DA. p. 659.)**

**9. Abajya muri uwo muhango bakwiriye kugenza bate? 1Abakorinto 11: 28.**

**Ku wa gatanu: Kristo yaduhaye cyitegererezo ki?**

**10. Umuhango Yesu yatangiriyeho ni uwuhe? Yohana 13: 4-8**

**Icyitonderwa :** « Yesu yari yarazanywe no koza imitima ho ibyaha. Ubwo Petero yangaga ko Kristo amwoza ibirenge, kwari ukwigomwa kwezwa gukomeye n'ukoroheje... Ubwo Yesu yakenyeraga igitambaro ngo yoze imikungugu ku birenge byabo, yifuzaga ko ibyo abakoreye bibahanaguraho amakimbirane, ishyari, n'ubwibone byo mu mitima. Cyane ibyo ni byo byari bigamijwe kuruta koza ibirenge byabo. » **DA. p. 646.** «Kristo yatangije uwo muhango w'idini. Ku bw'ibyo Umwami wacu yakoze uwo muhango wo kwicisha bugufi, wabaye umuhango wo kwitanga burundu. Wari ukwiriye gukurikizwa n'intore ze kugira ngo ujye ubibutsa ibyo yigishije byo kwicisha bugufi. » **DA. p. 650.**

**11. None se bose bakwiriye gukurikiza uwo muhango bate? Yob 13: 12, 15.**



Scanned with CamSc

**Icyitonderwa:** «Uwo muhango ubanziriza ifunguro ry'Umwami wacu uberaho kugira ngo bikuremo amatiku, ngo utume umuntu yikuramo kwikunda.'.. Yiyoroshye mu mutima, abone uko akorera umuvandimwe we. Umurinzi wera wo mu ijuru aba ahari muri uwo mwanya ngo atume umuntu yisubiraho, yemezwe icyaha, amenye neza ko abasha kubibabarirwa. Kristo nyir'ubuntu bwinshi aba ahari ngo ahindure ibitekerezo byamwokamye byo kwikanyiza. Umwuka Wera ahembura ubwenge bw'abakurikiza icyitegererezo cy'Umwami wabo.» **(DA. p. 650.)**

**Yesu yasezeraniye iki abakurikiza icyitegererezo cye ? Yob.13: 17.**

**Icyitonderwa :** « Abakira uwo muhango bimazeyo, nta bwo upfa kubabera umugenzo bugenzo.» **(DA. p. 651.)**

**Ku wa Gatandatu : Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 10:

## UMUBATIZO

**Icyo kwibukwa:** « Uwizera akabatizwa, azakizwa, ariko utizera, azacirwaho iteka » **Mariko 16 : 16**.

**Umugambi w›icyigisho:** Gushimikira impamvu z'umubatizo wa Bibiliya.

**Interuro**

Umubatizo ni undi muhango w'itorero, ni irembo ryo kwinjira mu Itorero. Burya umubatizo wa Bibiliya ufite ubusobanuro bw'iby'imwuka cyane. Abagiye gukorerwa uwo muhango bose bakwiriye kwinira bakabizirikana.

**Ku wa mbere:**

**Mbese Kristo ni we wategetse umubatizo?**
**Ubwo Kristo yatangiraga umurimo wo kuvuga ubutumwa, yabanje gukorerwa uwuhe muhango? Kuki? Mat 3: 13-15.**
**Mbese Kristo ashaka ko abinjira mu itorero rye bose babatizwa? Mat 28:19 ; Mariko 16 :16.**

**Icyitonderwa:** « Kristo yagize umubatizo ikimenyetso cyo kwinjira mu bwami bwe bw'iby'Umwuka. Yawugize icyangombwa ku bantu bose bashaka kugengwa na Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera. Umuntu atarashyirwa mu Itorero, mbere yo kwinjira mu bwami bw'iby'Umwuka, akwiriye kwemera iri zina ry'Imana, «Uwiteka Gukiranuka kwacu .» **(61. p. 91.)**

**Mbese intumwa zigisha izi nyigisho? Ibyak 2: 38.**



Scanned with CamSc

**Ku wa kabiri :**

**Umubatizo nyamubatizo ni uwuhe?**
**Umubatizo Bibiliya yemera ni uwuhe ? Mariko 1 : 5.**
**Kuki Yohana umubatiza yahisemo kubatiriza mu ruzi rwa Yorodoni ? Yoh 3 : 23.**

**Sobanura umubatizo Umunyetiyopiya w'inkone yabatijwe. Ibyak 8 : 38 , 39.**

**Icyitonderwa :** « Hahozeho umubatizo umwe rukumbi wari uzwi mu bihe bya Bibiliya. Pawulo yari azi umubatizo umwe gusa. **(Abefeso 4 : 5).** Umuntu ubatizwa iteka yajyaga mu mazi kandi akaza kuva mu mazi. Yagombaga kuba amazi ahagije yibiramo. Umugenzo wo gutonyanza amazi mu gahanga ntabwo wari uriho kugeza mu myaka amagana nyuma ya Kristo. Murumva rero, yuko uwo mubatizo utemerwa na Bibiliya.

**Ku wa gatatu :**

**Umubatizo usobanurwa ute?**
**Guhambwa mu mazi bigereranya iki? Abaroma 6: 3-5**

**Icyitonderwa:** Iyo twemeye ko Yesu Kristo atubera Umukiza tuba dupfuye ku byaha. Ntibiba bikidusamaza ukundi. Intumbi ikwiriye guhambwa. Ariko guhamba ubona ni ubugome. Nuko rero, ubatizwa aba akwiriye kubanza gupfa ku byaha. « Abe ari ko namwe mwiyumvamo ko mwapfuye ku byaha. » **(Abaroma 6: 11).**
Kubatizwa ukigundiriye ibyaha bya rwihishwa ni uguhindanya impamvu y'umubatizo.

**Ubundi busobanuro bw'umubatizo ni ubuhe? Ibyak 22:16; Tito 3: 5.**
**Ku wa kane:**
**Ibya ngombwa umuntu atarabatizwa ni ibiki?**



Scanned with CamSc

**Ababatizwa icyo bakwiriye gukora ni iki? Mat 3: 5, 6.**
**Dukwiriye kwizera bimazeyo dute kugira ngo tubone kubatizwa? Ibyak 8: 37.**

**Ku wa gatanu**

**Dukwiriye kugenza dute ibyigisho bibanziriza umubatizo? Ibyak2: 41.**

**Icyitonderwa:** Dukwiriye kwemera inyigisho twigishijwe. Umubatizo si wo uzatuma duhinduka ukundi. Ni ikimenyetso cy'inyuma gusa kigaragaza ibyo twiyemeje mu mitima yacu. Ni umuhamya wo guhamiriza ab'isi yuko tubaye Abakristo nyakuri. Ni cyo gituma ari ngombwa ko abantu bose bakwiriye kwiga cyane ibyigisho bibanziriza umubatizo bakabisobanukirwa cyane.

**Umukristo wabatijwe ahabwa nshingano ki?**

**Icyitonderwa:** «Umuhigo duhiga mu gihe tubatizwa urakomeye. Mu izina rya Data wa twese, n'iry'Umwana, n'iry'Umwuka Wera, duhambanwa na Kristo mu rupfu rwe, tukazukana na we, tuba dukwiriye kugira ubugingo bushya. Ubugingo bwacu bukwiriye komatana n'ubwa Kristo. Nuko rero, uwizeye akwiriye kumaramaza kwiyegurira Imana, na Kristo n'Umwuka Wera... Aba apfuye ku by'isi. Akaba muzima ku Mana, akayikoreshereza ubwenge yahawe, ntagira ubwo ahuga ko yitiriwe izina ry'Imana, kandi ko ari uw'ubwami bw'Imana, asangiye kamere n'Imana. Akwiriye kwiyegurira Imana burundu n'ibye byose, agakoreshereza impano ze guhimbaza izina ryayo. » **(6T. p. 98, 99.)**

Umaze kubatizwa akwiriye kugira inshingano mu itorero. Asezerana kurirwanaho. Icyacumi gitunga umurimo w'ubugabura. Amaturo ye yagura ingoma y'Imana. Afite inshingano ku bandi Bakristo bose b'Itorero. Akwiriye kujya mu materaniro kugira ngo aterwe umwete wo gukiza imitima y'abantu muri iki gihe cy'imperuka.

## Ku wa gatandatu: Kwibutsa rusange

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 11

# KWAMAMAZA UBUTUMWA KU ISI YOSE

**Icyo kwibuka:** « Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza.» Mariko 16: 15.

**Umugambi w'icyigisho :** Kugaragaza ko itorero rifite umurimo ku isi yose warangizwa n'uko Umukristo wese yasohoza urwe ruhare.

**Interuro**
« Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha. » Abaroma 5 : 8. Uku kuri gukwiriye kwamamazwa ku isi yose. Itorero ni ryo ryagabiwe ayo mahirwe yo gukora ibyo.

**Ku wa mbere:**

**Itegeko ryo kwamamaza ubutumwa ni irihe?**
**Mbese nyine ubutumwa bwiza ni iki? Abaroma 1: 16.**
**Ni bangahe bakwiriye kumva ubwo butumwa bwiza? Mariko 16:15.**

**Icyitonderwa :** « Itegeko ryo kwamamaza ubutumwa ni ryo rwandiko rw'uburenganzira Kristo atanga rw'ubwami bwe. Abigishwa be bagiraga umwete wo gukiza imitima y'abantu, bakararikira bose imbabazi. Ntibarindiraga ko abantu babasanga; ahubwo ni bo bashyiraga abantu ubutumwa. » **(AA. p. 28.)**

**Ku wa kabiri**

**Ubutumwa buzamamazwa buryo ki? Abaroma 10 : 14, 15.**



Scanned with CamSc

**Itorero rizasohoza itegeko rya Kristo ryo kwamamaza ubutumwa, mu buhe buryo bukomeye ? Mat 24: 14.**

**Icyitonderwa :** «Abakristo bo mu Itorero ry'Imana nibaramuka bakoze umurimo bategetswe mu karere k'iwabo na kure, bakamamaza ubutumwa, bidatinze isi izaba yaburiwe, maze Umwami Yesu agaruke ku isi afite imbaraga n›icyubahiro cyinshi. » **(AA. p. 111.)**

**Ku wa gatatu:**

**Kwigisha umwe umwe bigira ngaruka ki?**
**Mbese Kristo yatanze icyitegererezo cyo gukiza imitima?**
**Yoh 3:1-5 ; 4 : 7-15 ; 28-39 ; Luka 19 :1-10.**

**Icyitonderwa :** « Wa Musamariyakazi wari uri ku iriba ry'i Sukara yari yuzuye umunezero ubwo yategeraga amatwi amagambo ya Yesu. Amabanga yamubwiye yaramukakaje. Aherako asiga ikibindi cye, asubira mu mudugudu, kubitekerereza abandi. Yesu we yari azi icyatumye agenda. Yasize ikibindi cye ajya kuvuga amagambo atagira inteteri. Yifuzaga cyane kwibonera amazi y'ubugingo; ibyo kuvoma bimurengaho, ndetse yibagirwa na ya nyota y'Umukiza, yari yatumye amusaba amazi.Yirukanka afite umunezero mwinshi, ngo amenyeshe abandi umucyo yabonye.» **(DA. p. 191.)**

**Mbese intore za Kristo zaramukurikije mu byo gukiza imitima y'abantu? Yoh 1: 41, 45.**

**Icyitonderwa:** «Guhamagarwa kwa Yohana na Andereya na Simoni, Filipo na Natanayeli, ni ko kwabaye urufatiro rw'itorero rya Gikristo. Yohana yayoboye abigishwa babiri kuri Kristo. Maze umwe muri abo, Andereya, abona mwene se, aramuhamagara amuyobora ku Mukiza. Filipo yarahamagawe, na we ajya gushaka Natanayeli. Ibi byitegererezo bikwiriye kutwigisha ko umurimo w'umuntu umwe umwe ari ingenzi, kwigisha bene wacu, inshuti zacu n'abaturanyi bacu. Hari ho abantu babaye imbata kuri Kristo, ariko bakaba bata



Scanned with CamSc

ragira uwo bamuyoboraho. Uwo murimo bakawuharira umupasitoro. Wenda yarahamagawe nk'uko bimukwiriye, ariko ntashobora kwitarura icyo Imana yageneye Abakristo bagize itorero. » **(DA. p. 141.)**

**Yesu yabwiye iki umwe wo mu bihannye? Mariko 5: 19.**
**Itorero rya mbere ryakomeje itegeko rya Yesu ryo kwamamaza ubutumwa rite ? Ibyak 8:4; Ibyak 17: 6; Abakol 1 : 23.**

**Ni iki cyateye Abakristo ba mbere kugira umunezero wo kuba abahamya? 2 Abakor 5: 14 (ahabanza).**

**Ku wa gatanu :**

**Abakiza imitima bibonera migisha ki ?**
**Abagarura imitima bashimwa bate? Imigani 11 : 30; Daniyeli 12 : 1.**

**Icyitonderwa:** «Ntimukwiriye kurindira ibikomeye cyangwa ubwenge burutaho ngo mutangire gukorera Imana. Ntimukwiriye gutekereza icyo ahandi bazavuga. Ahubwo ukubaho kwanyu gutunganye kandi kutarimo uburyarya ni ko gukwiriye guhamiriza Yesu imbere y'abandi. » **Kugana Yesu p. 58, 59.**

**Ubuhamya bwacu bukwiriye kugarukira he? Ibyak 1: 8; Ibyah 14: 6; Umubw. 11 : 1**
**Icyitonderwa:** Ibi byakomotse ku mwuzure w'uruzi rwa Nili, mu gihugu cya Misiri. Ni ho banyanyagizaga imbuto ngo bazasarure. Banyanyagizaga imbuto ku mazi, zigasa n'izizimanganye, nyamara igitangaza zikazera zigasarurwa. « Ntibihagije gutanga igihe cyacu, cyangwa imbaraga zacu cyangwa se ubutunzi bwacu. Benshi bakunda gutanga ibintu kuruta kwitanga. Muri ibyo byose nta cyaba gihagije ngo kinyure utatanze ibyo atunze gusa, ahubwo akaba yararinze no



Scanned with CamSc

guhara amagara ye ku bwacu. Natwe dukwiriye guhara byose ku bwe. Umubiri, ubugingo, n'umwuka, uko ni ko kumukorera n'impano Bikwiriye nk'uko Umwami Yesu yahaze byose ku bwacu. » **Light on Life's Duties, p. 46.**

**Ugarura imitima yahawe sezerano ki ritazabura gusohora? Zab 126: 6; Mat 28: 20 (ahahera).**

**Icyitonderwa:** «Abakozi ba Kristo ntibakwiriye no gutekereza ibyo kunanirwa umurimo wabo. Umwami wacu Yesu adushoboreye byose. Umwuka we ukwiriye kudutera umwete. Nituramuka twiyeguriye mu maboko ye, akatubera isoko y'umucyo, amikoro yacu yo gukora ibyiza ntabwo azashira. Tumwisunge atume dushyika, maze tugabirwe bwa buntu butagira akagero. **(GC. p. 19.)**

**Kuwa gatandatu : Kwibutsa rusange**

---



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 12

# AMASEZERANO Y'ABANESHA

**Icyo kwibukwa :** «Unesha azaragwa byose.» **Ibyah 21 : 7.**
**Umugambi w'icyigisho:** Kugaragaza ko unesha akwiriye kugira umuhati ushyitse.

**Interuro**

Ubu buzima bubereyeho kwitegura ubugingo buzaza. Ariko dukwiriye kubyimenyereza. Ingeso zikwiriye gutunganywa. Icyaha cyose gikwiye kuneshwa. Imana yarabiduteganyirije, ngo tubone uko tubishobora.

**Ku wa mbere:**

**Gutsinda ni ikintu cy'ingenzi se?**
**Twihanangirizwa kunesha dute? Abaroma 12 : 21.**

**Icyitonderwa :** Ibibi biri ku isi. Bisobanurwa mu 1 Yoh 2 :16. « Kuko ikiri ku isi cyose, ari irari ry'umubiri, ari n'irari ry'amaso, cyangwa kwibona ku by'ubugingo. » Dukwiriye kugumya kwirinda kugira ngo ibyo bitadutsinda. « Ikigutsinze rimwe risa gisiga umutima utagira kivurira. Ingeso imwe mbi, iyo itarwanyijwe bikomeye, ikomeza ingoyi y'icyuma cy'ingobe, noneho igakagira impagarike yose.» **(MH. p. 510.)**

**Ni nde gusa ubasha kunesha iby'isi ? 1 Yoh 5 : 4 (ahabanza).**
**Icyitonderwa :** « Niba Abakristo bakoza umubiri wabo uburetwa, maze irari ryabo n'igishinja bigategekwa n'umutima uhana, bakiyumvisha yuko ari inshingano yabo ku Mana no kuri bagenzi babo kumvira amategeko y'umuze muke yo kwitungira amagara, bazibonera amahirwe yo kugira imbaraga y'umubiri n'iy'umutima.



Scanned with CamSc

Bazagira imbaraga itagira uko igereranywa yo kurwanya Satani; kandi mu izina rw'uwaneshejeje irari ku bwabo, bazarushaho kunesha. Uru rugamba ni urw'abantu bose bemeye kururwana. » **(4T. 35 , 36.)** Abantu babasha kunesha ku bwa Kristo gusa. «Ntacyo mubasha gukora mutamfite.» **Yoh 15 : 5.**

**3. Icyo tugomba kugira ni iki ngo tuneshe iby'isi? 1 Yoh 5: 4 (ahahera)**

**Icyitonderwa :** « Icyaturinda umwanzi gusa ni uko Kristo aba mu mitima yacu, ku bwo kwizera bitewe no gukiranuka kwe. Turamutse tutomatanye n'Imana, ntabwo twabasha kunesha ubwandu buterwa n'ubwiko, kwinezeza, n'ibishuko by'ibyaha. Wenda tubasha kureka ingeso nyinshi mbi, ariko tukaba dufite urutabi kuri Satani, tukaba tutomatanye n'Imana nyabyo, ari byo bizanwa no guhora tuyiyegurira buri kanya, nta cyatubuza kuneshwa. Iyo tutamenyeranye na Kristo ngo dukomeze komatana na we, tuba twigabije umwanzi, maze amaherezo akatwomaho .» **(DA. p. 324.)**

**Ku wa kabiri**

**4. Ni nde uduha kunesha? 1 Abakor 15 : 57.**
**Icyo twaneshesha Satani ni iki? Ibyah 12 : 10, 11.**

**Icyitonderwa:** « Abanesha uko Kristo yaneshejeje bakwiriye kwirinda ubwabo ibishuko bya Satani... Abenshi bifuza kuzahabwa ingororano yo kunesha, izahabwa abazanesha nyine, nyamara ntibashaka imiruho n'ubuhanya, no kwigomwa, nk'uko Umucunguzi wabo yabigenjeje. Ikizatuma tunesha nk'uko Kristo yaneshejeje si ikindi cyera cyirabura ni ukumvira no kugira umuhate udacogora. » **(3 T. p. 491.)** « Duhinduka abaneshi, iyo dufashije abandi kunesha, bitewe n'amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwacu. Kubahiriza amategeko y'Imana bizatuzamo vuba bitewe n'umutima wo kumvira, kandi umurimo ukoranywe bene uwo mutima, Imana irawemera.» **(7 BC. p. 974.)**

**Ku wa gatatu :**



Scanned with CamSc

**Ingororano z'abanesha ni izihe?**
**Ni nde uzarya ku giti cy'ubugingo? Ibyah 2 : 7.**
**Ni bantu ki batazagira icyo batwarwa n'urupfu rwa kabiri? Ibyah 2:11. Manu yahishwe yazigamiwe nde? Ibyah 2 : 17.**

**Ku wa kane**

**Ni nde uzambikwa imyenda yera? Ibyah 3 : 5.**
**Icyitonderwa :** « Ibihe byinshi abamarayika bajyaga bavugurura imitima y'abizera, bakerereza imitima yabo; bakayikuramo iby'isi, bagatuma ku bwo kwizera bareba imyenda yera, n'amakamba, n'amashami y'imikindo yo kunesha, ari byo abanesha bazahabwa ubwo bazaba bakikije intebe nini yera y'ubwami.» **(AA. p. 153.)**
**Ni nde uzahabwa izina rishya? Ibyah 3 : 12.**

**Ku wa gatanu**

**Ni nde uzicarana na Kristo ku ntebe y'ubwami? Ibyah 3 : 21.**

**Icyitonderwa:** «Ikamba ry'ubugingo rizashyirwa mu ruhanga rw' uzanesha gusa. » **( 5 T. 71.)**
**Isezerano ry›iby› uzanesha azagororerwa ryabumbiwe hamwe rite ? Ibyah 21 : 7.**

**Icyitonderwa :** « Ibyo ijisho ritigeze kureba, n'ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu. Ibyo byose Imana yabiteguriye abayikunda.» **1 Abakor 2 : 9.** « Ubutunzi bw'ibintu byose bizigwa n'abacunguwe n'Imana. » (GC. p. 677). Mbega ibitangaza tugamije! Biteganyirijwe abazanesha. Ngaho rero, ba umuneshi.

**Ku wa gatandatu : Kwibutsa rusange**



Scanned with CamSc

## ICYIGISHO CYA 13:

## ISUZUMA BUMENYI

**Icyo kwibukwa**: Musubire mubyo kwibukwa 12 n'amasomo yabyo.
**Umugambi w'icyigisho:** Kwihatira gusubiza ibibazo byose muri bubazwe no gusobanukirwa n'ibyigisho.

**Interuro**

Nudashobora kugira icyo usubiza muri ibi bibazo, usubire muri icyo cyigisho, ucyige neza.

**Ku wa mbere**

**Ubusonga bwa Gikristo ni ubuhe? Icyigisho cya 1.**
**Ugambirira gutanga icyacumi ute? Tanga urugero.**
**Umukristo akwiriye kugenza ate ubutegetsi? Icyigisho cya 2.**
**Umuyoboke wa Kristo akwiriye kugenza ate igihe amategeko yo ku isi anyuranye n'ay'ijuru ? Icyigisho cya 2.**

**Ku wa kabiri**

**Ubu Kristo arakora murimo ki mu ijuru? None se ubyumvaho iki? Icyigisho cya 3.**
**Vuga ubutumwa bw'Imana bw'imbuzi ku bo ku isi. Icyigisho cya 4.**
**Tuzabwirwa n'iki ko igihe cy'imbabazi kirangiye ? Icyigisho cya 4.**



Scanned with CamSc

**Ibyago by'abanyabyaha biheruka ni ibihe ? Icyigisho cya 5.**

**Ku wa gatatu**

**Kuki se inkozi z'ibibi zitazahabwa ubundi buryo bwo kwihana? Icyigisho cya 5**
**Imana yadusezeranyije isi imeze ite? Icyigisho cya 6.**
**Sobanura ibya Yerusalemu nshya. Icyigisho cya 6.**
**Igituma itorero rihabwa impano z'umwuka ni iki? Icyigisho cya 7.**

**Ku wa kane**

**Vuga impano y'indatwa kuruta izindi? Icyigisho cya 7.**
**Icyo Umwuka w'Ubuhanuzi umara ni iki ? Icyigisho cya 8.**
**Andika isomo rihamya yuko mu Itorero ryasigaye hazaboneka Umwuka w'Ubuhanuzi. Icyigisho cya 8.**
**Imihango y'Itorero Yesu yahanze ni iyihe? Icyigisho cya 9.**

**Ku wa gatanu**

**Buri muhango washyiriweho iki? Icyigisho cya 9.**
**Kuki wifuza kubatizwa? Icyigisho cya 10.**
**Ubutumwa buzamamazwa ku isi yose bute? Icyigisho cya 11.**
**Vuga ingororano abanesha bazahabwa. Icyigisho cya 12.**

**Ku wa gatandatu**

Musubire muri ibi bibazo byose; ibiruhije muri byo mwongere mubyiyigishe.



Scanned with CamSc

## INDUNDURO


Hariho ibindi byigisho byinshi by'ingenzi byo mu Ijambo ry'Imana bikwiriye kwigwa. Ntukabure kujya mu ishuri ryo ku Isabato ubudasiba. Jya wiga ibyigisho by'ishuri ryo ku Isabato buri munsi, mbese ubyige nk'uko wize ibi byigisho by'abitegura kugaruka k'Umwami wacu.

SEVENTH DAY ADVENTIST CHURCH
ASA NYARUGENGE
EAST CENTRAL RWANDA CONFERENCE



Scanned with CamScanner

# UKURI UKUBWIRWA N'IJAMBO RY'IMANA



Scanned with CamSc